



**KOLEJI Y'UBUREZI
ISHURI RY'UBUREZI**

**IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE Y'IKINYAZINA NGENERA NGENGA
N'IKINYAZINA NDAFUTURA MU MASHURI YISUMBUYE**

UBUSHAKASHATSI BWAKOZWE na :
BAGARAGAZA Jean Prospère
NOMERO Y'UMUMYESHURI : 220001937

UBUSHAKASHATSI BUMURIKIWE GUHESHA NYIRABWO
IMPAMYABUMENYI Y'UBUZOBERE MU ISHAMI RY'IKINYARWANDA
N'UBUREZI MURI KAMINUZA Y'U RWANDA, KOLEJI Y'UBUREZI

ABAYOBOZI B'UBUSHAKASHATSI: Dr. NGOBOKA Jean Paul

Mr. BAYAVUGE Jules

Kamena 2022

UBUHAMYA

Ngewe, BAGARAGAZA Jean Prospère ndemeza ko ibikubiye muri uyu murimo w'ubushakashatsi ari umwimerere. Ni umurimo wange bwite kandi ndahamya ko nta handi wakozwe ku mpamyabumenyi iyo ari yo yose haba muri kaminuza y'u Rwanda, kaminuza zigenga cyangwa mu bindi bigo. Ahakoreshejwe ibitekerezo by'abandi, byaragaragajwe kandi uyu murimo wasuzumwe ikigero k'isusisha n'indi mirimo.

Amazina : BAGARAGAZA Jean Prospère

Nomero : 220001937

Umukono :



Itariki : 09/ 06 /2022

Umuyobozi : Dr. NGOBOKA Jean Paul

Umukono:



Itariki:10 / 06 /2022

GUTURA

Ku

Mugore wange,

Umwana wange,

Mama na data,

Ba masenge na ba marume,

Bashiki bange na murumuna wange,

Databukwe na mabukwe,

Baramu bange bose,

Inshuti n'abavandimwe,

Uyu murimo ndawubatuye.

GUSHIMIRA

Uyu murimo ntiwari gushoboka iyo hatabaho ubufasha, inama no guterwa umwete n’abantu batandukanye. Mbikuye ku mutima, ndashimira cyane abayobozi b’ubu bushakashatsi Dr. Jean Paul NGOBOKA na Mr. Jules BAYAVUGE ku nama zabo.

Mbikuye ku mutima, ndashimira cyane umugore wange nkunda MUKANTAMBARA Marie Chantal wagize uruhare rukomeye mu myigire yange.

Ndashimira kandi ababyeyi bange SUBUTARIHO Célèstin na NYIRANSABIMANA Pascasie na murumuna wange IGIRUKWISHAKA Jean François Régis bahora bampangayikiye mu myigire yange.

Munyemerere nshimire cyane muramu wange BIZIMANA Joseph na madamu we MUKANDAHIRO Jacqueline ku bufasha n’inama byabo. Ndashimira kandi muramu wange HABIMANA Alphonse uburyo yamfashije guhera mu ntangiriro y’uyu mushinga.

Ndashimira abarimu banyigishije muri iki Kiciro ndangije na Dr. Odette wadufashije kumenya uko dusesengura amakuru dukoresheje SPSS. Abadufashije kubona amakuru n’abandi bose bagize uruhare mu iyandikwa ry’iki gitabo turabashimiye kandi tubasabiye umugisha utagabanyije.

INSHAMAKE

Ikemezo cyo gukora ubushakashatsi ku myigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura mu mashuri yisumbuye cyatewe n'ibibazo bibiri. Icyamba mbere ni uko nta bitabo byihariye bivugaga kuri ibi binyazina mu buryo bwimbitse. Gusobanukirwa imiterere y'ibi binyazina bigoranye abarimu n'abanyeshuri kuko ababyanditseho babisobanura mu buryo butandukanye bigateza urujijo.

Icyamba kabiri, ubumenyi bushingiye ku kugaragaza intêgo y'ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura mu bushakashatsi bwamuritswe ndetse n'ibitabo bikoreshejwe mu mashuri ntibuhagije kuko usanga batabisesengura babivuye imuzi. Kuba ingeri yo gusesengura itaritaweho mu bushakashatsi bwakozwe mbere kandi nta buryo bw'ikoranabuhanga buhari bwafasha umuntu kugaragaza uturemajamba tw'ibinyazina na byo ni ikindi kibazo tutakirengagiza.

Ubu bushakashatsi bugamije gutanga umusanzu mu gukemura ikibazo k'imyigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura cyanecyane mu kugaragaza intêgo, no kwerekana inzira zo kubikemura. Ubu bushakashatsi bwayobowe n'ihanga ryo kwigira mu muryango n'amahame yo kwitegereza, kwigana no kurebera ku bandi.

Kugira ngo ibi bigerweho, hakozwe isesengura n'ijora by'inyandiko zifitanye isano n'iyi nsanganyamatsiko. Si ibyo gusa, ahubwo twanasesenguye amakuru yibanze abarimu n'abanyeshuri batanze. Itoranye ry'itsinda nkeshwamakuru ryakozwe hifashishijwe uburyo bwo guhitamo itsinda nkeshwamakuru bwa tombora yoroheje ku banyeshuri no guhitamo itsinda nkeshwamakuru rishingiye

ku mpamvu ku barimu. Muri ubu bushakashatsi twakoresheje kandi uburyo nyamubaro n'ubw'iyiga nyamiterere.

Ubu bushakashatsi bugizwe n'imitwe itanu. Umutwe wa mbere ukubiyemo umwinjizo rusange. Hasobanuwe ikibazo cy'ubushakashatsi, impamvu twahisemo iyi nsanganyamatsiko n'icyo ubu bushakashatsi buzamarira abo bwakorewe. Twasobanuye kandi inteego n'ibibazo by'ubushakashatsi, imbago n'uburyo bwakozwemo. Umutwe wa kabiri ukubiyemo ibyanditswe mbere ku kinyazina ngenera ngenga na ndafutura. Twagaragaje ibyagezweho, icyuho gihari n'icyakorwa ngo hanozwe ibitanoze. Umutwe wa gatatu ugaragaza uburyo ubu bushakashatsi bwakozwe. Werekana imiterere yabwo, iyoboranzira, itsinda shingirwaho n'itsinda nkeshwamakuru.

Mu mutwe wa kane, amakuru yakusanyijwe yarasesenguwe hifashishijwe igikoreshe k'ikoranabuhanga mu Cyongereza kitwa Statistical Package for the Social Sciences (SPSS) ku banyeshuri. Twerekanye ubwisubire n'ijanisha igisubizo runaka cyabonetse. Ku barimu, hakoresheje ikoranabuhanga ritwerekana ibisubizo maze dusobanura ayo makuru. Imbonwa zagaragaje ko abarimu n'abanyeshuri badasobanukiwe neza ibi binyazina. Ikifujwe ni uko kugira ngo abarimu basobanukirwe neza imiterere y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura bakeneye amahugurwa, gusoma n'izindi nyandiko ziri mu ndimi z'amahanga no gukora ubushakashatsi ku ngingo badasobanukiwe ndetse no kugira ihuriro rihoraho ririmo n'inzobere mu Kinyarwanda.

Amagambo fatizo: Imyigire n'imyigishirize, ikinyazina ngenera ngeenga, ikinyazina ndafutura, iyigantego n'ikoranabuhanga.

ABSTRACT

The decision to investigate teaching and learning possessive and indefinite pronouns in secondary school has been motivated by two issues. Firstly, there are no specific books available talking deeply about these pronouns. Understanding possessive pronouns' features has become challenging to teachers and students because of authors' different explanations which cause ambiguity.

Secondly, there are not enough published works that clearly explain how to divide possessive and indefinite pronouns into morphemes. Not having software which can help us identify morphemes of pronouns is another issue which is compounded by the confusion caused by different writers.

This research aims at contributing to solve the problem of teaching and learning possessive and indefinite pronoun especially identifying word morphemes. The current study; is based on social learning theory and observation, imitation and modeling principles.

To achieve these, different research books related to this topic were analysed. Choosing sample population, we used simple random sampling for students and purposive sampling for teachers. The study is a mix of quantitative and qualitative research.

The current study has five chapters. Chapter one is about general introduction. It is explained the research problem and the research contribution to the readers. The objectives, research questions, scope and limitations and methodology were discussed. Chapter two is a compilation of possessive and indefinite pronouns related studies. It presents existing knowledge, highlights gap and addresses

solutions. Chapter three shows methodology used as well as target and sample population.

In chapter four, data collected were analysed using Statistical Package for the Social Sciences (SPSS) software for students looking at frequencies and percentages of how a given answer is repeated. Teachers used mobile technology then we discussed their data. The data revealed that both teachers and students do not understand well these pronouns. It was suggested that for teachers to understand Possesive and indefinite pronouns features they need training, reading even books written in other languages and carry out research to the aspects they do not understand and meet regularly with Kinyarwanda specialists.

Keywords: Teaching and learning, possessive pronoun, indefinite pronoun, morphology and technology

IMPINE N'IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE

±: ishobora kugira cyangwa kutagira

→: ihinduka

ϕ: iburizwamo, ubusa

/: iyo

-: iri imbere

: ubutinde ku gicumbi

J: inyajwi

D: indomo

RK: indangakinyazina

C: igicumbi

RG: indangangenga

S: umusuma

Ng: ngenga

Ub: ubumwe

Ubw: ubwinshi

Urg: urugero

Ing: ingero

Rkzn: indangakinyazina

Kzn: ikinyazina

Cg: cyangwa

Imb: imbonerahamwe

A0: Ikiciro cya kabiri cya kaminuza

A1: Ikiciro cya mbere cya kaminuza

SPSS: Statistical Package for the Social Sciences

ISHAKIRO

UBUHAMYA	ii
GUTURA	iii
GUSHIMIRA	iv
INSHAMAKE	v
ABSTRACT	vii
IMPINE N’IBIMENYETSO BYAKORESHEJWE	ix
ISHAKIRO	x
URUTONDE RW’IMBONERAHAMWE	xv
UMUTWE WA I: INTANGIRIRO RUSANGE	1
1. 0. Intangiriro	1
1.1. Imiterere y’ikibazo	6
1. 2. Ihitamo ry’insanganyamatsiko	8
1. 3. Intego z’ubushakashatsi	8
1.3.1. Intego rusange	8
1. 3. 2. Intego ziihâriye.....	8
1. 4. Ibibazo by’ubushakashatsi	9
1. 5. Imbago z’ubushakashatsi	9
1. 5. 1. Imbago ku rwego rw’inyigo.....	9
1. 5. 2. Imbago ku rwego rw’igihe n’ahantu.....	9
1. 6. Uburyo bwakoreshejwe	10
1. 7. Imiterere y’igitabo	11

2. 1. Inshoza y'ikinyazina	15
2. 2. Ikinyazina ngenera	21
2. 2. 1. Inshoza y'ikinyazina ngenera	21
2. 2. 2. Intêgo y'ikinyazina ngenera.....	21
2. 2. 3. Uko ikinyazina ngenera gikoreshwa	22
2. 2. 4. Inyito z' ikinyazina ngenera.....	24
2. 3. Ikinyazina ngenga	26
2. 3. 1. Indangangenga z'ikinyazina ngenga.....	27
2. 3. 2. Intêgo y'ikinyazina ngenga.....	28
2. 3. 3. Ibicumbi by'ikinyazina ngenga n'aho bikoreshwa	29
2. 3. 4. Indi mikoreshereze y'ikinyazina ngenga	32
2. 4. Ikinyazina ngenera ngenga cyangwa k'inyunge	34
2. 4. 1. Inshoza y'ikinyazina ngenera ngenga/ k'inyunge.....	36
2. 4. 2. Intêgo y'ikinyazina ngenera ngenga	37
2. 4. 3. Isesengura ry'ikinyazina k'inyunge	38
2. 5. Ikinyazina ndafutura	41
2. 5. 1. Inshoza n'uturango by'ikinyazina ndafutura	41
2. 5. 2. Intêgo y'ikinyazina ndafutura	42
2. 6. Ikoranabuhanga mu myigire n'imyigishirize by'ikinyazina k'inyunge na ndafutura	46
2. 7. Ihange ryayoboye ubu bushakashatsi.....	47
2. 8. Umusozo	48
UMUTWE WA III: IYOBORANZIRA/IYOBORAMIKORERE	49

3.0. Intangiriro	49
3. 1. Ibisobanuro ku kibazo cy'ubushakashatsi	49
3. 2. Imbata y'ubushakashatsi	50
3. 3. Amakuru yakusanyijwe	51
3. 4. Itsinda nkeshwamakuru	52
3. 5. Uburyo bwo gutoranya itsinda nkeshwamakuru.....	55
3. 6. Ibikoresho byakoreshejwe mu ikusanyamakuru	57
3. 7. Inzira n'igihe urupapuro rw'ibibazo by'ikusanyamakuru byamaraga.....	58
3. 8. Isesengura ry'amakuru.....	58
3. 9. Imbogamizi	59
3.10. Umusozo	59
UMUTWE WA IV: ISESENGURA RY'AMAKURU YAKUSANYIJWE....	60
4.1. Itsinda nkeshwamakuru	60
4.2. Uburyo n'ibikoresho byifashishijwe mu isesenguramakuru.....	61
4. 2. 1. Uko abanyeshuri basubije ikiciro cya mbere k'ibibazo	61
4. 2. 2. Uko ikiciro cya kabiri k'ibibazo cyasubijwe	70
4. 2. 3. Uko ikiciro cya gatatu k'ibibazo cyasubijwe.....	83
4. 3. Uko abarimu basubije	101
4. 3. 1. Uko abarimu basubije ikiciro cya mbere k'ibibazo.	105
4. 3. 2. Uko ikiciro cya kabiri k'ibibazo cyasubijwe	109
4. 3 3. Ibisubizo ku kiciro cya gatatu k'ibibazo	120
4. 4. Umusozo	127

UMUTWE WA V: UMWANZURO RUSANGE N'IBYIFUZO	128
5. 1. Umwanzuro Rusange	128
5. 2. Ibyifuzo	132
INDANGASOKO	134
IMIGEREKA	139
Umugereka wa 1: Urutonde rw'amuga yakoreshejwe lexicon	139
Umugereka wa 2: Ibaruwa ya Kaminuza y'u Rwanda inyemerera gukusanya amakuru.....	141
Umugereka wa 3: Ibaruwa y'akarere ka Rwamagana inyemerera gukusanya amakuru.....	142
Umugereka wa 4: konsenti fomu	143
Umugereka wa 4: Ibaruwa n'urutonde rw'ibibazo bigenewe abanyeshuri	145
Umugereka wa 5: Ibaruwa n'urutonde rw'ibibazo bigenewe abarimu.....	151
Umugereka wa 6: Imbonerahamwe y'ibinyazina ngenera ngenga	123
Umugereka wa 7: Imbonerahamwe y'ibinyazina ndafutura	125

URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

Imb 1: Igitsina cy'abanyeshuri n'ibyiciro bigamo

Imb 2: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo ngewe

Imb 3: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo ngewe tugereranyije n'imyaka bigamo

Imb 4: Ibitekerezo by'abanyeshuri ku bwoko bw'ijambo bange

Imb 5: Ibisubizo abanyeshuri batanze ku bwoko bw'ijambo undi

Imb 6: Ibisubizo abanyeshuri batanze ku bwoko bw'ijambo bamwe

Imb 7: Ibisubizo by'abanyeshuri ku bwoko bw'ijambo abandi

Imb 8: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo ubundi

Imb 9: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo kumwe

Imb 10: Isesengura ry'ibisubizo by'abanyeshuri ku isesengura ry'ijambo wowe

Imb 11: Ibisubizo abanyeshuri batanze ku isesengura ry'ijambo bange

Imb 12: Isesengura ry'ibisubizo by'abanyeshuri ku isesengura ry'ijambo ze

Imb 13: Isesengura ry'ibisubizo by'abanyeshuri ku isesengura ry'ijambo bacu

Imb 14: Isesengura ry'ibisubizo by'abanyeshuri ku intego ry'ijambo abaândi

Imb 15: Ibisubizo abanyeshuri batanze ku isesengura ry'ijambo uwanyu

Imb 16: Ibisubizo abanyeshuri batanze ku isesengura ry'ijambo twebwe

Imb 17: Ibisubizo abanyeshuri batanze ku isesengura ry'ijambo undi

Imb 18: Isesengura ry'ibisubizo by'abanyeshuri ku intego y'ijambo ayandi

- Imb 19: Isesengura ry'ibisubizo by'abanyeshuri ku intego y'ijambo we
- Imb 20: Uko abanyeshuri bahisemo uturemajambo tw'ijambo uwunduwundi
- Imb 21: Uko abanyeshuri bahisemo intego y'ijambo iyindi
- Imb 22: Ibisubizo abanyeshuri batanze ku isesengura ry'ijambo indiyindi
- Imb 23: Ingorane abanyeshuri bafite mu myigire y'ikinyazina ngenera ngenga
- Imb 24: Ibitera ingorane abanyeshuri bafite mu myigire y'ikinyazina k'inyunge
- Imb 25: Ingorane abanyeshuri bafite mu myigire y'ikinyazina ndafutura
- Imb 26: Ibitera ingorane abanyeshuri bafite mu myigire y'ikinyazina ndafutura
- Imb 27: Ibyakorwa kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe neza imiterere y'ikinyazina k'inyunge n'isesengura ryacyo
- Imb 28: Ibyakorwa kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe neza imiterere y'ikinyazina ndafutura n'isesengura ryacyo
- Imb 29: Urwego ikoranabuhanga ryafashaho abanyeshuri kwiga ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura
- Imb 30: Urwego ibitabo mfashanyigisho bifashaho abanyeshuri gusobanukirwa ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura
- Imb 31: Ibitabo abarimu bifashiasha bigisha ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura
- Imb 32: Ibindi bitabo bikoresheha byiyongera ku byavuzwe
- Imb 33: Inshoza y'ikinyazina ngenera ngenga
- Imb 34: Ibitekerezo abanyeshuri batanze ku inshoza y'ikinyazina ndafutura
- Imb 35: Ibitabo abarimu bagaragaje ko bifashisha bigisha ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura.

UMUTWE WA I: INTANGIRIRO RUSANGE

1. 0. Intangiriro

Ikibonezamvugo ni ikoraniro ry'amategeko imikoreshereze y'ururimi ishingiyeho (Coupez, Kamanzi, Bizimana et al.: 2005). Iyubahiriza ry'amategeko agenga imikoreshereze y'ikibonezamvugo rifasha mu ikungahaza ry'ururimi ari rwo ngobyi y'umuco n'igikoresho cy'ubwumvane. Ikinyarwanda, ururimi rw'u Rwanda, ni ururimi rumwe mu ndimi zikomeye kandi zikize ku isi ariko rugenda rwangizwa no guhura n'indimi z'amahanga. Urujijo mu kwigisha Ikinyarwanda¹ Nsanzabiga (2012).

Ururimi rw'Ikinyarwanda kuva kera rukomeje kwitabwaho rukungahazwa binyuze mu bwanditsi bw'ubuvanganzo ndetse n'ubw'ikibonezamvugo. Turebye uko Ikinyarwanda cyagiye kitabwaho mu ngeri y'ikibonezamvugo, turasanga ubwanditsi bw'ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda bwaratangiye mu kinyejana cya 20. Nk'uko Bizimana (1998) abivuga, uwabimburiye abandi kwandika ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda ni umupadiri wera witwa Eugène HUREL mu wa 1911 yasohoye inyandiko yise "Manuel de la langue Kinyarwanda". Iyi nyandiko yabaye ishingiro ry'inyandiko zakurikiyeho kugeza magingo aya kuko ikubiyemo byinshi ku kibonezamvugo k'Ikinyarwanda.

Mu gihe Abanyarwanda bari bakiri mu icuraburindi bataratangira kugana amashuri, abazungu bakomeje imirimo yo gukungahaza ururimi rw'Ikinyarwanda

¹ Kinyarwanda- the language of Rwanda- appears to be one of the world's most complex and possibly richest, but increasingly endangered by foreign influences. Dilemma in teaching Kinyarwanda, Nsanzabiga (2012).

bandika ibitabo by'ikibonezamvugo bitandukanye. Twavugamo inyandiko ya Schmasher Pierre yise “La phonétique du Kinyarwanda”. Iyo nyandiko yasohotse mu byiciro bine mu igazeti yitwa “Anthropos” mu myaka ya za 1921-1922, 1923-1924, 1929 na 1931. Guillebaud (1938) yunzemo na we yandika “Runyarwanda grammar”. Ni igitabo k'ikibonezamvugo kirimo n'imyitozo. Ibi bitabo byose byandikwaga bishingiye ku ndimi z'amahanga ku buryo twavugaga ko ari ihindurira ry'ibigaragara mu kibonezamvugo cyo mu ndimi z'i Burayi.

Abanyarwanda na bo ntibasigaye inyuma ngo batererane ururimi rwabo. Ku mwaduko w'abazungu hashinzwe amashuri, Abanyarwanda batandukanye barayayoboka maze bayavomamo ubumenyi bwabafashije gucengera amategeko agenga ururimi rw'Ikinyarwanda ari byo twita ikibonezamvugo. Abanyarwanda ba mbere bakirangiza amashuri batangiye kwandika ku kibonezamvugo k'Ikinyarwanda. Bizimana (1998) avugaga ko uwabimburiye abandi ari padiri Nkongoli Lawurenti wanditse “Ikibonezamvugo cy'amashuri yo mu Rwanda”. Iki ni cyo kibonezamvugo cya mbere cyanditswe mu Kinyarwanda bituma kuva mu wa 1946 kiba ifatizo ry'amasomo yigishwa mu mashuri abanza.

Kuva ikibonezamvugo cyanditswe mu rurimi rw'Ikinyarwanda kibonetse, ntabwo imirimo y'ubwanditsi bw'ikibonezamvugo yahagaze. Abandi banditsi bakomereje muri uwo mujyo kandi bombi abanyamahanga n'Abanyarwanda batanga umusanzu wabo bakungahaza Ikinyarwanda binyuze mu kwandika ibitabo by'ikibonezamvugo haba mu Kinyarwanda cyangwa mu zindi ndimi. Muri bo twavugaga umupasitoro w'Umunyamerika Arthur HANDS mu wa 1952 yasesenguye izina, inshinga, ikinyazina n'amarangamutima mu gitabo yise “The elements of Runyarwanda for English-Speaking students”. Alegisi Kagame yanditse ibitabo by'ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda ariko ibyinshi abyandika mu

Gifaransa ku buryo impuguke ku kibonezamvugo bemeza ko ibikubiye mu bitabo bye bigora abigisha kubisobanukirwa bityo bakabyigisha uko bitari. Ibi ni imbogamizi ziterwa nuko Abanyarwanda benshi batisanzura mu rurimi yabyanditsemo.

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco igaragaza ko uko ibihe byagiye bisimburana abandi bashakashatsi b'abahanga bagiye batangaza inyandiko zabo zitandukanye harimo n'iya Andereya Coupez yise "Grammaire Rwanda Simplifiée. Iyi mirimo yose y'ubwanditsi twavuze haruguru yakozwe mbere y'ubwigenge bwo mu wa 1962.

Mu gihe cy'ubwigenge ntabwo abashakashatsi bicaye ahubwo bakomeje gukaza umurego kugira ngo banoze ikibonezamvugo, ndetse hagenda haziramo n'abandi benshi b'Abanyarwanda. Abanditsi batanze umusanzu wabo mu gukungahaza Ikinyarwanda mu gihe cy'ubwigenge kugeza ubu harimo: Coupez (1980) yanditse "Abrégé de grammaire Rwanda", Kimenyi (1980) yanditse "A relational grammar of Kinyarwanda na A tonal grammar of Kinyarwanda (2002)", Oveldulve (1988) yanditse "Précis de grammaire Kinyarwanda", Jouannet (1983) yanditse "Le Kinyarwanda, langue bantu du Rwanda", Mutake (1990) yanditse "Ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda: Iyigamajwi n'iyigamvugo", Igiraneza (1991) yanditse "Ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda: Iyigamajwi n'iyigamvugo", Nkongoli (1964) yanditse "Grammaire du Kinyarwanda". Shimamungu (1991) yanditse "Système verbale temporelle du Kinyarwanda", Bizimana, Nibagwire na Zorc (2007) banditse "Kinyarwanda and Kirundi Comparative Grammar".

Si abo gusa bagize uruhare mu ikungahaza ry'ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, kuko na Editions Bakame (2010) yanditse "Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza

n'ayisumbuye" ariko ntibasesengura ibinyazina. Hand (2013) yanditse "A comprehensive Guide to Kinyarwanda". Zeller na Ngoboka (2014) banditse "On Parametric Variation with particular reference to Kinyarwanda na Conjoint-disjoint alternation in Kinyarwanda (2017)". Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) banditse "Umusogongerero ku Rurimi n'Iyigantego by'Ikinyarwanda", Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2017) yanditse "Ikibonezamvugo (2019), 'Ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda mu Rwanda n'Ikibonezamvugo icapwa rya kabiri" n'abandi tutarondoye muri uyu murimo cyanecyane abanditse inyandiko ngufi z'ubushakashatsi kuri izi ngingo twakozeho twabavuzeho mu mutwe wa kabiri.

Nubwo hakozwe byinshi ku kibonezamvugo k'Ikinyarwanda, ntibyabuze kugenda bigaragaza inenge zibangamira abakenere kubyifashisha kuko usanga bigenda bivuguruzanya bityo bigatera urujijo ababikenere cyanecyane abarimu n'abanyeshuri. Ibitabo byinshi kandi byanditswe mu ndimi z'amahanga. Ibi ni imbogamizi ikomeye kuko byanditswe mu ndimi abarimu n'abanyeshuri batisanzuramo bigatuma batabikoresha, n'abagerageza kubyifashisha babikoresha nabi kuko batabisobanukiwe.

Mu nama yo kumurika igazeti "Umurage" n'ibindi bitabo byanditswe n'Inteko y'Umuco 2020-2021 yabaye ku wa 22/Nzeri/2021, Prof. Niyomugabo Cyprien yavuze ko guhindura ari ugutandukira bityo rero ari yo mpamvu abandika mu Kinyarwanda n'abarimu bakigisha bibagora kuko badafite inyandiko zihagije basoma ziri mu Kinyarwanda ahubwo, bibasaba izindi mbaraga zo guhindura ibyanditswe mu zindi ndimi. Ibi kandi yabigarutseho mu kiganiro yagiranye n'abanyeshuri bakorera Impamyabumenyi y'Ubuzobere mu burezi ishami ry'Ikinyarwanda mu wa 2021.

Mu by'ukuri usanga imyigire n'imyigishirize y'ibinyazina ngenera ngenga na ndafutura mu yandi magambo twita ndasigura ari ingorabahizi ku barimu ndetse n'abanyeshuri byagera ku kugaragaza intêgo zabyo bigahumira ku mirari. Ibi biterwa nuko nta bitabo by'ikibonezamvugo byanditse mu Kinyarwanda bihagije kandi byuzuzanya bifasha abarimu n'abanyeshuri gusobanukirwa neza ubumenyi kuri ibyo binyazina. Kuba nta nkoranabuhanga zakwifashishwa mu gushaka uturemajambo tw'ibinyazina na yo ni indi mbogamizi kuri iyi ngingo. Ni muri urwo rwego tubona hakenewe ubushakashatsi bukubira hamwe ubumenyi bwose ku kinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura ku buryo bwumvikana cyafasha umuntu wese ushaka gusobanukirwa byimbitse ibyo binyazina.

Nyuma yo gusoma no gusesengura ibitabo byanditswe bivuga ku kinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura cyanecyane mu kugaragaza uko biteye, uko bisesengurwa, nshingiye ku bigaragara mu bitabo bifatwa nk'ikitegererezo ku kibonezamvugo k'Ikinyarwanda byanditswe n'abashakashatsi b'abahanga bavuzwe muri iyi ntangiriro, nshingiye kandi ku biganiro twagiranye n'abarimu n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye ku myigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura iriho muri iki gihe, twagaragaje icyakorwa mu rwego rwo kuboneza imyigishirize yabyo.

“Amagambo y'Ikinyarwanda, kimwe n'amagambo y'izindi ndimi zibarizwa mu itsinda ry'indimi zitwa Bantu ashirwa mu matsinda nyantego atandukanye hakurikijwe zimwe mu ngingo zikurikira: igoragoza, imiterere y'indanganteko, isanisha, ubwoko bw'uturemajambo amagambo aba afite ndetse n'igisobanuro cy'amagambo” Nzanzabiga na Twilingiyimana (2015). Hakurikijwe ingingo y'imiterere y'indanganteko, amagambo agoragozwa y'Ikinyarwanda ashirwa mu matsinda ane y'ibanze ari yo itsinda ry'inshingiro, itsinda ry'ibinyazina, itsinda

ry'inshinga n'itsinda ry'indangahantu. Muri aya matsinda ane, uyu murimo wibanze ku itsinda ry'ibinyazina gusa.

Ubu bushakashatsi bwibanze ku bintu bibiri by'ingenzi. icya mbere ni ukugaragaza uko ikinyazina ngenera kihaza n'ikinyazina ngenga bikarema ikinyazina k'inyunge mu yandi magambo twita ikinyazina ngenera ngenga no kwerekana imiterere n'inyito by'ikinyazina ndafutura. Dushingiye ku mbonwa z'ubu bushakashatsi ndetse n'ubumenyi dufite kuri ibi binyazina dukesha ibyo twasomye, ibyo twigishijwe n'ubusesenguzi twakoze, aho dusanga ibitanzwe turabinoza ndetse ibiteye urujijo nabyo tubisobanure mu buryo bwumbikana. icya kabiri ni ugusesengura byimbitse ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura kuko abashakashatsi benshi batigeze babyitaho kandi biteza ikibazo gikomeye abigisha n'abiga ikibonezamvugo kuko buri wese abisesengura uko abyumva. Duhereye ku byo twabonye mu bitabo twasomye, bigaragara ko nta buryo rusange buhuriweho na bese bwo gusesengura ibi binyazina.

Ubu bushakashatsi bwahuriye hamwe ubumenyi buzafasha umuntu wese uzabusoma gusobanukirwa imiterere y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura n'uko bibaho. Buboneza kandi intêgo z'ibi binyazina hakiyongeraho n'ubundi bumenyi bukuraho urujijo mu myigishirize yabyo.

1.1. Imiterere y'ikibazo

Ubu bushakashatsi bufite umutwe witwa: "Imyigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura mu mashuri yisumbuye". Iki ni igice cya ngombwa mu bushakashatsi. Ni ipfundo ry'ubushakashatsi kuko nta kibazo gihari nta bushakashatsi bwakorwa. Muri iki gice, twasobanuye imiterere y'ikibazo

twifashishije inyandiko z'abandi banditsi zishyigikira ibitekerezo byacu kuri iyi ngingo.

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2016) igaragaza ko kuva igitabo cya mbere k'ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda gisohotse kugeza ubu, ibikorwa byo kwandika ntibyabuze kugaragaza inenge zagiye zibangamira abakenera kubyifashisha. Hari ibyo abanditsi badahurizaho ahubwo ugasanga bavuguruzanya bityo bigatera urujijo abakenera kubikoresha. Muri ibyo harimo n'ibigaragara mu myigire n'imyigishirize y'ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura cyanecyane mu misesengurire yabyo. Urugero rw'isesengura ry'ijambo zê mu nteruro, akunda inka zê: zi-ϕ-ϕ-ê cg uwundi: u-u-: ndi.

Kugaragaza imiterere n'isesengura by' ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura ntibyagiye bivugwaho rumwe. Urg: Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) na Bizimana (1998) bavuga ko igicumbi k'ikinyazina ndafutura ari -: ndi (gitinda) nyamara birengagiza ko hari n'ikinyazina ndafutura kigufi kigira igicumbi - ndi (kibanguka). Mugengano (2016) we yongeraho n'igicumbi -mwe avuga ko kigaragara igihe cyakoranye n'amazina ari mu bwinshi. Urg: bamwê, imwê, hamwê n'îbiîndi.

Ku kinyazina ngenera ngenga cyo muri ngenga ya gatatu inteko ya mbere, amasura yacyo ntagaragazwa neza. Ngenga ya mbere n'iya kabiri z'ubwinshi aho "tu" ihinduka "cu" naho "mu" ikaba "nyu" usanga babisobanura mu buryo butandukanye kandi bigateza ingorane mu isesengura. Ibitabo mfashanyigisho nabyo bibisobanura mu buryo butandukanye n'ubw'aba bashakashatsi twavuze hejuru.

Uko kudahuriza ku kintu kimwe bituma ababyigisha mu mashuri babikora uko babyumva bityo ugasanga ari abarimu cyangwa abanyeshuri bo mu mashuri

atandukanye bakoresha porogaramu imwe ariko ibyigishwa ugasanga bitandukanye.

1. 2. Ihitamo ry'insanganyamatsiko

Amahitamo y'umuntu aterwa n'imbamutima ze. Ibyo umuntu abona, yumva n'ibyo atekereza bishobora kumutera kugira ibyo akunda cyangwa yanga. Umuntu ashobobora kugira ibyo yerekezaho umutima ashingiye ku kamaro bimufitiye cyangwa bifititiye umuryango muri rusange.

Iyi nsanganyamatsiko twayihisemo kugira ngo dusuzume urwego abarimu n'abanyeshuri basobanukiweho ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura, ingorane bafite n'icyakorwa ngo babisobanukirwe neza.

1. 3. Intego z'ubushakashatsi

1.3.1. Intego rusange

Ubu bushakashatsi bufite intego rusange yo gukemura ikibazo k'imyigire n'imyigishirize by'ibinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura cyanecyane mu kugaragaza intêgo n'ubundi bumenyi kuri byo.

1. 3. 2. Intego ziihâriye

1. Gusuzuma ikigero abarimu n'abanyeshuri basobanukiweho isesengura ry'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura.
2. Kugaragaza icyuho kigaragara mu myigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura.
3. Gusesengura byimbitse ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura no gutanga inama z'uko imyigishirize y'ibi binyazina yanozwa.

1. 4. Ibibazo by'ubushakashatsi

Kugira ngo intego z'ubu bushakashatsi zigerweho, umurimo wayobowe n'ibibazo bikurikira:

1. Ni ku kihe kigero abarimu n'abanyeshuri basobanukiweho isesengura ry'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura?
2. Ni iki kigera abarimu n'abanyeshuri ku kinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura?
3. Hakorwa iki kugira ngo abarimu n'abanyeshuri basobanukirwe isesengura ry'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura?

1. 5. Imbago z'ubushakashatsi

Buri kintu mu buzima kigira intangiriro n'iherezo ibyo bikaba imbago zacyo. Ubu bushakashatsi na bwo bufite aho bwibanze n'aho bwagarukiye kuko ntibwakoze kuri buri bumenyi bwo mu kibonezamvugo kandi ntibwakoze mu Rwanda hose.

1. 5. 1. Imbago ku rwego rw'inyigo

Uyu murimo wiga ku iremwa, imiterere, imisesengurire y'ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura no kutabyitiranya n'ubundi bwoko bw'amagambo. Ubu bushakashatsi kandi buboneza byimbitse imiterere n'intêgo by'ibyo binyazina. Hanakusanyijwe kandi hasesengurwa ibyanditswe mbere bifitanye isano n'iyi nsanganyamatsiko.

1. 5. 2. Imbago ku rwego rw'igihe n'ahantu

Ubu bushakashatsi bwakozwe mu mwaka wa 2021 hagendewe ku mabwiriza ya Kaminuza y'u Rwanda yari ariho muri icyo gihe. Ku banyeshuri bwakorewe mu

mashuri atatu yisumbuye yigisha indimi mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye yo mu karere ka Rwamagana ari yo "TTC Bicumbi, GS Muyumbu na GS Bihembe". Impamvu twahisemo aya mashuri nuko ariyo afite ikiciro cya kabiri gifite ishamba ry'Indimi n'Ubuvinganzu. Ku barimu twifashishije abo twabashije kugeraho bigisha Ikinyarwanda mu karere ka Rwamagana, Kayanza, Ngoma, Gicumbi, Kicukiro, Rutsiro, Musanze na Nyagatare. Impamvu twabashisemo nuko twasanze ababarizwa muri aya mashuri twakuyemo abanyeshuri ari batatu bonyine bigisha Ikinyarwanda tubona ari bake bityo kuko twohereje urutonde rw'ibibazo twifashishije inkoranabuhanga, twarebye abandi barimu bo mu tundi turere dushobora kugeraho. Ibi kandi byatumye ubushakashatsi bwacu bugira ubwizerwe kuko twabajije abarimu bigisha mu turere dutandukanye tw'Igihugu.

1. 6. Uburyo bwakoreshejwe

Hakoreshejwe uburyo bwo gusoma no gusesengura ibitabo by'ubushakashatsi n'ibindi byifashishwa mu mashuri bifitanye isano n'insanganyamatsiko yacu. Hakoreshejwe kandi urutonde rw'ibibazo byabajijwe abarimu mu buryo bw'inkoranabuhanga n'ibindi byabajijwe abanyeshuri basubiriza ku mpapuro. Hifashishijwe uburyo bwo guhitamo itsinda nkeshwamakuru bwa tombora yoroheje ku banyeshuri no guhitamo itsinda nkeshwamakuru rishingiye ku mpamvu ku barimu. Habajijwe ibitsina byombi kandi twasesenguye amakuru yakusanyijwe twifashishije inkoranabuhanga ya SPSS. Twakoresheje uburyo bw'ibarurishamibare n'ubw'iyiga nyamimerere cyangwa nsesengurabitekerezo.

1. 7. Imiterere y'igitabo

Ubushakashatsi bwacu bugizwe n'imitwe itanu. Umutwe wa mbere, ukubiyemo umwinjizo rusange ugaragaza ishusho y'ubu bushakashatsi. Twasobanuye ikibazo cy'ubushakashatsi, impamvu yatumye duhitamo iyi nsanganyamatsiko n'icyo ubu bushakashatsi buzamarira abo bwakorewe. Twasobanuye kandi inteego z'uuyu murimo, imbago n'uburyo bwakozwemo.

Umutwe wa kabiri, ni isesengura ry'ibyanditswe mbere ku kinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura. Twagaragaje ibyagezweho, icyuho gihari n'icyakorwa ngo hanoze ibitanoze. Umutwe wa gatatu, uragaragaza uburyo ubu bushakashatsi bwakozwe. Werekana iyoboranzira, itsinda shingirwaho na nkeshwamakuru. Twasobanuye uko ikusanyamakuru ryateganyijwe gukorwa n'amakuru yabonetse uko agomba gushyirwa mu matsinda ahabwa ibirango. Hagaragaramo kandi uko amakuru yakusanyijwe agomba gusobanurwa.

Umutwe wa kane, ni isesengura n'isobanura by'amakuru yakusanyijwe. Umwanzuro rusange n'ibyifuzo ni byo bigize umutwe wa gatanu. Nyuma y'iyi mitwe, twongeyeho indangasoko n'imigereka. Inyandiko ya gihanga yakoreshejwe ku ngero no ku magambo ashobora gutera urujijo gusa.

UMUTWE WA II: ISESENGURA RY'IBYANDITSWE KU KINYAZINA K'INYUNGE N'IKINYAZINA NDAFUTURA

2. 0. Intangiriro

Nkejabahizi (2018) asobanura ko gusesengura ibyanditswe bifitanye isano no kwitegereza no kuzirikana. Bisaba kwibaza ku cyo usesengura kuko kiba giteye amatsiko nka ka gaseke gapfundikiye. Ni ngombwa ku gihambura cyangwa kugishwanyaguza ariko utacyangije kugira ngo urebe uko umwanditsi wacyo yakidanaze maze ugakuramo icyo ushaka ukongera ukagisubiza uko wagisanze. Gasimba (2004) yongeraho ko gusesengura ibyanditswe ari ukwigerezaho kuko ari ukwinjira mu mutima w'umuntu ugendeye ku byo yanditse.

Mukama na Nkusi (2019) bemeza ko kugira ngo ubushakashatsi bugire ireme n'ubwizerwe, umushakashatsi agomba kubanza gusoma ibyakozwe mbere ku bitekerezo shingiro ashaka kwigaho maze akabisesengura agamije kubicengera yibaza impamvu byakozwe mu buryo ubu n'ubu aho gukorwa mu bundi. Bakomeza basobanura ko ubushakashatsi butaberaho kuvumbura ubumenyi gusa butagamije gukemura ibibazo biriho kimwe n'uko budashingira ku gukemura ibibazo biriho gusa ngo busige inyuma guhanga ubumenyi bushya.

Bagira inama abashakashatsi ko badakwiye kwirengagiza inyandiko z'ubushakashatsi zanditswe n'abanyeshuri barangiza ikiciro cya mbere n'icya kabiri cya Kaminuza cyanecyane mu ishami ry'indimi nubwo kuzibona bigoye. Hari abanyeshuri benshi bakoze ubushakashatsi ku ngeri zinyuranye z'ikibonezamvugo. Ikibabaje ni uko izo nyandiko zaheze mu nzu z'ibitabo za Kaminuza, tukaba tudashobora kuzibona ngo zidufashe muri ubu bushakashatsi.

Nk’uko twabigarutseho mu ntangiriro y’iki gitabo, Mukama na Nkusi (2019) bavuga ko muri iki gihe abashakashatsi bo mu Rwanda bakunze gukora ubushakashatsi bifashishije indimi mvamahanga cyanecyane icyongereza n’Igifaransa; ibyo bigakorwa hirengagijwe ko mu Rwanda abaturage barenga 99.4% bazi gusa Ikinyarwanda nk’ururimi bashobora kumva no kuganiramo, ari na rwo rurimi rwabo kavukire.” Nubwo atari ubwa mbere bivugwa ariko nti hagire igihinduka, ibi bigomba kuvugururwa ubushakashatsi bwinshi bugakorwa mu Kinyarwanda.

Muri uyu mutwe, turagaragaza aho ibyo abandi bashakashatsi banditse bihuriye cyangwa bitandukaniye n’inyigo yacu. Turagira icyo tubivugaho twerekana amahange n’iyoboramikorere byakoreshejwe maze dutahuremo ubwiza bwabyo, ubwuzuzanye, igishya ubushakashatsi runaka bwagiye buzana ndetse n’icyuho bwazizemo. Mu kugaragaza icyuho, ikitaravuzwe cyangwa igishobora gukosorwa mu bushakashatsi, twabikoze twisunze amahange cyangwa iyoboranzira biriho cyanecyane ariko ibya vuba.

Isesengura n’ijora twakoze muri uyu mutwe, rishingiye ku kwerekana inshamake y’ibyanditswe mbere ku nshoza y’imiterere y’ikinyazina ngenera ngenga n’ikinyazina ndafutura ndetse n’isesengura ryabyo n’urujijo biteza. Twerekanye kandi inyito ibi binyazina bigira bitewe n’aho byakoreshejwe. Turagaragaza uko ibyo binyazina biremwa. Turerekana ibitarakozweho ubushakashatsi ku bitekerezaho shingiro tugiye kuvugaho, twerekane icyuho tugiye kuziba tunagaragaza ibitaritaweho cyangwa ibyakosorwa.

Muri uyu mutwe, ni ho mu by’ukuri tugagariza umusanzu wacu tugira icyo duhindura cyangwa igishya twoongera ku bumenyi bwari busanzwe. Indundo

y'ubu bushakashatsi igizwe, n'inyandiko z'abahanga zatangajwe n'izitaratangajwe n'inyandiko ngufi z'ubushakashatsi kandi twahisemo izo twabonye zadufasha kuboneza inyigo yacu. Ni ngombwa kureba igishya ubushakashatsi bwagiye bwungura mu bumenyi bikadufasha kunoza ubu bushakashatsi.

Ntabwo twakwihandagaza ngo tuvuge ko ubushakashatsi ku kinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura ari twe ba mbere babukoze kuko dufite abatubanjirije twagendeyeho ahubwo, icyo twakoze ni ukongeraho ibyo abandi banditsi batashyizemo. Abashakashatsi bagiye bakora inyigo ku kibonezamvugo muri rusange ugasanga ibinyazina ngenera ngenga na ndafutura nabyo babigarukaho ariko mu nshamake. Ntibasobanura neza uko ikinyazina ngenera ngenga cyavutse n'imiterere yacyo ntisobanurwa kimwe.

I kibonezamvugo ni kigari ku buryo buri mushakashatsi ahitamo icyo yibandaho afatiye ku byakozwe akagira icyo yongeraho, akosora cyangwa akemeranywa n'ibyemejwe n'abamubanjirije. Ni muri urwo rwego muri iki gice dusesengura ibyanditswe mbere hashingiwe ku magambo y'ingenzi akomoka ku bitekerezo shingiro by'ubu bushakashatsi.

Ibitekerezo shingiro twibanzeho ni: kugaragaza ibyakozwe ku inshoza z'ikinyazina muri rusange; ikinyazina k'inyunge/ngenera ngenga na ndafutura; indanganteko z'ikinyazina n'ibitekerezo byacu bwite; kwerekana ibitaragezweho mu kugaragaza uko ikinyazina ngenera kihuza n'ikinyazina ngenga bikarema ikinyazina k'inyunge ndetse tukemeranywa aho biri ngombwa. Turagaragaza kandi intêgo z'ibinyazina ngenera ngenga na ndafutura mu buryo byimbitse

ndetse tunakureho urujijo rw'abitiranya ikinyazina ndafutura n'ubundi bwoko bw'amagambo bwitwa impushabwoko.

Tugendeye ku izina ryahaye ubu bwoko, dusanga harimo inshoza yo "guhusha". Guhusha bikaba bivuga "Kudahamya ikintu uteye cyangwa urashe." Ibi bishatse kuvuga ko ubu bwoko bw'ijambo bwaba buvuga amagambo atavuga neza ikigambiriwe, ariko si ko biri.

BIZIMANA (1998:224) avuga ko impushabwoko ari ijambo ryo mu bwoko bw'ahinduka rishyirwa mu nteko cyangwa muri ngenga igennye rikareka ubwoko risanganywe rigafata ubw'amagambo adahinduka. Akomeza avuga ko impushabwoko zivuka ku mazina, ntera, ku binyazina ndetse no ku nshinga, kandi ayo magambo agakunda kugira inyibutsanteko itagira ijambo rizwi yibutsa, kandi ntirishobora kugenga isanisha mu buryo busanzwe.

Impushabwoko ni ijambo ryakoreshejwe mu buryo butuma rita ubwoko ryari ririmo maze kubera kuburirwa inyito rigashyirwa mu bwoko bw'impushabwoko, kuko intego yaryo yo kuba ijambo rindi riba ryayihushije cyangwa ryayinyuze ku ruhande. Riba ryenda kuba mu bwoko runaka ariko rigatandukira amahame n'amabwiriza agenga amagambo yo muri ubwo bwoko, kandi ntirigire ubundi bwoko ryisangamo. Turagaragaza kandi uruhare rw'ikoranabuhanga mu koroshya imyigire, imyigishirize n'isesengura ry'ibinyazina.

2. 1. Inshoza y'ikinyazina

Inshoza y'ikinyazina yavuzweho n'abashakashatsi benshi dufataho ikitegererezo nka Bizimana (1998), Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015), Inteko y'Umuco (2017, 2019) n'abandi ariko bose ntibahuriza ku nshoza imwe. Usanga bamwe

bagerageza gutanga inshoza ikubiyemo iby'ingenzi ku kinyazina ariko bakagira ibyo badashyiramo, ahubwo ukabisanga ku bandi bashakashatsi. Aho rero niho ubushakashatsi bugaragariza umwihariko n'uburyohe kuko ubushakashatsi bwuzuzanya. Mbere yo gusobanukirwa n'ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura turabanza dusobanukirwe n'ikinyazina muri rusange twifashishije ibyo abandi bashakashatsi bavuze.

Bizimana (1998) asobanura ko ikinyazina ari ijamba ry'inkomanteko ryenda gutera nk'izina, ariko bigatandukanywa nuko ibicumbi byacyo bibaze, iby'izina bikaba byinshi cyane. Kigirwa n'indanganteko n'igicumbi kandi bishobora kubanzirizwa n'indomo. Byongeye kandi inyibutsanteko yacyo mu nteko zimwe itandukanye n'iy'izina bisangiye inteko. Ikinyazina gisobanura ijamba ku buryo bunyuranye, nko guhamya, kubara, kwerekana, kubaza n'ibindi.

Nsanjabiga na Twilingiyimana (2015) bo bongeraho ko ikinyazina ari ijamba risobanura andi magambo cyangwa rikayasimbura. Hakurikijwe imiterere yacyo, ikinyazina kigizwe n'indanganteko z'ikinyazina n'ibicumbi byihariye. Ibinyazina bimwe na bimwe bigira urwego rwa ngenga ya mbere n'ya kabiri (ubumwe n'ubwinshi), mu gihe amazina yo agira inteko zihwanye na ngenga ya gatatu.

Mu gusobanura iyi ngingo reka twifashishe urugero rw'imbonerahamwe igaragaza ngenga ya mbere n'ya kabiri (ubumwe n'ubwinshi). Iyi mbonerahamwe irasobanura neza izo ngenga uko ziteye n'isesengura ryazo nk'uko byagaragajwe n'abashakashatsi Nsanjabiga na Twilingiyimana (2015).

Imbonerahamwe igaragaza ngenga ya mbere n'ya kabiri (ubumwe n'ubwinshi)

Ngenga ya:	Indangangenga	Ingero z'ibinyazina	Uturemajambo
mbere y'ubumwe	(n)gi-	(n)ge	(n)gi-e
kabiri y'ubumwe	u-	We	u-e
mbere y'ubwinshi	tu-	Twe	tu-e
kabiri y'ubwinshi	mu-	Mwe	mu-e

Iyi mbonerahamwe twayifashishije tuyikuye mu gitabo cya Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015).

Ibicumbi by'ibinyazina biratandukanye bikurikije ubwoko bw'ikinyazina. Hari ibinyazina bigira ibicumbi byinshi ibindi bikagira ibicumbi bitera urujijo. Ibinyazina bimwe na bimwe bikunze kuruhanya mu kugaragaza uturemajambo, kubera imiterere yabyo isobetse. Hari ibiyomeka ku magambo biba biherekeje. Ibinyazina byiyomeka ku magambo bibanziriza, Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) babyise inyomekwambere banatanga urugero rw'ikinyazina ngenera kiyomeka ku kinyazina ngenga, bikarema ikinyazina ngenera ngenga (abaâcu bahuûngu). Iki ni cyo kinyazina cya cumi kiyongera ku binyazina nyereka, mpamagazi, mbanziriza, ngenera, ngeenga, mbaza, mboneranteko, ndafutura n'ikinyazina nyamubaro, ariko bo bakaba batagifata nk'ubwoko bwihariye bw'ikinyazina. Si aba bashakashatsi gusa bakirengagije kuko na Oveldulve (1988) mu gitabo k'ikibonezamvugo yise “Précis de grammaire Rwanda”, Coupeux (1980) “Abrégé de grammaire Rwanda” ntacyo bakivugaho. Iyi ni yo mpamvu nyamukuru yaduhaye umukoro wo kugisobanura no kugisesengura byimbitse muri ubu bushakashatsi.

Aba bashakashatsi nubwo hari ingingo zimwe batandukaniraho mu gusobanura, hari n'izindi bahuriraho nko kugaragaza ko amazina ashyirwa mu nteko cumi n'esheshatu zigize ngenga ya gatatu. Bitewe n'ubwoko bw'ikinyazina, hari ibinyazina bishobora kugira inteko cumi n'ikenda bityo ku nteko cumi n'esheshatu hakiyongeraho inteko ya cumi na karindwi, iya cumi n'umunani n'iya cumi n'ikenda ariko zikisanisha mu nteko ya cumi na gatandatu. Inteko ya 17 “ku” ihinduka kwa iyo ikurikiwe n'izina ry'umuntu cg ivuga ku rugo rwa runaka. Urugero: kwa Rukara.

Inteko ya 18 “mu” igaragaza ikintu kiri mu kindi kandi igira impindurantego ya mwa. Urg amatâ ari mu gikoômbe. Inteko ya 19 “i” ntabwo ikoresheya imbere y'amazina rusange ahubwo ikoresheya cyane imbere y'amazina y'ibihugu by'ibituranyi by'u Rwanda nko muri Kongo, Burundi na Uganda. Nk'uko bivugwa na Ngoboka (2016) iyi ndanganteko ihura n'iya 25 mu ndimi bantu.

Reka twifashishe urugero rwatanzwe na Bizimana (1980) rugaragaza inteko z'ibinyazina ziyongera ku nteko z'amazina.

Inteko ya cumi na karindwi (kû-)

Kwaa mugaanga:

ku-a

Inteko ya cumi n'umunani (mu-)

Mwaa Kâmaâli:

mu-a

Inteko ya cumi n'ikenda (i-)

I wa Mûreenzî:

i-u-a

Aba bashakashatsi kandi bashoboye kugaragaza amoko ikenda y'ibinyazina nk'uko byavuzwe hejuru ari yo: ikinyazina nyereka, mpamagazi, mbanziriza,

ngenera, ngeenga, mbaza, mboneranteko, ndafutura n'ikinyazina nyamubaro. Nk'uko twabivuze hejuru, biragaragara ko birengagije ikinyazina ngenera ngenga.

Bongeraho ko ibinyazina bigira indanganteko zitandukanye n'iz'amazina mu nteko ya mbere n'iya gatatu, mu ya kane n'iya kenda, mu ya gatandatu no mu ya cumi. Bagaragaje kandi ko indangakinyazina yo mu nteko ya mbere ari "u" ikoreshwa havugwa abantu naho mu nteko ya gatatu ni "u" ikoreshwa havugwa ibintu. Inteko ya kane n'iya kenda indanganteko ni "i". Mu nteko ya gatandatu ni "a" naho mu nteko ya cumi ikaba "zi". Muri ubu bushakashatsi turibanda ku kinyazina ndafutura n'ikinyazina k'inyunge bititaweho mu bushakashatsi bwabanjirije ubu.

Ikinyazina ni ijambo risobanura izina. Gishobora kurigaragira cyangwa kikarisimbura. Ibinyazina bimwe bishobora kugira indomo, ibindi ntibiyigire, bishobora kugira igicumbi, ibindi ntibikigire, bishobora kugira umusuma, ibindi ntibiwugire ariko byose bigahurira ku ndanganteko zikubiye mu nteko cumi n'esheshatu z'amazina hakiyongeraho inteko ya cumi na karindwi, iya cumi n'umunani n'iya cumi n'ikenda. Inteko z'ibinyazina zitandukanye n'iz'amazina mu nteko ya mbere, iya gatatu, iya kane, iya gatandatu, iya kenda n'iya cumi. Indangakinyazina zo muri izi nteko zishobora kugira impindurantego mu binyazina bimwe na bimwe nk'uko tuzabibona mu gusesengura ikinyazina ndafutura n'ikinyazina ngenera ngenga kuko ari byo twibanzeho muri ubu bushakashatsi. Indanganteko z'ibinyazina nk'uko zagaragajwe na Bizimana (1998) ni:

Inteko ya	Indanganteko	Inteko ya	Indanganteko
1.	u-	11.	ru-
2.	ba-	12.	ka-
3.	u-	13.	tu-
4.	i-	14.	bu-
5.	ri-	15.	ku-
6.	a-	16.	ha
7.	ki-	17.	ku-
8.	bi-	18.	mu-
9.	i-	19.	i-
10.	zi-		

Ku byo Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) bavuze ko ibinyazina bishobora kugira indomo ari ibinyazina nyereka, nyamubaro, ndafutura, mbanziriza n'ibinyazina ngenera harimo icyuho kuko birengagije ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina kibaza. Ingero: Ikinyazina k'inyunge umwana wacu (uwacu), ikinyazina kibaza (abahe bana?). Mu by'ukuri, iyo urebye mu bushakashatsi butandukanye usanga ikinyazina ngenera ngenga gisa nkaho kirengagijwe kuko abashakashatsi benshi batakigaragaza mu bwoko bw'ibinyazina. Kugira ngo dusobanure neza ikinyazina k'inyunge turabanza twifashishe ibyo abandi bashakashatsi bavuze ku kinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga. Izi ndangakinyazina na zo ziteye urujijo. Umuntu yakwibaza impamvu hamwe zigizwe n'inyajwi gusa ahandi ingombajwi n'inyajwi.

2. 2. Ikinyazina ngenera

2. 2. 1. Inshoza y'ikinyazina ngenera

Bizimana (1998) asobanura ko ikinyazina ngenera gihuza ijambo rikigenga n'irindi bifitanye amasano anyuranye. Kigira indanganteko z'ikinyazina zisanzwe n'ibicumbi -a na -ô. Kuri iyi ngingo, Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015:51) bongeraho n'igicumbi -â. Editions Bakame (2013:91) basobanura bati: “ikinyazina ngenera ni ikinyazina gihuza amazina abiri agaragaza isano kandi yuzuzanya cyangwa izina n'inshinga iri mu mbundo byuzuzanya. Gihuza kandi izina n'ikinyazina nyamubaro cyangwa izina n'indangahantu kikagira igicumbi -o n'igicumbi -a.

Dusesenguye ibivugwa muri izi nyandiko eshatu gusa, dushingiye kandi ku buryo ibicumbi by'ikinyazina ngenera byagaragajwe turasanga hamwe bagaragaza ibicumbi bibiri -a na -ô ifite isaku nyejuru. Aha kabiri, kuri biriya bongeraho na -â ifite isaku nyejuru na ho aha gatatu ho, bagaragaza ibicumbi bibiri byose bifite isaku nyesi -a na -o. Ibi ubwabyo bitera urujijo ku barimu no ku banyeshuri kuko kumenya iby'ukuri biragoye.

Mu kubiha umurongo, twavugaga ko ikinyazina ngenera kigira ibicumbi -ô na â bifite isaku nyejuru n'impindurantêgo ya -a ifite isaku nyesi ikoreshwa gusa igihe ikinyazina ngenera gikurikiwe n'ijambo ritangijwe n'ingombajwi. Ikinyazina ngenera gikoreshwa muri ngenga ya gatatu gusa mu nteko cumi n'esheshatu.

2. 2. 2. Intêgo y'ikinyazina ngenera

Ikinyazina ngenera gishobora kugira indomo cyangwa ntikiyigire, kigira indanganteko ikunze kwitwa indangakinyazina n'igicumbi.

$\pm$ indômo (D) + indâangakînyaazîna (Rkzn) + igicuûmbi “ô”; “â” ~ “a”. Ibi bicumbi turasobanura uko bikorehwa twifashishije ingero zatanze hasi.

Intêgo twavuze hejuru twayigaragaza mu buryo bw’impine gutya: $\pm$ D + Rkzn + C

Ibicumbi {ô}, {â} ~ {a} bikorehwa ku kinyazina ngenera ngenga mu buryo butandukanye. Ingero zigaragaza uko bikorehwa twazitanze hasi.

Ingero:

Umwâana wa Kâlîîsa: u-a	$u \rightarrow w/- J$
Uwa Kâlîîsa: u-u-a	$u \rightarrow w/- J$
Inkokô yô kuryâ: i- ô	$i \rightarrow y/- J$
Iyô kuryâ: i-i- ô	$i \rightarrow y/- J$

2. 2. 3. Uko ikinyazina ngenera gikorehwa

Umwanditsi Bizimana (1998:160-161) yagaragaje uburyo butanu ikinyazina ngenera gikorehwa. Turerekana ubwo buryo uko yabuvuze ariko dutange n’ingero zibisobanura zacu bwite.

1. Iyo gikurikiwe n’izina ritangijwe n’inyajwi, iyo nyajwi ifata isaku nyajuru.

Ingero:

Ikâraâmu y’ûmutuku

Inkâ y’îbihogô

Igicumbi -a gifite isaku nyesi gikora muri rusange. Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015:51) bo bakuraho urujijo bemeza ko impîindurantêgo ifite isaku nyesi - a ikorehwa igihe ikinyazina ngenera gikurikiwe n’ijambo ritangijwe n’ingombajwi na ho igicumbi -â kigakorehwa iyo ikinyazina ngenera gikurikiwe

n'ijambo ritangijwe n'inyajwi. Ikinyazina ngenera kigira indomo iyo gisimbuye ijambo cyagombye kunga n'irindi.

Ingero:

Inkokô zaa Karekezi: zi-a Karekezi $i \rightarrow \phi / -J$

Izaa Karekezi: i-zi-a Karekezi $i \rightarrow \phi / -J$

Umweênda wa Kâmaana: u-a Kâmaana $u \rightarrow w / -J$

Uwa Kâmaana: u-u-a Kâmaana $u \rightarrow w / -J$

Umweênda w'ûmuhoondo: u- â umuhoondo $u \rightarrow w / -J$

Icy'ûmukara: i-ki-â umukara $i \rightarrow y / -J$ $ky \rightarrow cy$ mu nyandiko (mu myandikire)

Aba bashakashatsi bese baturiza ku kuba ikinyazina ngenera gifite igicumbi -ô gikora imbere y'inshinga iri mu mbundo, indangahantu (ku, kuri, mu, muri, i) n'imigereka y'ahantu imwe n'imwe itabanjirijwe n'inyajwi cyangwa idafite indomo.

Ingero:

Inkokô yô kuryâ i- ô kuryâ $i \rightarrow y / -J$ iyô kuryâ: i-i-ô $i \rightarrow y / -J$

Ihenê zô kûu Nkôombo: zi-ô $i \rightarrow \phi / -J$ izô kûu Nkôombo: i-zi-ô $i \rightarrow \phi / -J$

Ibibiîngwa byô kurî Base: bi-ô $i \rightarrow y / -J$ ibyô kurî Base: i-bi-ô $i \rightarrow y / -J$

2. Iyo ikinyazina ngenera gikurikiwe n'ijambo ribaza nde, inyajwi yacyo iba ndende maze isaku ryo kuri nge rikimukira kuri icyo kinyazina.

Urugero:

Umwâana waâ nde? u-â $u \rightarrow w / -J$

3. Mu ntêgo mbonera y'ikinyazina ngenera iyo indangakinyazina yacyo igizwe n'inyantego imwe kirabanguka ariko iyo ikurikiwe n'amagambo mbere, nyuma cyangwa nde inyajwi yo ku ndangakinyazina yacyo iba ndende.

Ingero:

Umwâaka waa mbere

Inkooko yaâ nde?

Indîriimbo zaa Kâmaana

4. Mu ntêgo mbonera y'ikinyazina ngenera iyo indangakinyazina yacyo igizwe n'inyantego ebyiri kandi kigakurikirwa n'ijambo ritangijwe n'inyajwi kirakatwa. Iyo gikurikiwe n'ijambo ridafite indomo, inyajwi yacyo iratinda.

Ingero:

Itâra ry'ûmutuku

Ibyaâtsi byaa Karîtaasi

Agatêbe kaa Kinyarwaanda

Mu kugaragaza uko ikinyazina ngenera gikoreshwa, ibitabo mfashanyigisho bikoreshwa mu mashuri yisumbuye, bimwe na bimwe bitanga inshoza gusa n'ingero nke mu nteruro ariko ntibisesengura cyangwa ngo byerekane inzira nk'uko abandi bashakashatsi bibisobanuye n'aho biri ugasanga bidahuza amakuru. Uko kudahuza amakuru, bituma abarimu n'abanyeshuri bakomeza guhera mu gihirahiro bakabura ibyo bafata n'ibyo bareka. Ubwo birangira buri wese yirwanyeho uko ashoboye.

2. 2. 4. Inyito z' ikinyazina ngenera

Umushakashatsi Bizimana (1998:) na Coupez (1980) bagaragaje ko ikinyazina ngenera gishobora kugira inyito esheshatu.

- i. Inyito ya mbere n'ukugaragaza imiterere cyangwa imimerere y'ikintu, umuntu cyangwa inyamaswa;

Ingero:

Umusôre w'îgikweêrere

Inkâ y'înguumba

Ihenê y'îjigîja

Isâro ry'ûumwêeru

- ii. Ikinyazina ngenera kigaragaza utunze cyangwa ufite ikintu, ununtu cyangwa inyamaswa;

Ingero:

Umwâana wa Kalîsa

Indobô y'ûmukenê

Inzu y'ûmugabo ²

- iii. Gishobora kugaragaza inkomoko cyangwa ubwoko;

Ingero:

Umugorê w'Ûmuruûndi

Inyuumbati y'î Gitarâma

Insînâ y'înyâmuunyo

- iv. Ikinyazina ngenera gishobora kugira inyito yo kubara;

Ingero:

Inzu ya gâtatu

Umwâaka w'îbihuumbi bibiri

- v. Gishobora kugira kandi inyito yo guteganyiriza cyangwa kugenera;

Ingero:

Ibiryô byô kuryâ

Igihe cyô kuryâama

Umupîîra wô kwaambara

- vi. Iki kinyazina gishobora kandi kugira inyito ihamya.

² inzu y'umugabo “la maison de l’homme” Coupez (1980).

Ingero:

Umujiyi wa Kîgalî

Ukwêezi kwaa Mûtarâma

Ikinyazina ngenera gifite imiterere isobanutse uretse abashakashatsi bamwe bagenda bongeramo ibintu bituma gishobora gutera abantu urujijo. Nk’uko byasobanuwe hejuru, gifite inyito zumvikana n’uko gikoreshwa. Gishobora kugira indomo cyangwa ntikiyigire, kigira indangakinyazina n’ibicumbi “ô”; “â” ~ “a”. Gikoreshwa muri ngenga ya gatatu gusa mu nteko cumi n’esheshatu Bizimana (1998), Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) na Coupez (1980).

2. 3. Ikinyazina ngenga

Ikinyazina ngenga kerekeza inyito yacyo kuri nyakuvuga, nyakubwirwa na nyakuvugwa, kigasobanura ibyo ari byo. Iyo kerekeye kuri nyakuvugwa kiboneka mu nteko zose. Mu gitabo cya Edition Bakame (2013:91) cyateguriwe amashuri abanza n’ayisumbuye, bavuga ko ikinyazina ngenga ari “ijambo rihagarariye uvuga, abavugwa n’ikivugwa, rihagarariye kandi ubwirwa, ababwirwa, ahavugwa n’ibindi.

Abashakashatsi Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015:52) basobanura ko ibinyazina ngenga bifite intêgo y’indanganteko n’igicumbi ariko rimwe na rimwe hakiyongeraho umusuma/inyomekwanyuma. Kuba igisobanuro k’ikinyazina ngenga kerekeza kuri za ngenga, ni ukuvuga kuri nyakuvuga, kuri nyakuvugwa, nyakivugwa cyangwa nyakubwirwa iyi ngingo bayemeranywaho na Bizimana (1998).

2. 3. 1. Indangangenga z'ikinyazina ngenga

Isanisha ry'ikinyazina ngenga rigaragazwa n'indangangenga. Muri ngenga ya mbere y'ubumwe indangangenga ni gi-. Iyi ndangangenga igira impindurantego ya n-gi-. Urugero : ge : gi-e ~nge : n-gi-e. Itegeko ry'igenamajwi ryakoreshejwe hano ni : $i \rightarrow \phi / -J$. Indangangenga ya ngenga ya kabiri y'ubumwe igaragazwa na u-. Urugero : we : u-e ushaka kuvuga umuntu ukwegereye. Hari n'abashobora kongeraho umusuma we bikaba wewê. Kubera guturana kw'indimi, wewê ni imvugo ikoresheya mu gihugu cy'abaturanyi cy'Uburundi naho mu Rwanda inyajwi "e" yo ku nyerera "w" ya mbere isimbuzwa "ô" bikabyara wowê : u-o (wê). Itegeko ry'igenamajwi ryakoreshejwe hano ni : $u \rightarrow w / -J$. Ibi nabyo kandi bifite igisobanuro gikomeye mu iyigamajwi.

Nk'uko Bizimana (1998 :13) abisobanura mu gitabo Imiterere y'Ikinyarwanda, inyajwi [e o] ziri mu rwego rwa kabiri rw'iyatu zikitwa impinayatu kuko zivugwa ingingo z'imivugire zenda kwegerana. [e] ivugirwa imbere naho [o] ikavugirwa inyuma. Birumvikana rero ko nta gitangaza kirimo guhinduranya umwanya w'imivugirwe ahubwo ni bwa bwiza Ikinyarwanda kifitemo bwo kuba ari ururimi rw'urusobe.

Indangangenga ya ngenga ya mbere y'ubwinshi ni tu-. Urugero : twe : tu-e, naho indangangenga ya ngenga ya kabiri y'ubwinshi ni mu-. Urugero : mwe : mu-e. Iyo tugeze kuri ngenga ya gatatu dutangira inteko z'amagambo, indanganteko yayo yitwa inyibutsanteko Bizimana (1998 : 154). Itegeko ry'igenamajwi ni : $u \rightarrow w / -J$.

Hari ibinyazina ngenga bikunze kwiyo meka ku inshinga itondaguye cyangwa iri mu mbundo mu nteko z'indangahantu, ari zo inteko ya cumi na gatandatu, iya

cumi na karindwi, iya cumi n’umunani n’iya cumi n’ikenda. Ibyo binyazina byandikwa mu ijambo rimwe (bifatanye) n’inshinga cyangwa imbundo. Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015: 54).

Ingero:

Intêeko ya 16 “ha”, 17 “ku”, 18 “mu”, 19 “i”.

Imbundo/ inshinga itondaguye	Imbundo/inshinga ifatanye n’ikinyazina	Ikinyazna ngeenga	intêgo
Gutêrura/ yatêruye	gutêrurahô/ yatêruyehô	hô	ha-ô
Kugeendera/bageendera	kugeenderakô/ bageenderakô	kô	ku- ô
Gutêeka/ duteeka	gutêekamô/ duteekamô	mô	mu-ô
Kugera/ bagera	kugerayô/ bagerayô	yô	i- ô

2. 3. 2. Intêgo y’ikinyazina ngenga

Ikinyazina ngenga kigizwe n’indangangenga n’igicumbi. Hari igihe usanga kiyometseho inyomekwanyuma zitwa imisûumâ.

Indangangenga (RG) + igicumbi (C) – umuûsumâ (S)

Mu mpine: RG + C – S

Ingero:

Mwee murûiraata:	mu-e:	$u \rightarrow w \neq J$
Mwêembî muuzi ubwêenge:	mu-e-mbî (umusûumâ mbî):	$u \rightarrow w \neq J$
Twe turi abana :	tu-e :	$u \rightarrow w \neq J$
Tweebwê turi abahaânga :	tu-e-bwê (umusûumâ) :	$u \rightarrow w \neq J$

2. 3. 3. Ibicumbi by'ikinyazina ngenga n'aho bikorehwa

Bizimana (1998) avuga ko ikinyazina ngenga gifite ibicumbi bine ari byo -e, -ê, -o na -ô. Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015 : 54) bo bemeza ibi bicumbi bine ariko bakongeraho icya gatanu ari cyo – ϕ . Editions Bakame (2013) ho bemeza ibicumbi bitatu ari byo : -e, -ê na -ô hanyuma igicumbi -o gifite isaku nyesi bakagisobanura bagaragaza ko ari impindurantego y'igicumbi -ô gifite isaku nyejuru.

Igicumbi -ô

Intêgo mbonera y'igicumbi k'ikinyazina ngenga ni -ô kuko ari yo ikorehwa muri rusange. Iki gicuûmbi gikora mu ntêeko zôose zitarî iya mbere igihe ikinyâazîna gikurîkiwe n'înshiinga irî mu nsôbaanuzi Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) na Bizimana (1998).

Ingero :	uturemajambo	amategeko yigenamajwi
Bô baaruhutse	ba- ô	$a \rightarrow \phi / -J$.
Ibyo nî byô byiizâ	bi- ô	$i \rightarrow y / -J$.

Ikitonderwa : Igicumbi – ô gihindukka -o ifite isaku nyesi iyo ikinyazina ngenga kibanjirijwe n'impakanyî “nta”. Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) na Bizimana (1998).

Ingero :	uturemajambo	amategeko y'igenamajwi
Ntaabwo mbonâ	bu-o	$u \rightarrow w / -J$
Ntaatwo ndeebâ	tu-o	$u \rightarrow w / -J$

Igicumbi -o

Igicumbi –o gifite isaku nyesi gikoreshwa mu mwanya w’igicumbi –e gifite isaku nyesi mu kinyazina ngenga kiri muri ngenga ya kabiri y’ubumwe gifite umusûumâ –we. Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) na Bizimana (1998).

Urugero :	uturemajambo	amategeko
y’igenamajwi		
Umuhaânga nî wowê	u-o-wê	u→w/-J

Igicumbi -ê

Ikinyazina ngenga gifite igicumbi –ê gikoreshwa mu nteko ya mbere. Gikora muri ngenga ya 3 y’ubumwe. Iki gicumbi kandi gishobora gukorana na ngenga ya mbere n’iya kabiri z’ubwinshi iyo zongeweho imisuma se, mbi, na nyine. Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) na Bizimana (1998).

Urugero :	uturemajambo	amategeko y’igenamajwi
Umwâana nî wê mwîizâ	u- ê	u→w/-J
Mwe mwêembî	mu- ê-mbî	u→w/-J
Mwe mwêese	mu- ê-se	u→w/-J
Twe twêenyinê	tu- ê-nyinê	u→w/-J

Igicumbe - ê gifite isaku nyajuru gikoreshwa no mu kinyazina ngenga kiyunze n’ikinyazina ngenera

Urugero :	uturemajambo	amategeko y’igenamajwi
Umwâana wê	u- φ - φ - ê	u→w/-J, a→ φ/-J

Ikitoronderwa : Igicumbi – ê gihindukka –e ifite isaku nyesi iyo ikinyazina ngenga kibanjirijwe n’impakanyu “nta”.

Urugero :	uturemajambo	amategeko y'igenamajwi
Ntaa we ngirâ	u-e	u→w/-J

Ikinyazina ngenga gifite igicumbi -e rimwe na rimwe gikoreshwa mu ihamagara.

Ing:	uturemajambo	amategeko y'igenamajwi
------	--------------	------------------------

Yeê we waa mwâana we	u-e	u→w/-J
----------------------	-----	--------

Yeê mwe mwaa bagorê mwe	u-e	u→w/-J
-------------------------	-----	--------

Igicumbi -e

Ikinyazina ngenga gifite igicumbi -e gikoreshwa muri ngenga ya mbere y'ubumwe n'iy'ubwinshi na ngenga ya kabiri y'ubwinshi. Iki gicumbi kandi gikunda gukorana n'imisûumâ -bwê na wê. Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) na Bizimana (1998).

Ng 1 ub	nge	ngeewê	n-gi-e-wê	i→ϕ/-J
Ng 1 ubw	twe	tweebwê	tu-e-bwê	u→w/-J
Ng 2 ubw	mwe	mweebwê	mu-e-bwê	u→w/-J

Igicumbi - ϕ

Igicumbi cya gatanu Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) bongeraho ni -ϕ. Bavuga ko kiboneka muri ngenga ya mbere n'iya kabiri z'ubwinshi, iyo ikinyazina ngenera kibanjirije ikinyazina ngenga. Kiboneka kandi mu nteko ya mbere. Ibi nibyo Bizimana (1998) yita ikinyazina ngenga kidahinduka cyangwa inyumane nyabyo iboneka muri ngenga ya mbere n'iya kabiri igihe ikinyazina ngenga kiyunze n'ikinyazina ngenera.

Ibyo binyazina ngenga ni: cu yo muri ngenga ya mbere y'ubwinshi, nyu muri ngenga ya kabiri y'ubwinshi na ê yo mu nteko ya mbere.

Ingero:	ngenera	ngeenga	amategeko y'igenamajwi
Ng 1 ubw. Umuhuungu wâacu	- u-â-	cu- ϕ	$u \rightarrow w/-J$
Abaâcu	a -ba-â-	cu- ϕ	$a \rightarrow \phi/-J$
Ng 2 ubw. Abakoôbwa bâanyu	-bâ-a-	nyu- ϕ	$a \rightarrow \phi/-J$
Abaânyu	a-ba-â-	nyu- ϕ	$a \rightarrow \phi/-J$

2. 3. 4. Indi mikoreshereze y'ikinyazina ngenga

Bizimana (1998) avuga ko ibyungo na cyangwa nka iyo bibanjirije ikinyazina ngenga birema inyamane. Ibi biba muri ngenga ebyiri za mbere. Ijambo rivutse ryitwa impushabwoko. Ni ijambo ryo mu bwoko bw'ahinduka rishyirwa mu nteko cyangwa muri ngenga igennyeye rikareka ubwoko risanganywe rigafata ubw'amagambo adahinduka.

Ingero:

Naâwe uraânkuunda.

Naânge ndabîizi

Mukorê nkaâtwe

Nkaâmwe murageenda mûte?

Impugukirwa: igicumbi -ô gifite isaku nyejuru gihinduka -o ifite isaku nyesi iyo ikinyazina kibanjirijwe n'impakanyu nta. Urugero: ntaa bo mbonâ: ba-o $a \rightarrow \emptyset/-J$. Igicumbi -o gifite isaku nyesi gikoreshwa mu mwanya w'igicumbi -e gifite isaku nyesi mu kinyazina ngenga kiri muri ngenga ya kabiri y'ubumwe gifite umusuma -we. Urugero: wowê uziiga u-o-wê: $u \rightarrow w/-J$. Si ngombwa buri gihe ko ikinyazina ngenga giherekeza izina, hari igihe kigaragaza cyarisimbuye. Ingero zatanze hasi twazikuye kwa Bizimana (1998) no kwa Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015).

Urugero:

Abaantu twêese turashiishikarizwa kurwaanya indwâara z'îbyoorezo.

– Ikinyazina ngenga gikoresha imisuma ikurikira: -we, -bwe, nyine, -mbi na -se.

Iyo cyafashe umusuma bamwe bakakita ikinyazina ngenga mpamya.

– Imisuma -we na -bwe: Iyi misuma ikorana n'ikinyazina ngenga kiri muri ngenga ya mbere n'iya kabiri. Nta ngingo nshya yongerera ikinyazina.

– Umusuma -nyine: ufite ingingo y'umuntu utagira undi bari kumwe cyangwa se y'ikintu kitagira ikindi biri kumwe. Wiyunga n'ikinyazina ngenga muri ngenga zose.

– Umusuma -mbi: ufite ingingo y'abantu babiri bafatiwe hamwe cyangwa se ibintu bibiri bifatiwe hamwe. Wiyunga n'ikinyazina ngenga gikoreshejwe mu bwinshi gusa.

– Umusuma -se: ufite ingingo yo gukomatanya abantu cyangwa ibintu ntiwiyunga na rimwe n'ikinyazina ngenga gikoreshejwe muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bumwe.

Muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bumwe bitabaza inteko ya mbere yo muri ngenga ya gatatu. Urugero: nge wese nanyagiwe, wowe wese wanduye...

– Ikinyazina ngenga gishobora kwiyunga n'akabimbura nya-. Icyo gihe usanga kigaragiye izina kigatsindagira ingingo ribumbatiye. Ingero: umugabo nyawe ni ukunda umurimo, ukuri nyako ntiguteranya...

– Ikinyazina ngenga gishobora kwiyunga n'akabimbura nyira- bikabyara izina ry'urusobe rifite inyito y'umuntu utunze ikintu. Urugero: (nyiri urugo araje) nyirarwo araje, (nyiribintu ntaraza) nyirabyo ntaraza...

– Ikinyazinangenga gishobora gukorana n'icyungo “na” n'ingereranya “nka” bikiyunga cyangwa ntibiyunge.

- Ikinyazina ngenga kiyunga n'icyungo cyangwa ingereranya iyo gikoreshejwe muri ngenga ya mbere n'ya kabiri gusa, Bizimana (1998).

Urugero: naânge, naâtwe, naâwe, naâmwe, nkaâmwe, nkaânge...

2. 4. Ikinyazina ngenera ngenga cyangwa k'inyunge

Isanisha ry'ikinyazina ngenga rigaragazwa n'indangangenga. Muri ngenga ya mbere y'ubumwe indangangenga ni -gi-. Iyi ndangangenga igira impîindurantêgo ya n-gi-. Indangangenga ya ngenga ya kabiri y'ubumwe igaragazwa na u- naho iya ngenga ya mbere y'ubwinshi ikaba (tu- ~cu). Indangangenga ya ngenga ya kabiri y'ubwinshi ni (mu-~nyu). Iyo tugeze kuri ngenga ya gatatu dutangira inteko z'amagambo, indanganteko yayo yitwa inyibutsanteko Bizimana (1998).

Abarimu n'abanyeshuri bakomeje kwibaza impamvu ikinyazina ngenga cyo muri ngenga ya mbere y'ubumwe kigira impindurantego ya n-gi-, ngenga ya mbere y'ubwinshi -cu naho ngenga ya kabiri y'ubwinshi ikagira -nyu. Ibi kubyibaza bifite ishingiro kuko biteza urujijo bigatuma batabasha gusobanukirwa neza uko ikinyazina ngenga gisesengurwa ari nabyo bizana ingorane mu gusobanukirwa ikinyazina ngenera ngenga cyangwa k'inyunge kuko iyo miterere naho igaragaramo. Urugero : umwuuko waange, wâacu cg wâanyu. Ubundi byagombye kuba umwuuko wâatwe, umwuuko wâamwe. Nta muntu utakibaza impamvu kuko nta hantu na hamwe bisobanurwa. Abashakashatsi bese bagaragaza izo mpinduka ariko ntibasobanure impamvu bihinduka wâacu aho kuba wâatwe cyangwa wanyu aho kuba wâamwe.

Impindurantego (n-gi-) muri ngenga ya mbere y'ubumwe, (-cu-) yo muri ngenga ya mbere y'ubwinshi na (-nyu-) muri ngenga ya kabiri y'ubwinshi, zikoreshejwe

iyo ikinyazina ngenga cyabanjirijwe n'ikinyazina ngenera ari byo birema inyumane twita ikinyazina ngenera ngenga cyangwa ikinyazina k'inyunge, nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira. Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015: 53).

Imbonerahamwe igaragaza impindurantego (n-gi-, -cu- na -nyu-)

Ngenga	Intego mbonera	Impindurantego	Intego z'ibinyazina	Uturemajambo				
				Kzn ngenera			Kzn ngenga	
				D	Rt	Cu	Rt	Cu
1 Bu	gi-	n-gi-	abahungu bange	-	ba	-a-	-n-gi-	-e
			Abange	a-	ba	-a-	-n-gi-	-e
1 Bw	tu-	-cu-	abahungu bacu	-	ba	-a-	-cu-	- ϕ
			Abacu	a-	ba	-a-	-cu-	- ϕ
2 Bw	mu-	-nyu-	abahungu banyu	-	ba	-a-	-nyu-	- ϕ
			Abanyu	a-	ba	-a-	-nyu-	- ϕ

Ugukurikirana kw'ikinyazina ngenera na ngenga bibyara ikinyazina ngenera ngenga. Ikinyazina ngenera ngenga kirahinduka kigafata indi shusho muri ngenga

z’ubwinshi no mu nteko ya mbere.³cu yo muri ngenga ya mbere y’ubwinshi ni indangakinyazina, nyu yo muri ngenga ya kabiri y’ubwinshi na yo ni indangakinyazina naho ê yo mu nteko ya mbere ikaba igicumbi kuko indangakinyazina ni zeru (ϕ). Urugero: Mu nteko ya mbere twagombye kuba dufite umwâana wa wê ariko gihindura ishusho kikaba umwâna wê. Iyo ikinyazina ngenera ngenga cyafashe indomo kigira imiterere itandukanye n’iyo kitafashe indomo, Coupez (1980).

Ingero:

Ng2 ubu: waawe	uwâawê
Ng1 ubw: wâacu	uwaâcu
Nt 2: wâabo	uwaâbo
Nt 1: wê	uwê

2. 4. 1. Inshoza y’ikinyazina ngenera ngenga/ k’inyunge

Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015: 52) basobanura ko ikinyazina ngenera ngenga/k’inyunge ari itsinda ry’ibinyazina ngenga bivanze. Ni ukuvuga ibigizwe n’urujyano rw’ibinyazina ngenera bikurikiwe n’ibinyazina ngenga. Editions

³ La séquence amalgamée “connectif plus substitutif comporte des particularités dues à la forme du substitutive “lui même et à la présence de l’augment dans le connectif. Le substitutif prend le ton flottant initial (6.41) et des variantes particulières aux participants du pluriel' (cu, -'nyu' 6-:13.2), ainsi qu’ à la classe 1 (é avec préfixe zéro, 6.42). *Coupez (1980)*.

2p sg	wă we	uwâ wé “de toi”; “le tien”
1p pl	wâ cu	uwă cu “de nous”; “le nôtre”
cl 2	wâ bo	uwă bo
cl 1	w é	uw é “de lui”; “le sien”.

Bakame (2013: 93) na bo bungamo babishimangira ko ari ikinyazina ngenera cyongerwaho ikinyazina ngenga bikarema ikinyazina k'inyunge. Kuri iyi nshoza, Bizimana (1998: 162) yongeraho ko uko kwihuza kw'ibyo binyazina byombi birema icyo yise inyumane nyabyo kandi iyi nyumane ikaboneka muri ngemga zose, ikagaragariza icyarimwe igitunzwe n'ikigitunze.

Inyajwi yacyo iratinda kandi mu nyandiko ikinyazina k'inyunge cyandikwa mu ijambo rimwe. Igitabo mfashanyigisho cyo mu mwaka wa gatandatu cyateguwe na REB (2017), nacyo bongeyeho ko iki kinyazina gishobora gukurikira izina cyangwa kikarisimbura. Buri ngenga ishobora kwiunga n'izindi zose kandi mu nteko zose, bityo ibinyazina ngenera ngenga ni byinshi.

Nubwo aba bashakashatsi bese baturiza ku kuba hari ukwihuza kw'ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga bikarema ikinyazina k'inyunge, uretse muri Editions Bakame abandi ntibagaragaza ikinyazina ngenera ngenga nk'ubwoko bwihariye bw'ikinyazina. Iyo ikinyazina ngenera ngenga gisimbuye izina cyari giherekeje, kigira indomo. Ingero zatanze hasi ziragaragaza iyo miterere.

Inkokô yâabo nî isaâke. i-â-ba-o ($i \rightarrow y/- J$, $a \rightarrow \phi/- J$).

Iyaâbo nî isaâke. i-i-â-ba-o ($i \rightarrow y/- J$, $a \rightarrow \phi/- J$).

2. 4. 2. Intêgo y'ikinyazina ngenera ngenga

Ikinyazina ngenera ngenga kigira intego ikurikira: Indangakinyazina (Rkzn) - igicumbi (C)- indangakinyazina (Rkzn) – igicumbi (C) cyangwa (D) - Rkzn – C – Rkzn -C. Ingero twatanze hasi ziragaragaza intego y'ikinyazina k'inyunge nk'uko twabisobanuye.

Utwaâri twâazo: tu-â-zi-o ($u \rightarrow w/- J$, $i \rightarrow \phi/- J$). Utwaâzo: u- tu-â-zi-o ($u \rightarrow w/- J$, $i \rightarrow \phi/- J$).

Umwâana waange: u-a-n-gi-e ($u \rightarrow w/- J$, $i \rightarrow \phi/- J$). Uwâangê: u- u-â-n-gi-e ($u \rightarrow w/- J$, $i \rightarrow \phi/- J$).

Ihenê yâayo: i-â-i-o ($i \rightarrow y/- J$, $i \rightarrow y/- J$). Iyaâyo yarâkuze: i-i-â-i-o ($i \rightarrow y/- J$, $i \rightarrow y/- J$).

2. 4. 3. Isesengura ry'ikinyazina k'inyunge

Umushakashatsi Bizimana (1998: 162) ntasesengura ikinyazina ngenera ngenga, ahubwo asobanura inshoza yacyo akanatanga ingero kandi nke. Editions Bakame (2010, 2013) naho ntibasesengura. Mugengano (2019), Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015), RALC (2019) na REB (2017) bagerageza gusesengura ikinyazina ngenera ngenga ariko ugasanga hari ibyo badahuza.

Iyo ikinyazina ngenera kiyunze n'ikinyazina ngenga cyo muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bwinshi, indangakinyazina *tu-* na *mu-* zihinduka *cu-* na *nyu-*, kandi igicumbi k'ikinyazina ngenga kikaburizwamo $\{\phi\}$. Izi mpindurantego za *-twe* na *-mwe* ntizisesengurwa REB (2017).

Ingero twatanze hano ziragarargaza iyo miterere twavuze hejuru yerekana uko indangakinyazina “mu” y'ikinyazina ngenga ihinduka “cu” naho “tu” igahinduka “nyu” mu isesengura ry'ikinyazina k'inyunge maze igicumbi cyacyo kikaba ϕ .

Igitî cyâacu: ki-â-cu- ϕ ($i \rightarrow y/- J$) $ky \rightarrow cy$ mu myaândikire. Icyaâcu: i- ki-â-cu- ϕ ($i \rightarrow y/- J$) $ky \rightarrow cy$ mu myandikire.

Umwâana wâacu: u-â-cu- ϕ ($u \rightarrow w/- J$). Uwaâcu: u-u-â-cu- ϕ ($u \rightarrow w/- J$).

Ihenê zâanyu: zi-â-nyu- ϕ ($i \rightarrow \phi/- J$). Izaânyu: i- zi-â-nyu- ϕ ($i \rightarrow \phi/- J$).

Ibireenge byâanyu: bi-â-nyu- ϕ ($i \rightarrow y/- J$). Ibyaânyu: i-bi-â-nyu- ϕ ($i \rightarrow y/- J$).

Murî izi ngero ubuûndi twaari kubâ dûfite: igitî cyâatwe: ki-â-tu-e ($i \rightarrow y$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J) $ky \rightarrow cy$ mu myaândikire.

Icyaâtwe: i- ki-â-tu-e ($i \rightarrow y$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J) $ky \rightarrow cy$ mu myaândikire.

Umwâana wâatwe*: u-â-tu- e ($u \rightarrow w$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J). Uwaâtwe: u- u-â-tu- e ($u \rightarrow w$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J).

Ihene zamwe*: zi-a-mu-e ($i \rightarrow \phi$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J). Izamwe: i- zi-a-mu-e ($i \rightarrow \phi$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J).

Ibirenge byamwe*: bi-a-mu- e ($i \rightarrow y$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J). Ibyamwe: i- bi-a-mu- e ($i \rightarrow y$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J).

Impindurantego yo muri ngenga ya mbere n'iya kabiri z'ubwinshi zituma igicumbi k'ikinyazina ngenga kiba ubusa bikagaragazwa n'akamenyetso iburizwamo cyangwa ubusa (- ϕ). Urugero: cyacu: ki-a-cu- ϕ $i \rightarrow y$ /- J, $ky \rightarrow cy$ mu nyandiko. Ibi Mugengano (2019:54) na REB (2017:117), mu gitabo cyateguriwe umwaka wa 6 w'amashuri yisumbuye babisesengura mu bundi buryo kuko bo bagarukira ku kwerekana uturemajambo 3 gusa ari two indangakinyazina n'igicumbi by'ikinyazina ngenera n'indangangenga y'ikinyazina ngenga ntiberekane igicumbi k'ikinyazina ngenga ari cyo zero (ϕ).

Urugero: cyâacu: ki-/â-cu (cyâa twe: ki /- â-tu /-e). $i \rightarrow y$ /- J, $ky \rightarrow cy$ mu nyandiko.

Imbâragâ zâanyu zirakenewe mu kuubaka Igihûgu. zi-/â-nyu (zâa mwe: zi-/â-mu/-e). $a \rightarrow \phi$ /- J.

wâacu: u-â-cu $u \rightarrow w$ /- J.

Intêgo y'ikinyazina ngenera ngenga irasobanutse, ariko umuntu yakwibaza impamvu abanditsi bamwe na bamwe bikorera ibyabo bakanyuranya n'amategoko y'ikibonezamvugo aba yarashyizweho n'inzobere.

Mu kinyazina ngenera ngenga cyo mu nteko ya mbere, ikinyazina ngenga kigira indanganteko zero ($-\phi$ -), Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015: 53). Urugero: abâana bê: ba-a- ϕ -ê cg abê: a-ba- ϕ -ê ($a \rightarrow \phi$ /- J). REB (2017) yo ivuga ko ikinyazina ngenera ngenga kigizwe n'ikinyazina ngenera cyongeweho ikinyazina ngenga cyo muri ngenga ya gatatu mu nteko ya mbere, igicumbi k'ikinyazina ngenera n'indangakinyazina, indangasano cyangwa indangangenga y'ikinyazina ngenga biburizwamo $\{\phi$ - $\phi\}$. Urugero: umwâana wê: u- ϕ - ϕ -ê ($u \rightarrow w$ /- J). Uwê: u-u- ϕ - ϕ -ê ($u \rightarrow w$ /- J). Mugengano (2019) we akurikiza ubu buryo bwa REB ariko akoneraho ubundi buryo. Urugero atanga ni: umutîma wê warâshêgeshwe. Wê (wa wê): u-/a-u-/ê; (u- ϕ - ϕ -ê cyâangwâ u-/a-/ê). Hasi twagaragaje izindi ngero z'ikinyazina ngenera ngenga gisesenguye neza.

Inkâ zê: zi- ϕ - ϕ -ê ($i \rightarrow \phi$ /- J). Izê: i- zi- ϕ - ϕ -ê ($i \rightarrow \phi$ /- J).

Ahaantu hê: ha- ϕ - ϕ -ê ($a \rightarrow \phi$ /- J). Ahê: a- ha- ϕ - ϕ -ê ($a \rightarrow \phi$ /- J).

Umwâana wê: u- ϕ - ϕ -ê ($u \rightarrow w$ /- J). Uwê: u-u- ϕ - ϕ -ê ($u \rightarrow w$ /- J).

Abâana bê: ba- ϕ - ϕ -ê ($a \rightarrow \phi$ /- J). Abê: a- ba- ϕ - ϕ -ê ($a \rightarrow \phi$ /- J).

Murî izi ngero ubuûndi twaari kubâ dûfite:

Inkâ za wê: zi-a-u- ê ($i \rightarrow \phi$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J). Iza wê: i- zi-a-u- ê ($i \rightarrow \phi$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J).

Ahaantu ha wê: ha- a- u-ê ($a \rightarrow \phi$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J). Aha wê: a- ha- a- u-ê ($a \rightarrow \phi$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J).

Umwâana wa wê: u- a- u-ê ($u \rightarrow w$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J). Uwa wê: u- u- a- u-ê ($u \rightarrow w$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J).

Abâana ba wê: ba- a- u-ê ($a \rightarrow \phi$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J). Aba wê: a- ba- a- u-ê ($a \rightarrow \phi$ /- J, $u \rightarrow w$ /- J).

Abanyeshuri n’abarimu birabagora kwiyumvisha ukuntu amagambo “zê”, “hê”, “wê” na “bê” asesengurwa hakabonekamo uturemajambo tune. Aha niho ikinyazina ngenera ngenga gikomera ugasanga abantu bamwe batabasha kwiyumvisha iyo miterere. Nubwo biteye urujijo, ariko intêgo ndetse n’ingero zitangwa zirabigaragaza ku buryo nta mpamvu yo kubakomerera no kubyitiranya n’indi miterere.

2. 5. Ikinyazina ndafutura

2. 5. 1. Inshoza n’uturango by’ikinyazina ndafutura

Bizimana (1998), avuga ko ikinyazina ndafutura gifite inyito ebyiri z’ingenzi. Ibi kandi na Mugengano (2019) ni ko abyemeza. Iya mbere kivuga ikintu gitandukanye n’icyo bamaze kuvuga, iya kabiri kikavuga ikiyongereye ku kindi cyangwa ku bindi. Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015), bo bongeraho ko ingingo rusange y’ikinyazina ndafutura ari ukugaragaza ibintu bidasobanutse.

Ingero:

Muryaamyê kaândi abaândi biñjiye. (kuvûga igitâandukanye n’îicyô bamazê kuvûga arîko kîdasobâanutse).

Muuzanê ayaândi mâazi. (kuvûga ikiyôongeera ku kiîndi cyâangwâ ku biîndi kaândi kîdasobâanutse).

Ikinyazina ndafutura ni ijambo rijyana n’izina ntirisobanure ku buryo bwumvikana neza uvugwa, abavugwa, ikivugwa cyangwa ibivugwa. Ikinyazina ndafutura kirimo amoko abiri ari yo: ikinyazina ndafutura kirekire n’ikinyazina ndafutura kigufi. Ikinyazina ndafutura kirekire kigira indomo n’igicumbi -: ndi (gitinda), naho ikigufi nta ndomo kigira, indangakinyazina yacyo iba ari inyajwi kandi kigira igicumbi - ndi (kibanguka), REB (2017).

Kuri iyi ngingo y'igicumbi, Bizimana (1998), Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) bagaragaza ko iinyazina ndafutura kigira igicumbi -: ndi. Ntaho berekana igicumbi -ndi (kibanguka) cyangwa ngo batange ingero zacyo. Bigaragara ko bagifata nk'aho gihora ari kirekire gusa kandi tugira n'ikigufi. Urugero: undi mwana, andi mata, undi muti cg indi ntama. Mugengano (2019), we avuga ko ibicumbi by'ikinyazina ndafutura ari /-ndi na /-mwê. Atanga ingero zikurikira : Hamagara abandi bana. Abandi : a-ba/-ndi. Igicumbi – mwê avuga ko kijyana n'izina cyangwa kikarisimbura kandi gikorana n'amazina yo mu nteko z'ubwinshi.

Ingero :

Abanyêshuûri bamwê baasiibye.

Bamwê : ba/-mwê

Imirimâ imwê yarêengewe n'ûumwûzuru.

Imwê : i/-mwê

Kuba aya magambo afite igicumbi – mwê, akaba akorana n'amazina yo mu nteko z'ubwinshi kandi akaba yifitemo kudasobanura/kudasigara neza ikivugwa, si byo biyagira ikinyazina ndafutura. Ibicumbi by'ikinyazina ndafutura birazwi ko ari - : ndi (gitinda) na -ndi (kidatinda). Ariya magambo afite igicumbi nk'ik'ikinyazina nyamubaro gifite igicumbi –mwe ariko sicyo kuko kidasobanura neza umubare. Bizimana (1998) avuga ko amagambo yitwara atyo yitwa impushabwoko.

2. 5. 2. Intêgo y'ikinyazina ndafutura

Intêgo y'ikinyazina ndafutura kirekire ni indomo (D), indangakinyazina (Rkzn) n'igicumbi (C), naho ikinyazina ndafutura kigufi intêgo yacyo ni indangakinyazina (Rkzn) n'igicumbi (C), REB (2017).

Ikinyazina ndafutura kirekire - : ndi

REB (2017) ivuga ko ubutinde bubanziriza igicumbi “ndi” bwerekanishwa utudomo tubiri (:). Iyo igicumbi “ndi” gifatanye n’indangakinyazina, ubwo butinde busimburwa n’inyajwi zisa buri gihe n’inyajwi z’izo ndangakinyazina. Urg : uwuûndi mwâana : u-u- : ndi ($u \rightarrow w$ /- J) cgâangwâ u-u- undi ($u \rightarrow w$ /- J). Ni yo mpamvu usanga hari abashaka koroshya isesengura aho kugaragaza ubutinde ugasanga indangakinyazina zigizwe n’inyajwi bazitwerera inyerera “w” cyangwa “y”. Inyajwi y’imbere i na a yo hagati bitwererwa inyerera y, naho u y’inyuma igatwererwa inyerera “w” bakabigenza batya :

Uwuûndi : u-wu-ndi

Iyiûndi : i-yi-ndi

Ayaândi : a-ya-ndi

Ubu buryo bwo gusesengura nubwo aribwo bworoshye ariko ntibuhwitse. Indangakinyazina kuri ariya magambo ni u, i, a, nubwo Bizimana (1998), Nsanzabiga na Twilingiyima (2015), Oveldulve (1988), Coupez (1980), RALC (2019) bavuga ko zigira impindurantego wu, yi na ya. Ubutinde bugomba kugaragara kugira ngo kiriya gicumbi gitandukane n’ikinyazina ndafutura kigufi. Duhuje ibyo aba bashakashatsi bavuga n’izindi nyandiko, dore uko isesengura rikwiye gukorwa.

Ingero:

Ayaândi: a-a-: ndi, a-a-andi cg a-ya-: ndi ($a \rightarrow y$ /- J, $a \rightarrow \phi$ /- J)

Iyiûndi: i-i-: ndi, i-i-indi cg i-yi-: ndi ($i \rightarrow y$ /- J, $i \rightarrow \phi$ /- J).

Uwuûndi: u-u-: ndi, u-u- undi cg u-wu-: ndi ($u \rightarrow w$ /- J, $u \rightarrow \phi$ /- J).

Ikinyazina ndafutura kirekire gitakaza indomo iyo gikoreshejwe inyuma y’ijambo kigaragiye cyangwa iyo kiri hagati y’ingereranya nka n’ijambo ribaza cyangwa se

gikurikiwe n'ijambo ribaza gusa cyangwa iyo gikurikiranye n'ikinyazina nyamubaro.

Ingero:

Umurimâ wûundi: ϕ -u-: ndi, ϕ -u-undi cg ϕ -wu-: ndi ($u \rightarrow w$ /- J, $u \rightarrow \phi$ /- J)

Nka hâandi hê: ϕ -ha-: ndi cg ϕ -ha-andi ($a \rightarrow \phi$ /- J).

Yâandi angâahê: ϕ -a-: ndi, ϕ -a-andi cg ϕ -ya-: ndi ($a \rightarrow y$ /- J, $a \rightarrow \phi$ /- J)

Baandi banê: ϕ -ba-: ndi cg ϕ -ba-: andi

Mu gitabo cya REB (2017), bavuga ko ikinyazina ndafutura kirekire gishobora kwisubiramo. Icyo gihe buri karemajambo kisubiramo.

Ingero:

Uwuûndiwûundi: u- u-: ndi- ϕ - u-: ndi, u- u- undi- ϕ - u-undi cg u- wu-: ndi- ϕ -wu-: ndi ($u \rightarrow w$ /- J, $u \rightarrow \phi$ /- J).

Iyiîndiyîindi: i- i-: ndi- ϕ - i-: ndi, i- i- indi- ϕ - i-indi cg i- yi-: ndi- ϕ - yi-: ndi ($i \rightarrow y$ /- J, $i \rightarrow \phi$ /- J).

Ayaândiyâandi: a-a-: ndi- ϕ -a-: ndi, a-a- andi- ϕ -a- andi cg a-ya-: ndi- ϕ -ya-: ndi ($a \rightarrow y$ /- J, $a \rightarrow \phi$ /- J)

Iziîndizîindi: i- zi-: ndi- ϕ - zi-: ndi cg i- zi- indi- ϕ - zi-indi ($i \rightarrow y$ /- J, $i \rightarrow \phi$ /- J).

Ikinyazina ndafutura kirekire gikorana n'indangakinyazina zo mu nteko ya mbere (1) kugeza mu ya cumin a karindwi (17).

Ikinyazina ndafutura kigufi – ndi

Aha biradusaba gusobanukirwa intego mbonera. Iyo tuvuze umwana cg undi mwana. Intego mbonera ni umwana si mwana bityo rero tuzasesengura ϕ -mu /- ana tukerekana ko hari akaremajambo kabuzemo. Urugero: undi muntu. Undi ni intêgo mbonera bityo ni ikinyazina kihagije kidakenewe gutwererwa akandi karemajambo. Ni yo mpamvu isesengura ryacyo ari “u-ndi” aho kuba “ ϕ -u-ndi”.

REB (2017), isobanura ko ikinyazina ndafutura kigufi nta ndomo kigira. Indangakinyazina yacyo ni inyajwi kandi kigira igicumbi - ndi (kibanguka). Intego yacyo buri gihe ni indangakinyazina (Rkzn) /indangasano (RS) cg indanganteko (RT) n'igicumbi (C). Ikinyazina ndafutura kigufi kiboneka mu nteko eshanu (5) gusa ari zo inteko ya 1, iya 3, iya 4, iya 6 n'iya 9.

Ingero:

Nt 1: undî mwâana: u-ndi

Nt 3: undî musôzi: u-ndi

Nt 4: indî mirimâ: i-ndi

Nt 6: andî matâ: a-ndi

Nt 9: indî henê: i-ndi

Abashakashatsi Bizimana (1998), Mugengano (2019) na Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) ntacyo bavuga kuri iyi ngingo kuko n'ikinyazina ndafutura kigufi ntibakigaragaza mu nyandiko zabo. Inteko ya kane ni ubwinshi bw'inteko ya gatatu ariko izindi nta sano zifitanye. Kuki izi nteko zigira uburyo bugufi izindi ntizibugire? Ese ntaho zihuriye? Umuntu wakwibaza niba nta sano zifitanye.

Hari abitiranya ko undi ari impindurantego y'uwundi kandi mu byukuri ni ibinyazina bibiri bitandukanye kuko byose bifite ubushobozi bwo kugaragira izina. Urg: undî muuntu, uwuûndi muuntu. Kimwe kirabanguka ikindi kiratinda kandi byose bifite ubushobozi byo kugaragira izina. ntabwo rero kimwe ari impindurantego y'ikindi.

2. 6. Ikoranabuhanga mu myigire n’imyigishirize by’ikinyazina k’inyunge na ndafutura

Mukama na Nkusi (2019) bavuga ko hari ibikoresho by’ikoranabuhanga tumenyereye gukoresha nka terefone ngendanwa mu guhererekanya amafaranga, ubutumwa bugufi no guhanahana amakuru cyangwa ibitekerezo mu buryo bw’ikiganiro ariko, ko ikoranabuhanga ridakwiye kugarukira aho, ahubwo hakenewe “ingazabugeenge” “logiciels/software” ziri mu Kinyarwanda zadufasha gusesengura ururimi rw’Ikinyarwanda n’amategeko yacyo.

Ikinyarwanda, nk’ururimi rwumvwa n’Abanyarwanda bose mu Rwanda, gikwiye guhabwa umwanya ukomeye mu ikoranabuhanga kugira ngo gifashe Abanyarwanda kujijuka, guhanga no guhererekanya ubumenyi n’ikoranabuhanga. Bagaragaza (2021) na Nikuze (2021).

Ikoranabuhanga ryateye imbere mu burezi byumwihariko mu kwigisha indimi no kuzisesengura. Hari inkoranabuhanga nyinshi zifashishwa mu gusesengura amakuru nyarurimi. Urugero: aantikoônke na sikêceenjinê (AntiConc na Scthengine). Nubwo hari izi nkoranabuhanga haracyari icyuho gishingiye kuba nta nkoranabuhanga ziri mu rurimi rw’Ikinyarwanda zishobora kwifashishwa mu gusesengura ibinyazina hagaragazwa uturemajambo.

Ikoranabuhanga ni ingenzi kuko ryoroshya imyigire n’imyigishirize. Ntibikiri ngombwa ko umunyeshuri agomba kwiga ari uko yagiye mu ishuri akabonana na mwarimu. Terefone na mudasobwa byasimbuye umurundo w’amakaye n’amakaramu byakoreshwaga. Ubu umuntu ashobora kwigira aho ari hose n’igihe cyose ibishakiye kandi ashobora no gufatanya n’abandi akoresheje ikoranabuhanga gusa haracyari ikibazo k’ingazabugeenge zikoresha Ikinyarwanda

zitaraboneka ngo zifashe abakora ubushakashatsi mu Kinyarwanda n'abiga bakoresheje ikoranabuhanga.

2. 7. Ihange ryayoboye ubu bushakashatsi

Ubu bushakashatsi bwayobowe n'ihange ryo kwigira mu muryango rya Bandura nk'uko byavuzwe na Razieh (2012). Iri hange rishingiye ku gitekerezo cy'uko abantu bigira mu kuganira n'abandi mu mvugiro y'umuryango. Biga igihe bitegereza uko abandi bitwara maze bakigana iyo myitwarire cyanecyane imyitwarire mwiza. Iri hange akenshi ryitwa ikiraro k'ihange ry'imyitwarire n'ihange ryo gutekereza kuko habamo gukurikira, kwibuka n'umurava. Abantu bashobora kunguka amakuru n'imyitwarire bishya igihe bitegereza abandi.

Dushingiye ku bigize iri hange, hari amahame atatu yo kwigiraniraho. Kwigiraniraho binyuze mu kwitegereza, kwigana no kurebera ku bandi. Bandura (2006) avuga ko ubushakashatsi bwo hambere bwemeza ko igice kinini cyo kwiga kibera ku kurebera ku bandi. Muri ubwo buryo umunyeshuri ashobora kureba umubyeyi we asoma, kureba abandi bamurika ibyo bakoze cyangwa akabona umuntu witara gitwari mu bihe biteye ubwoba.

Iri hange ryakoreshejwe muri ubu bushakashatsi rigaragaza ko umunyeshuri yiga neza ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura iyo yigana n'abandi bagafashanya muri byose. Kwigira mu matsinda ni bumwe mu buryo bufasha abanyeshuri kunguka ubumenyi igihe basangizanya ibyo bazi ku insanganyamatsiko runaka. Itsinda rya babiri babiri ni ubundi buryo bwiza bufasha abanyeshuri kunguka ubumenyi. Abarimu rero bagomba gufasha abanyeshuri ibyo badasobanukiwe neza, kubaha imyitozo myinshi kandi bagahora bashishikariza abanyeshuri guhora basubira mu masomo yabo.

2. 8. Umusozo

Ibyanditswe n'abashakashatsi batandukanye ku kinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura bigaragaza ko hakirimo urujijo cyanecyane mu isesengura ryabyo. Abashakashatsi bamwe hari ibyo badahurizaho kuri tumwe mu turemajambo tw'ikinyazina ngenera ngenga. Usanga umushakashatsi avuga uburyo bumwe undi akavuga ubundi hakaba n'uwukomatanya ibitekerezo bya bose. Kugaragaza uko impindurantego y'indangakinyazina *tu-* na *mu-* zihinduka *cu-* na *nyu*, *impindurantego ya "gi"* ishobora kuba *"n-gi"* ndetse *n'imiterere y'igicumbi k'ikinyazina ngenera n'indangakinyazina y'ikinyazina ngenga* biburizwamo { ϕ - ϕ } ntibisobanurwa kimwe.

Kimwe n'ikinyazina k'inyunge, ikinyazina ndafutura nacyo haracyari ukutumvikana kw'abashakashatsi ku bwoko bubiri bw'ibicumbi by'ikinyazina ndafutura ari byo *"-: ndi"* (itinda) na *"-ndi"* (ibanguka). Ndetse hari n'abongeramo igicumbi -mwe. Iki gicumbi cyagaragaye ku magambo yenda kwitwara nk'ikinyazina ariko si ikinyazina ahubwo ni inkomahabiri kuko ugendeye ku biranga ikinyazina ndafutura usanga kitabyujuje kandi si ikinyazina nyamubaro ahubwo ni impushabwoko.

Ihange ryayoboye ubu bushakashatsi ryo kwigira mu muryango byagaragaye ko ari uburyo bwiza bufasha abanyeshuri gusobanukirwa ibyo biga. Kwitegeraza, kugendera ku bandi no gutekereza ibyo umunyeshuri yiga ashungura ibiboneye ni umuyoboro w'ubumenyi butajegajega kandi bifasha uwiga gusobanura ibyo yiga.

UMUTWE WA III: IYOBORANZIRA/IYOBORAMIKORERE

3.0. Intangiriro

Kugira ngo ubu bushakashatsi bugere ku musaruro wifuzwa, ni ngombwa gukurikira iyoboramikorere risobanutse. Umushakashatsi Nikuze (2014) yifashishije umushakashatsi Bhattacharjee (2012:5) yemeza ko kugira ngo ubushakashatsi bugire ubwizerwe n'ububonere uburyo bwakoreshejwe mu ikusanyamakuru no mu isesenguramakuru bugomba gusobanurwa mu buryo bwumvikana kandi burambuye.

Uyu mutwe uragaragaza imbata y'ubu bushakashatsi. Ugaragaza iyoboranzira/iyoboramikorere ryakoreshejwe, ikibazo cy'ubushakashatsi n'aho bwakorewe. Hasobanuwe ubwoko bw'amakuru yakusanijwe ndetse n'uburyo bwakoreshejwe mu gukusanya ayo makuru. Uyu mutwe wagaragaje kandi itsinda nkeshwamakuru umubare w'abatanze amakuru n'uko batoranyijwe. Twagaragaje kandi uko ikusanyamakuru ryakozwe n'uko twagaragaje amakuru yabonetse. Twasobanuye kandi tunagaragaza igikoresho cyakoreshejwe mu ikusanyamakuru, imyitwarire yaranze ubu bushakashatsi n'isango ry'ubundi bushakashatsi. Si ibyo gusa ahubwo hanasobanuwe uburyo amakuru yabonetse azasesengurwa.

3. 1. Ibisobanuro ku kibazo cy'ubushakashatsi

Ubu bushakashatsi bufite umutwe ugira uti: “Imyigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura mu mashuri yisumbuye”. Inkeneragihamya y'ubu bushakashatsi ni uko ikibazo kigaragara mu myigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura cyaba giterwa no kutabona amakuru ahagije kuri byo ndetse n'ibihari bikaba bitera urujijo

abanyeshuri n'abarimu kuko bigenda bivuguruzanya bityo kumenya iby'ukuri bikabagora.

Iyo turebye mu bushakashatsi bwakozwe kuva ikibonezamvugo cya mbere gisohotse mu wa 1911, dusanga ingingo yo kugaragaza intêgo y'ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura itaragiye ivugwaho rumwe. Uko kudahuriza ku kintu kimwe bituma ababyigisha mu mashuri babikora uko babyumva bityo ugasanga ari abarimu cyangwa abanyeshuri bo mu bigo bitandukanye bakoresha porogaramu imwe ariko ibyigishwa bitandukanye. Ibi kandi ni imbogamizi ikomeye ku mitsindire y'abanyeshuri kuko iyo barangije ikiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye bakora ikizamini kimwe mu gihugu hose (cyateguwe ku rwego rw'igihugu). Birumvikana rero ko bitewe n'uko abarimu bateguye ikizamini basobanukiwe ibyo binyazina, hari abanyeshuri bazabitsinda ku rwego rushimishije n'abandi bazatsindwa kuko batabyize mu buryo bumwe.

Ubu bushakashatsi rero bugamije gusesengura ibyo binyazina mu buryo bwimbitse kugira ngo ingingo yo kubisesengura itaritaweho n'abandi bashakashatsi ihabwe agaciro cyanecyane twibanda ku biteye urujijo (amarengayobora). Umwihariko w'ubu bushakashatsi, ni ugukura urujijo rugaragagara mu myigire n'imyigishirize y'ibinyazina ngenera ngenga na ndafutura hatangwa ingero nyinshi kandi zose zigasesengurwa. Ikindi ni ukwerekana uko ikinyazina k'inyunge kivuka.

3. 2. Imbata y'ubushakashatsi

Umushakashatsi Kothari (1990) asobanura ko igikorwa gikurikira gusobanura imiterere y'ikibazo cy'ubushakashatsi ari ugutegura imbata y'ubushakashatsi, igenamigambi cyangwa uko ubushashakashatsi buzakorwa. Igenamigambi

ry'ubushakashatsi ni ugushyira kuri gahunda uburyo bw'ikusanyamakuru n'isesenguramakuru bufite intego yo guhuza iby'ingenzi bituma intego y'ubushakashatsi igerwaho. Mu by'ukuri, igenamigambi ni uruhererekane rw'ibikorwa bigaragaza uko ubushakashatsi bwateguwe gukorwa.

Ubu bushakashatsi bwakozwe ku insanganyamatsiko y'imyigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura mu mashuri yisumbuye. Bugaragaza intangiriro rusange, imiterere y'ikibazo, intego n'ibibazo by'ubushakashatsi, akamaro n'imbago z'ubushakashatsi. Hasesenguwe amakuru y'ibanze yatanzwe n'itsinda ry'abanyeshuri n'abarimu n'amakuru yunganira yavuye mu nyandiko twasomye. Muri ubu bushakashatsi hakoreshejwe cyane isesengura nyamubaro ariko hari n'aho twifashishije isesengura nyamiterere.

Ubu bushakashatsi bwakorewe mu mashuri atatu yisumbuye afite ishami ry'Indimi n'Ubumenyamuntu yo mu karere ka Rwamagana ari yo GS Muyumbu, GS Bihembe na TTC Bicumbi. Bwakoze mu mwaka wa 2021-2022 bugamije kudukusha Impamyabumenyi y'Ubuzobere mu Burezi, ishami ry'Ikinyarwanda n'Uburezi. Imbonwa zasesenguwe hifashishije ingazabugenge ya SPSS. Bwagendeye ku ihange ryo kwigira mu muryango no gutekereza. Ubu bushakashatsi busoreza ku mwanzuro n'ibyizuzo.

3. 3. Amakuru yakusanyijwe

Abashakashatsi Mukama na Nkusi (2019:103) bemeza ko ubushakashatsi bwa gihanga bugira ubwoko bubiri bw'amakuru ari bwo amakuru y'ibanze n'amakuru yunganira. Amakuru y'ibanze ni amakuru umushakashatsi yishakira ku giti ke akayahabwa n'itsinda nkeshwamakuru yatoranyije rishobora kuba rigizwe n'inyamaswa, abantu, inyandiko cyangwa ibindi biremwa byakorwaho

ubushakashatsi. Amakuru yunganira yo ni amakuru umushakashatsi akura mu nyandiko ku bushakashatsi bwakozwe bujyanye n'ibitekerezo shingiro akoraho ubushakashatsi.

Amakuru yakusanyijwe muri ubu bushakashatsi ni amakuru y'ibanze n'amakuru yunganira. Amakuru yunganira yaturutse mu nyandiko zasesenguwe zanditswe n'abashakashatsi batandukanye ku nsanganyamatsiko zifite aho zihuriye n'ikibazo kiri kwigwaho. Aya makuru yaturutse mu nyandiko zivuga ku kibonezamvugo zanditswe mu Kinyarwanda n'izindi ziri mu ndimi z'amahanga. Ni inyandiko zitandukanye ku bushakashatsi bwakozwe kuva ikibonezamvugo cya mbere gisohotse mu wa 1911 cyanditse na Eugène HUREL kugeza magingo aya. Amakuru y'ibanze yaturutse mu bisubizo byatanze n'itsinda nkeshwamakuru ku rutonde rw'ibibazo ryahawe abakeshwamakuru kandi yadufashije kunoza ibindi bice bisigaye by'ubu bushakashatsi.

3. 4. Itsinda nkeshwamakuru

Mu gihe cyo gutegura umushinga w'ubushakashatsi nibwo umushakashatsi ateganya uko azahitamo itsinda nkeshwamakuru. Ntabwo umushakashatsi ashobora gutara amakuru ku bantu bose ahubwo ahitamo itsinda nkeshwamakuru ashingiye ku mwanya afite, ubushobozi bw'imari cyangwa ubwo kugera kuri buri mutangamakuru aho aherereye hose. “Itsinda nkeshwamakuru rero ni itsinda ry'abantu bake (ibintu bike) ritoranywa mu itsinda nshingirwaho rigizwe n'abantu benshi (ibintu byinshi) bahuje ibirango kugira ngo batange amakuru ku nsanganyamatsiko runaka yigwaho”, Mukama na Nkusi (2019).

Amakuru y'ibanze yakusanyijwe ku barimu cumi na batandatu (16) bigisha Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye. Harimo abarimu batandatu (6) abagabo

batatu (3) n'abagore batatu (3) bigisha mu mashuri yisumbuye ya Leta yatoranyijwe mu karere ka Rwamagana.

Abo barimu harimo abagore babiri (2) bigisha ku Ishuri Ryisumbuye ry'Uburezi bw'Ibanze bw'Imyaka Cumi n'Ibiri (12) rya Muyumbu (GS Muyumbu) mu murenge wa Muyumbu, umugabo n'umugore bigisha ku Ishuri Ryisumbuye ry'Uburezi bw'Ibanze bw'Imyaka Cumi n'Ibiri (12) rya Bihembe (GS Bihembe) muri Nyakaliro n'abagabo babiri (2) bigisha ku Ishuri Nderabarezi rya Bicumbi (TTC Bicumbi) ryo mu murenge wa Nzige. Abandi barimu icumi (10) bigisha Ikinyarwanda mu mashuri y'isumbuye yo mu turere dutandukanye tw'Igihugu. Batanu (5) ni igitsina gore naho abandi batanu (5) ni igitsina gabo. Aba barimu bigisha Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye yo mu turere twa Rwamagana, Kicukiro, Musanze, Gicumbi, Nyagatare, Ngoma, Rutsiro na Kayonza.

Nk'uko byateganyijwe, irindi tsinda nkeshwamakuru ni abanyeshuri mirongo itatu na bane (34) harimo abahungu cumi na barindwi (17) n'abakobwa cumi na barindwi (17) biga Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye ishami ry'Indimi n'Ubuvinganzu mu mashuri atatu (3) yatoranyijwe mu karere ka Rwamagana nk'uko byavuzwe hejuru. Abatanze amakuru ni abanyeshuri barindwi (7); harimo batanu (5) b'abakobwa n'abahungu (2) biga ku Ishuri Ryisumbuye ry'Uburezi bw'Ibanze bw'Imyaka Cumi n'Ibiri (12) rya Muyumbu (GS Muyumbu) mu murenge wa Muyumbu, abakobwa batanu (5) n'abahungu batanu (5) biga ku Ishuri Ryisumbuye ry'Uburezi bw'Ibanze bw'Imyaka Cumi n'Ibiri (12) rya Bihembe (GS Bihembe) muri Nyakaliro, abakobwa barindwi (7) n'abahungu umunani (8) biga ku Ishuri Nderabarezi rya Bicumbi (TTC Bicumbi) ryo mu murenge wa Nzige.

Mu karere ka Rwamagana mu mirenye ya Muyumbu, Nyakaliro na Nzige habarizwamo amashuri yisumbuye ya Leta cumi n’abiri (12) akaba afite abarimu cumi na batandatu (16) bigisha Ikinyarwanda. Muri ubu bushakashatsi, twahisemo itsinda nkeshwamakuru ry’abarimu bose uko ari batandatu (6) bigisha Ikinyarwanda mu mashuri ya GS Muyumbu, GS Bihembe na TTC Bicumbi kuko ari na ho twakuye abanyeshuri mirongo itatu na bane (34) twabajije. Twongeraho undi mwarimu umwe umwe wagiye aturuka muri iyi mirenge itatu (3). Abandi barimu barindwi (7) harimo umwe wigisha mu karere ka Ngoma, umwe (1) wo mu karere ka Kayonza n’abandi batanu (5) bo mu turere twa Kicukiro, Musanze, Gicumbi, Rutsiro na Nyagatare. Utu turere twatoranyijwe hibandwa ko dufite abarimu bigisha Ikinyarwanda kandi dufitiye nimeru za terefone ku buryo twabavugishije tukababaza niba bemera kugira uruhare muri ubu bushakashatsi bakabyemera. Ibi rero byaratworohye kuko twaboherereje urutonde rw’ibibazo twifashishije ikoranabuhanga. Ubu buryo bwatumye ubushakashatsi bugira ubwizerwe n’ububonere kuko ibyavuyemo byaturutse mu mpande zitandukanye z’Igihugu ku buryo aya makuru ashobora kwitirirwa n’abandi barimu. Imbonwa zabonetse zadufashije kubona ishusho y’imyigire n’imyigishirize y’ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura mu Rwanda.

Impamvu zatumye duhitamo ririya tsinda nkeshwamakuru ku barimu aho gukorana n’abarimu bose ni ebyiri (2). Impamvu ya mbere ni uko abarimu babajijwe bari bizeheweho amakuru ahamye ku nsanganyamatsiko y’imyigire n’imyigishirize y’ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura mu mashuri yisumbuye kandi koko barayatanze neza. Iya kabiri ni uko itsinda nkeshwamakuru ry’abarimu ryatoranyijwe hashingiwe ku mwanya utari uhagije wari uhari mu gihe cyo gukusanya amakuru no kuyasesengura.

Kubera ko mu mirenge yakorewemo ubu ubushakashatsi ku banyeshuri harimo amashuri 3 gusa afite Ikiciro cya Kabiri k'Indimi n'Ubuvinganzu, ayo mashuri yatoranyijwemo abanyeshuri mirongo itatu na bane (34) hashingiwe ku mpamvu y'ubushobozi buke bwari buhari mu buryo bw'amafaranga yo gutubura urutonde rw'ibibazo bizakoreshwa mu ikusanyamakuru ndetse n'umwanya muto mu gihe cyo gukusanya amakuru no kuyasesengura. Twashoboraga kongera itsinda nkeshwamakuru n'ahandi ariko ubushobozi buke bwo kugera ku batangamakuru benshi nabwo bwatubereye imbogamizi.

Abatangamakuru babanje gusobanurirwa icyo ubushakashatsi bugamije banizezwa ko amakuru bazatanga azagirwa ibanga. Babanje gusoma amasezerano yo kwemera gusubiza ibibazo by'ubushakashatsi ku bushake n'ibaruwa isobanura umushakashatsi. Abatangamakuru kandi babanje kwerekwa urutonde rw'ibibazo bemera kubisubiza ku bushake bamaze kubona ko nta bizabagiraho ingaruka birimo. Amasezerano yo kwemera kugira uruhare mu bushakashatsi ku bushake, ibaruwa n'urutonde rw'ibibazo turabisanga ku mugereka.

Amakuru yakusanyijwe agamije gutanga umusanzu mu kunoza imyigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura mu mashuri yisumbuye kandi turemeza tudashidikanya ko itsinda nkeshwamakuru ryatoranyijwe ryatumye ubu bushakashatsi bugira ireme haba ku ruhande rw'ububonere ndetse no ku bwizerwe byabwo.

3. 5. Uburyo bwo gutoranya itsinda nkeshwamakuru

Abashakashatsi nka Mukama na Nkusi (2019), Cohen, Manion na Morrison (2000), Terrell (2016), Kothari (1990), Kombo na Tromp (2006), Bryman (2008) hamwe na Kellstedt na Whitten (2013) bemeza ko itoranya ry'itsinda

nkeshwamakuru rishingiye kuri tombora n'irishingiye ku guhitamo ari bwo buryo bw'ingenzi mu gutoranya itsinda nkeshwamakuru. Mu itsinda nkeshwamakuru rya tombora buri wese mu itsina nshingirwaho aba afite amahirwe angana n'aya mugenzi we yo gutoranywa, mu gihe mu itsinda nkeshwamakuru rishingiye ku guhitamo, buri wese ntaba afite amahirwe angana n'aya mugenzi we yo gutoranywa ahubwo igice kimwe cy'abantu bagize itsinda nshingirwaho bagihitamo, ikindi bakakireka bashingiye ku mpamvu runaka.

Buri buryo muri ubu bubiri bwo gutoranya itsinda nkeshwamakuru bufite ubwoko butandukanye bwo guhitamo itsinda nkeshwamakuru. Muri ubwo buryo, twahisemo uburyo butunogeye dushingiye ku intego z'ubu bushakashatsi.

Mu gutoranya itsinda nkeshwamakuru muri ubu bushakashatsi, twifashishije uburyo bwo gutoranya itsinda nkeshwamakuru rishingiye ku dutsiko tw'ahantu. Ni uburyo umushakashatsi atoranya ahantu hato akorera ubushakashatsi kabone n'iyi ikibazo kigwa kiba kiri ahantu hagari. Twahisemo rero gukorera ubushakashatsi bwacu mu karere ka Rwamagana mu mirengi ya Muyumbu, Nyakaliro na Nzige no mu tundi turere duka ku barimu tutayobewe ko icyo twigaho gishoboka mu gihugu hose. Nk'uko Mukama na Nkusi (2019) babisobanura, ubu nibwo buryo bukunze gukoreshwa mu bushakashatsi bukorerwa mu mashuri.

Nyuma yo gukoresha ubu buryo, twakoresheje n'uburyo bwa tombora yoroheje ku banyeshuri kugira ngo tubone abanyeshuri mirongo itatu na bane (34) batanze amakuru. Twakoresheje udupapuro twanditseho yego tungana n'umubare w'abanyeshuri dukeneye muri buri shuri abahungu n'abakobwa n'utundi twanditseho oya tungana n'umubare w'abanyeshuri usigaye bari muri buri shuri

dukuyemo umubare w'utwaditseho yego twateganyijwe kuri iryo shuri hanyuma turatuvanga buri wese aratombora. Abatomboye yego ni bo bari bagize itsinda nkeshwamakuru. Twateganyije ko tuzagira umubare w'abakobwa ungana n'uw'abahungu, kandi byakunze kuko abakobwa ni cumi na barindwi n'abahungu cumi na barindwi.

Ku barimu twakoresheje uburyo bwo guhitamo itsinda nkeshwamakuru rishingiye ku mpamvu. Umushakashatsi Kumar (2005) yavuze ko gukoresha ubu buryo bufasha umushakashatsi guhitamo abantu yizeye ko bazamuha amakuru akenewe kandi yizewe kurusha abandi. Twahisemo gukorana n'abarimu bigisha Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye kuko twari twizeye ko bafite amakuru ahagije ku myigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura.

3. 6. Ibikoresho byakoreshejwe mu ikusanyamakuru

Hari uburyo butandukanye bukoreshwa mu ikusanyamakuru. Ubw'ingenzi ni iganirabaza, urutonde rw'ibibazo no kwitegereza, Mukama na Nkusi (2019). Intego y'ubu bushakashatsi ni ugusesengura imyigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura mu mashuri yisumbuye. Muri ubu bushakashatsi twahisemo uburyo bwo koherereza abakeshwamakuru imbumbabutumwa iriho urutonde rw'ibibazo nabo bagahita basubiriza ku bikoresho by'ikoranabuhanga bakohereza ibisubizo byabo bikatugeraho. Ku banyeshuri hateguwe urutonde rw'ibibazo rwashyikirijwe abanyeshuri basubiriza ku mpapuro n'ikaramu maze dukusanya izo mpapuro.

Ibibazo byateguwe ku banyeshuri n'abarimu harimo: umwirondoro ariko utariho amazina; ibibazo bishingiye ku makuru afatika ku bwoko bw'amagambo; ibibazo bishingiye ku gusesengura ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura; ibibazo

bifunze n'ibibazo bifunguye n'ibibazo bishingiye ku nyito yabyo. Ubu bwoko bw'ibibazo bwadufashije gukusanya amakuru y'ingenzi kandi acukumbuye azifashishwa mu kuboneza no kunoza imyigire n'imyigishirize y'ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura mu mashuri yisumbuye.

3. 7. Inzira n'igihe urupapuro rw'ibibazo by'ikusanyamakuru byamaraga

Abarimu ntibyasabaga ko tuba duhari kugira ngo basubize urutonde rw'ibibazo kuko twabyoherezaga kuri watsapu bagasubiza igihe baboneye umwanya. Umwarimu umwe twahereje urutonde rw'ibibazo na we yabisubije tutari kumwe. Abanyeshuri bose basubizaga ibibazo turi hafi yabo kugira ngo uwugira ikibazo tumufashe. Haba ku barimu cyangwa ku banyeshuri, gusubiza ibibazo byose ntibyarenzaga iminota makumyabiri (20) kuri buri muntu.

3. 8. Isesengura ry'amakuru

Umushakashatsi Mukama na Nkusi (2019) bagaragaza ko hari ubwoko bubiri bw'ingenzi bukoreshwa mu isesenguramakuru. Ubwo buryo ni isesenguramiterere n'isesengura nyamubaro. Kuko muri ubu bushakashatsi twasesenguye amakuru ari mu nyandiko zanditse n'andi yaturutse mu bisubizo ku bibazo byatanze, twakoresheje uburyo bw'isesenguramakuru nyamubaro/ibarurishamibare. Hari n'aho twakoresheje uburyo bw'isesenguramakuru nyamimerere. Muri make, ubu bushakashatsi bwakoresheje uburyo bukomatanyije isesenguramitekerereze n'ibarurishamibare kandi ihange ryo kwigira mu muryango ryarakoreshejwe mu isesenguramakuru mu kugaragaza isano iri hange rifitanye n'imbonwa z'ubu bushakashatsi.

3. 9. Imbogamizi

Twabonye ibitekerezo bihagije ku myigire n'imigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura dukoresheje urutonde rw'ibibazo byabajijwe abarimu n'abanyeshuri. Twahaye imbumbabutumwa abarimu cumi n'ikenda (19) ariko icumi na batanu (15) nibo basubije. Harimo babiri (2) bagize ibibazo by'ikoranabuhanga n'abandi babiri (2) babyirengagije nkana. Indi mbogamizi ku barimu ni uko ibibazo bifunguye byabasabaga gutanga ibitekerezo abenshi ntibabisubije. Kuko hari abantu ikoranabuhanga ritarageraho, hari umwarimu umwe wahawe urupapuro rw'ibibazo asubiza adakoresheje ikoranabuhanga. Abanyeshuri bahawe urutonde rw'ibibazo ni mirongo itatu na bane (34) kandi bose barabisubije n'ubwo harimo umuhungu umwe utarasubije ibibazo bine (4). Birashoboka ko undi mushakashatsi ashobora gukoresha itsinda nkeshwamakuru rigari cyangwa ibindi bikoresho bitandukanye n'ibyo twakoresheje akabona amakuru atandukanyeho gato n'ayo twabonye.

3.10. Umusozo

Uyu mutwe wibanze ku gutegura imbata y'ubushakashatsi twibanda ku iyoboranzira/iyoboramikorere, ikusanyamakuru n'isesenguramakuru. Nk'uko twabigaragaje, hakubiyemo gutegura ubushakashatsi, kugena itsinda nkeshwamakuru, kugaragaza uko amakuru yakusanyijwe n'uko yasesenguwe. Nyuma yo kubona itsinda nkeshwamakuru, dushingiye kandi ku bwoko bw'amakuru yari akenewe twagennye ibikoresho byifashishijwe mu gukusanya amakuru ari byo urutonde rw'ibibazo. Hateguwe kandi hagaragazwa uburyo bwo gushyira mu matsinda amakuru yatanze kugira ngo ashobore gusesengurwa.

UMUTWE WA IV: ISESENGURA RY'AMAKURU YAKUSANYIJWE

Muri uyu mutwe, twasesenguye amakuru yakusanyijwe ku myigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura mu mashuri yisumbuye. Twagarutse kandi ku kugaragaza abagize itsinda nkeshamakuru ndetse tunasesengura amakuru yatanze n'iryo tsinda nkeshwamakuru.

4.1. Itsinda nkeshwamakuru

Nk'uko bigaragara mu mutwe wa gatatu, amatsinda nkeshwamakuru ni abiri. Hari itsinda ry' abanyeshuri n'iry'abarimu. Itsinda ry'abanyeshuri rigizwe n'abanyeshuri mirongo itatu na bane biga mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye, umwaka wa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu mu mashuri y'Indimi n'Ubuvinganzu yigisha Ikinyarwanda nk'isomo ry'ikiciro. Umubare w'abakobwa ungana n'uw'abahungu kuko abakobwa ni cumi na barindwi n'abahungu cumi na barindwi. Muri iri tsinda harimo abakobwa barindwi n'abahungu icumi biga ku Ishuri Nderabarezi rya Bicumbi (TTC Bicumbi), abakobwa batanu n'abahungu batanu biga ku ishuri rya GS Bihembe, mu gihe abakobwa batanu n'abahungu babiri biga ku ishuri rya GS Muyumbu.

Itsinda ry'abarimu ryo rigizwe n'abarimu cumi na batandatu bigisha isomo ry'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye. Harimo abarimu batandatu; abagabo batatu n'abagore batatu bigisha mu mashuri yisumbuye ya Leta yatoranyijwe mu karere ka Rwamagana. Abo barimu harimo abagore babiri bigisha ku Ishuri Ryisumbuye ry'Uburezi bw'Ibanze bw'Imyaka Cumi n'Ibiri rya Muyumbu (GS Muyumbu), mu murenge wa Muyumbu, umugabo n'umugore bigisha ku Ishuri Ryisumbuye ry'Uburezi bw'Ibanze bw'Imyaka Cumi n'Ibiri rya Bihembe (GS

Bihembe) muri Nyakaliro n'abagabo babiri bigisha ku Ishuri Nderabarezi rya Bicumbi (TTC Bicumbi) ryo mu murenge wa Nzige.

Abandi barimu icumi ni abarimu bigisha isomo ry'Ikinyarwanda mu mashuri y'isumbuye yo mu turere dutandukanye tw'Igihugu. Harimo abarimu bigisha Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye yo mu turere twa Rwamagana, Ngoma, Kicukiro, Musanze, Gicumbi, Nyagatare, Rutsiro na Kayonza.

4.2. Uburyo n'ibikoresho byifashishijwe mu isesenguramakuru

Nk'uko twabivuze mu mutwe wa gatatu, twakoresheje uburyo bw'isesengura nyamubaro na nyamiterere. Mu gusesengura, twifashishije ingazabugenge ya SPSS ku banyeshuri naho ku barimu uburyo twakoresheje bwo koherereza abakeshwamakuru imbumbabutumwa iriho urutonde rw'ibibazo ihita isesengura amakuru yatanze twe tukayasobanura. Gusa hari umwarimu umwe wahawe urupapuro rw'ibibazo hadakoreshejwe ikoranabuhanga kuko atari afite terefone ishobora kumufasha gusubiza ibibazo mu buryo bw'ikoranabuhanga. Twoherereje imbumbabutumwa abarimu cumi n'ikenda ariko cumi na batanu ni bo basubije tukaba ari bo twasesenguye amakuru batanze twongeyeho umwarimu umwe wasubije adakoresheje ikoranabuhanga.

4. 2. 1. Uko abanyeshuri basubije ikiciro cya mbere k'ibibazo

Ikiciro cya mbere k'ibibazo, abanyeshuri basabwaga kuvuga ubwoko bw'amagambo yatanze mu nteruro. Ayo magambo harimo ikinyazina ngenga, ngenera ngenga, ndafutura n'andi abarizwa mu mpushabwoko. Ikiciro cya kabiri, basabwaga guhitamo ikinyazina gisesenguye neza mu bindi byatanze n'amategako y'igenamajwi akwiye gukoreshwa. Ikiciro cya gatatu k'ibibazo, cyari

gikubiyemo ibibazo bisaba abanyeshuri gusubiza yego cyangwa oya, maze bagasobanura igisubizo cyabo. Basabwaga kandi gusobanura ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura. Ibi bibazo byateguwe hagamijwe gusuzuma ubumenyi abanyeshuri bafite ku kinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura.

Muri iri sesengura, turareba inshuro n'ijanisha ry'uko buri kibazo cyasubijwe hanyuma tugire icyo tubivugaho twifashishije ibyo abandi bashakashatsi bavuze bishyigikira igitekerezo cyacu. Turibanda kandi gusobanura impamvu umubare runaka watanze igisubizo runaka aho guatanga ikindi. Ku bisubizo abanyeshuri batanze ibitekerezo byabo, kubera ubwinshi bwabyo, turabisobanura mu nshamake twifashishije amagambo fatizo bagiye bahuriraho.

Nk'uko bigaragara ku mbonerahawe iri hasi, twabajije abahungu cumi na barindwi n'abakobwa cumi na barindwi. Harimo umuhungu umwe wiga mu mwaka wa kane, abahungu batandatu bo mu wa gatanu n'abandi icumi biga mu mwaka wa gatandatu. Twabajije kandi abakobwa babiri biga mu mwaka wa kane, batandatu bo mu wa gatanu n'ikenda biga mu mwaka wa gatandatu.

Imb 1: Igitsina cy'abanyeshuri n'ibyiciro bigamo

Igitsina	Umwaka wigamo			Igiteranyo
	Umwaka wa 4	Umwaka wa 5	Umwaka wa 6	
Hungu	1	6	10	17
Kobwa	2	6	9	17
Igiteranyo	3	12	19	34

Ikiciro cya mbere k'ibibazo cyabazaga kuvuga ubwoko bw'amagambo yatanze mu nteruro, cyari kibajije mu buryo bukurikira: *"Vuga ubwoko bw'amagambo*

yakoreshejwe mu nteruro." Iki kicio k'ibibazo gifite ibibazo byagaragajwe n'inyuguti ya A, B na C kandi buri nyuguti nayo ikaba ifite utundi tubazo twagaragajwe n'imibare y'Ikiromani.

A) Ngeewê nkuunda abanyêeshuûri baange kurusha undî muuntu wêese.

i) Ngeewê

Iri jambo ni ngenga ya mbere y'ubumwe "nge" yongeweho umusuma "we". Nta we rigenera ahubwo rigenga nyiri gukora igikorwa. Abashakashatsi Bizimana (1998), Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015), RALC (2019), REB (2017) n'ibindi bitabo mfashanyigisho bikoreshwa mu mashuri, byemeranywa n'iki gitekerezo.

Imb 2: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo ngewe

Ngeewê	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
Ikinyazina ngenera	3	8.8	8.8
Ikinyazina ngenga	19	55.9	64.7
Ikinyazina ngenera ngenga	12	35.3	100.0
Igitanyo	34	100.0	

Abanyeshuri batatu bangana na 8.8% basubije ko ari ikinyazina ngenera, cumi n'ikenda bangana na 55.9% bemeza ko ari ikinyazina ngenga naho cumi na babiri bari ku ijanisha rya 35.3% bavugaga ko ari ikinyazina ngenera ngenga. Imiterere y'ikinyazina ngenera itandukanye cyane n'iy'ikinyazina ngenga. Ikinyazina ngerera ngenga na cyo kigira imiterere yacyo yihariye kuko hagomba kugaragaramo ikinyazina ngenera kiyunze n'ikinyazina ngenga. Ikinyazina ngenga gishobora kongerwaho umusuma "we", "se", "mbi", "bwe" na "nyine" kandi ibi abashakashatsi bese babyemeranywaho ku buryo nta mpamvu yo

kubytiranya. Mu gusesengura rero ntitwakirengagiza ko abanyeshuri cumi na batanu bangana na 44.1% batazi ubwoko bw'ijambo "ngeewê" ari umubare munini kandi ufite ingaruka ku myigire yabo n'iya bagenzi babo y'ikinyazina ngenera ngenga kuko mbere yo kukimenya bagomba kubanza gusobanukirwa ikinyazina ngenga.

Imb 3: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo ngewe tugereranyije n'imyaka bigamo

Ngeewê	Umwaka wigamo			Igiteranyo
	Umwaka wa 4	Umwaka wa 5	Umwaka wa 6	
Ikinyazina ngenera	0	2	1	3
Ikinyazina ngenga	3	8	8	19
Ikinyazina ngenera ngenga	0	2	10	12
Igiteranyo	3	12	19	34

Abashoboye guhitamo igisubizo cy' ukuri ni abanyeshuri cumi n'ikenda. Harimo batatu biga mu mwaka wa kane, umunani biga mu wa gatanu n'umunani biga mu mwaka wa gatandatu. Ibi biragaragaza ko uko bagenda bazamuka mu mashuri, ariko bagenda barushaho gusobanukirwa ibyo biga.

ii) Baange

Baange ni ijambo rigizwe n'ubwoko bubiri bw'amagambo ari yo "ba" y'ikinyazina ngenera na "nge" y'ikinyazina ngenga. Iyo miterere itanga ubundi bwoko bushya bw'amagambo bwitwa ikinyazina ngenera ngenga buvuka igihe ikinyazina ngenera cyahuye n'ikinyazina ngenga bikarema icyo Bizimana (1998) yise inyumane nyabyo.

Imb 4: Ibitekerezo by'abanyeshuri ku bwoko bw'ijambo bange

Baange	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
Ikinyazina ngenera	8	23.5	23.5
Ikinyazina ngenga	4	11.8	35.3
Ikinyazina ngenera ngenga	22	64.7	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Abanyeshuri umunani bangana na 23.5% basubije ko ari ikinyazina ngenera, bane bangana na 11.8% bemeza ko ari ikinyazina ngenga naho makumyabiri na babiri bangana na 64.7% bavuga ko ari ikinyazina ngenera ngenga. Imiterere y'ikinyazina ngenera cyangwa ngenga itandukanye cyane n'iy'ikinyazina ngenera ngenga, ku buryo badakwiye kubyitiranya. Mu gusesengura rero ntitwahumishwa n'umubare munini w'abasubije neza ngo twirengagize abanyeshuri cumi na babiri bangana na 35.3% kuko ibi bifite icyo bivuze mu bushakashatsi. Bivuze ko hari abanyeshuri batazi ubwoko bw'ijambo "baange".

iii) Undi

Nk'uko abashakashatsi batandukanye babigaragaje, ijambo "undi" rifite igicumbi - ndi kandi ntirisobanura neza ikivugwa. Iyo uvuze ngo undi muntu aze hano, nta bwo abo ubwiye bamenya uwo uhamagaye ahubwo buri wese ahatanira kuza ku buryo ubona abantu barenze umwe kandi washakaga umwe gusa. N'ubwo iri jambo rishobora gukoreshwa mu bundi buryo rigahinduka impushabwoko, hano ni ikinyazina ndafutura cg ndasigura.

Imb 5: Ibisubizo abanyeshuri batanze ku bwoko bw'ijambo undi

Undi	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
Ikinyazina ngenera	1	2.9	2.9
Ikinyazina ndafutura	33	97.1	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Umunyeshuri umwe ungana na 2.9% yasubije ko ari ikinyazina ngenera, abandi mirongo itatu na batatu bangana na 97.1% bemeza ko ari ikinyazina ndafutura. Mu by'ukuri kwitiranya ikinyazina ngenera n'ikinyazina ndafutura byaba ari ukwibeshya bikabije kuko haba mu miterere cyangwa mu nyito nta ho bihuriye na gato. Ibi bigaragaza ko abanyeshuri basobanukiwe ubwoko bw'ijambo "undi".

B) Bamwê bageendê abaândi basigâre.

i) Bamwê

Ijaambo "bamwê" ni ijambo riteye urujijo kuko ushingiye ku ngingo yo kudasobanura neza ikivugwa wanyitiranya n'ikinyazina ndafutura. Abandi bashobora gushingira ku ngingo y'igicumbi -mwe bakanyitiranya n'ikinyazina nyamubaro bishobora kuba ari yo mpamvu hari abanyeshuri basubije gutyo. Ikinyazina nyamubaro kigaragaza umubare w'ibivugwa cyangwa urukurikirane rwabyo. Urugero: umuuntu umwê, babiri, batatu, uwaa mbere, uwa kâbiri n'îbîîndi, naho bamwe ntirisobanura. Dushingiye ku byo Bizimana (1998) avuga, iri jambo ni impushabwoko.

Imb 6: Ibisubizo abanyeshuri batanze ku bwoko bw'ijambo bamwe

Bamwê	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
Ikinyazina ndafutura	8	23.5	23.5
Impushabwoko	7	20.6	44.1
Ikinyazina nyamubaro	19	55.9	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Mu kuvuga ubwoko bw'iri jambo, bigaragara ko abanyeshuri batabashije gutahura ko ari impushabwoko. Impushabwoko ni ijambo rikoreshwa mu buryo butuma rita ubwoko ryari ririmo. Riba ryenda kuba mu bwoko runaka ariko rigatandukira amahame n'amabwiriza agenga amagambo yo muri ubwo bwoko, kandi ntirigire ubundi bwoko ryisangamo. Ibyo abanyeshuri basubije biterwa n'ikibazo cyo kwitiranya ubwoko bw'amagambo ndetse kigaragara no mu binyazina bimwe na bimwe. Abanyeshuri umunani bangana na 23.5% basubije ko ari ikinyazina ndafutura, barindwi bonyine bahwanye na 20.6% ni bo babashije gutahura ko ari impushabwoko naho cumi n'ikenda bangana na 55.9% baryise ikinyazina nyamubaro.

ii) Abaândi

Nk'uko abashakashatsi batandukanye babigaragaje, ijambo "abandi" rifite igicumbi -ndi kandi ntirisobanura neza ikivugwa. Iyo uvuze ngo abandi bana basigare, nta bwo abo ubwiye bamenya abagomba gusigara ahubwo buri wese yumva ari mu bagomba gusigara ku buryo bose bashobora gusigara kandi wenda yashakaga ko hagira umubare runaka w'abagenda n'abasigara. Iri jambo ni ikinyazina ndafutura.

Imb 7: Ibisubizo by'abanyeshuri ku bwoko bw'ijambo abandi

Abaândi	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
Ikinyazina ndafutura	32	94.1	94.1
Impushabwoko	2	5.9	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Abanyeshuri mirongo itatu na babiri bahwanye na 94.1% basubije ko ari ikinyazina ndafutura, abandi babiri bangana na 5.9% bemeza ko ari impushabwoko. Iyi mbonerahamwe iragaragaza ko abanyeshuri basobanukiwe ijambo "abandi" ko ari ikinyazina ndafutura batakitiranya n'ubundi bwoko bw'amagambo.

C) Ubuûndi mbona tûtoorôhewe, arîko Imâana iri kumwê naâtwe.

i) Ubuûndi

N'ubwo ikinyazina ndafutura kigira igicumbi - ndi, bitewe n'imikoreshereze yacyo mu nteruro gishobora guhindura ubwoko. Nk'uko bigaragara mu gitabo cya Bizimana (1998) aho twakuye uru rugero, avuga ko iri jambo ari impushabwoko.

Imb 8: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo ubundi

Ubuûndi	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
Ikinyazina ndafutura	25	73.5	73.5
Impushabwoko	9	26.5	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Abanyeshuri makumyabiri na batanu bahwanye na 73.5% basubije ko ari ikinyazina ndafutura, abandi ikenda bangana na 26.5% bemeza ko ari impushabwoko. Mu bwoko bw'amagambo bitewe n'uburyo yakoreshejwe, hagaragamo urujijo ruterwa n'amarengayobora arimo. Ibisubizo abanyeshuri batanze bigaragaza ko iri jambo byabagoye gutahura ubwoko bwaryo.

ii) **Kumwê**

Ijaambo "kumwê" ni ijambo riteye urujijo kuko abantu bashobora kuryibeshyaho bashingiye ku ngingo y'igicumbi -mwe bakaryitiranya n'ikinyazina nyamubaro. Ikinyazina nyamubaro, kigaragaza umubare w'ibivugwa cg urukurikirane rwabyo. Urg: umuuntu umwê, babiri, batatu, uwaa mbere, uwa kâbiri n'ibiîndi, naho kumwê ntirisobanura umubare kereka iyo tuvuze nk'ukuguru kumwe. Dushingiye ku byo Bizimana (1998) avuga, iri jambo ni impushabwoko.

Imb 9: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo kumwe

Kumwê	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
Impushabwoko	19	55.9	55.9
Ikinyazina nyamubaro	15	44.1	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Mu kuvuga ubwoko bw'iri jambo, bigaragara ko abanyeshuri batabashije gutahura ko ari impushabwoko. Ibi biterwa no kwitiranya ubwoko bw'amagambo harimo n'ibinyazina bimwe na bimwe. Abanyeshuri cumi n'ikenda bangana na 55.9% ni bo babashije gutahura ko ari impushabwoko naho cumi na batanu bahwanye na 44.1% baryise ikinyazina nyamubaro. Uyu mubare w'abanyeshuri cumi na batanu ni munini ku buryo usobanuye ikintu kinini ku ntego z'ubu bushakashatsi. Ibi

biragaragaza ko abanyeshuri badasobanukiwe neza ubwoko bw'amagambo amwe n'amwe.

4. 2. 2. Uko ikiciro cya kabiri k'ibibazo cyasubijwe

Nk'uko byavuzwe hejuru, ikiciro cya kabiri k'ibibazo gitandukanye n'icya mbere kuko cyo kitasabaga abanyeshuri kuvuga ubwoko bw'amagambo, ahubwo cyabasabaga guhitamo intêgo (uturemajambo) n'itegeko cyangwa amategeko y'igenamajwi by'ukuri ku ijambo bahawe mu nteruro.

Iki kiciro k'ibibazo gifite ibibazo byagaragajwe n'inyuguti ya A, B, C, D na E kandi buri nyuguti nayo ikaba ifite utundi tubazo twagaragajwe n'imibare y'Ikiromani.

A) Wowê ukuunda abaana baange.

i) **Wowê**

Kugira ngo umuntu ashobore kumenya uko iri jambo risesengurwa, ni uko agomba kubanza gutahura ubwoko bwaryo. Iri jambo ni ikinyazina ngenga cyo muri ngenga ya kabiri y'ubumwe cyongeweho umusuma "we". Umushakashatsi Bizimana (1998:156) yagaragaje ko hasesengurwa ikinyazina ngenga ndetse n'umusuma (u-o-u-ê). Abemeza iyi misesengurire bayisobanuye muri aya magambo: "Uretse ikinyazina cyo muri ngenga ya kabiri gihorana imiterere isubiwemo, ikinyazina cyo muri ngenga ebyiri za mbere z'ubwinshi n'icyo muri ngenga ya mbere y'ubumwe bigira ibicumbi bibiri, bikagira inyito itsindagiriza. Muri iyo miterere, indangangenga iba -bu- muri ngenga ebyiri za mbere z'ubwinshi. Igicumbi gihora ari -ê. Hagati y'ibice byombi haba uburebure bw'inyajwi".

Ingero:

Geewê ndahîinga wowê uteerê.

gi-e-u-ê na u-o-u-ê

Tweebwê turîitoonda mweebwê mugakûbagana.

u-e-bu-ê na mu-e-bu-ê

Ibi si ko abandi bashakashatsi babyemera. Urugero : Twilingiyimana na Nsanzabiga (2015 : 52), Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2019 : 81) na REB (2017 : 94) kimwe n'ibindi bitabo mfashanyigisho bikoreshwa mu mashuri. Bo bemeza ko umusuma udasesengurwa bityo bikwiye gusesengurwa muri ubu buryo kandi nange nemeranywa na bo : u-o-wê u→w/-J

Imb 10 : Isesengura ry'ibisubizo by'abanyeshuri ku isesengura ry'ijambo wowe

Wowê	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
u-o-u-ê u→w/- J	17	50.0	50.0
u-o-wê u→w/- J	6	17.6	67.6
Nta gisubizo kirimo	11	32.4	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Nk'uko bigaragara ku mbonerahamwe iri hejuru, abanyeshuri cumi na barindwi bahwanye na 50% basubije u-o-u-ê u→w/- J, abandi batandatu bangana na 17.6% bahisemo u-o-wê u→w/- J naho cumi n'umwe bahwanye na 32.4% bemeza ko nta gisubizo cy'ukuri kirimo. Biragaragara ko abanyeshuri batashoye gutahura ko ririya jambo risesengurwa hagaragazwa indangakinyazina n'igicumbi by'ikinyazina ngenga n'umusuma utajya usesengurwa bityo tukagira intêgo iteye itya: u-o-wê u→w/- J.

ii) Baange

Nk’uko twabivuze hejuru, isesengura ribanzirizwa no gutahura ubwoko bw’ijambo risesengurwa. Baange ni ikinyazina ngenera ngenga. Birumvikana ko isesengura rigomba kugaragaza indangakinyazina n’igicumbi by’ikinyazina ngenera n’indangakinyazina n’igicumbi by’ikinyazina ngenga. Nk’uko abashakashatsi Bizimana (1998), Inteko Nyarwanda y’Ururimi n’Umuco (2019), Twilingiyimana na Nsanzabiga (2015) na REB (2017) babigaragaje, ijambo baange rigomba gusesengurwa gutya: ba-a-n-gi-e $a \rightarrow \phi/-J$ na $i \rightarrow \phi/-J$.

Imb 11: Ibisubizo abanyeshuri batanze ku isesengura ry’ijambo bange

Baange	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
ba-a-n-gi-e $a \rightarrow \phi/-J$ na $i \rightarrow \phi/-J$	6	17.6	17.6
ba-a-ngi-e $a \rightarrow \phi/-J$ na $i \rightarrow \phi/-J$	8	23.5	41.2
ba- ϕ -ngi-e $i \rightarrow \phi/-J$	20	58.8	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Nk’uko bigaragara ku mbonerahamwe iri hejuru, abanyeshuri batandatu bahwanye na 17% ni bo bonyine babashije gutahura igisubizo nyacyo. Abanyeshuri umunani bahwanye na 23.5% bahisemo ba-a-ngi-e $a \rightarrow \phi/-J$ na $i \rightarrow \phi/-J$. Ntibibutse ko nta ndangakinyazina “ngi” ibaho mu kinyazina ngenga bakaba barabihuriyeho n’abanyeshuri makumyabiri bangana na 58.8% bo bagaragaje ko indangakinyazina y’ikinyazina ngenera ari zeru. Dushingiye ku bisubizo abanyeshuri batanze ku kibazo kibaza impamvu ituma badasobanukirwa isesengurwa ry’ibi binyazina, bavuze ko biterwa n’uko babyize nabi kuko byigishwa mu mwaka wa gatatu w’ikiciro rusange no mu mwaka wa gatandatu w’Indimi n’Ubuvinganzo.

B) Inkâ zê ziragirwa n'âabâana bâacu.

i) Zê

Ijambo zê rikubiyemo ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga, bityo ni ikinyazina ngenera ngenga. Mu buryo busanzwe byari kuba [za wê]. Ubundi ikinyazina ngenera iyo gikurikiwe n'ikinyazina ngenga byandikwa mu ijambo rimwe ariko hari igihe amashusho y'ibinyazina byombi atigaragaza. Aha rero ni ho hakunze guteza abanyeshuri urujijo kuko baba batabibona neza. Icyo gihe igicumbi k'ikinyazina ngenera n'indangangenga y'ikinyazina ngenga biburizwamo bigasimbuzwa akaremajambo zeru (ϕ).

Imb 12: Isesengura ry'ibisubizo by'abanyeshuri ku isesengura ry'ijambo ze

Zê	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
zi-ê $i \rightarrow \phi/-J$	24	70.6	70.6
zi-a- ϕ -ê $i \rightarrow \phi/-J$ na $a \rightarrow \phi/-J$	3	8.8	79.4
zi- ϕ - ϕ -ê $i \rightarrow \phi/-J$	7	20.6	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Abanyeshuri makumyabiri na bane bangana na 70.6% bahisemo isesengura ry'ijambo “zê” nk'aho ari ikinyazina ngenga (zi-ê $i \rightarrow \phi/-J$) kuko ni cyo kigira uturemajambo tubiri. Iki ni ikinyazina ngenera ngenga kigomba kugaragaza uturemajambo tune harimo tubiri tw'ikinyazina ngenera na tuburi tw'ikinyazina ngenga. Abanyeshuri batatu na bo ntibakuriye irengayobora ry'uko hari igihe amashusho y'ibinyazina byombi atigaragaza icyo gihe igicumbi k'ikinyazina ngenera n'indangangenga y'ikinyazina ngenga bikagaragazwa n'akaremajambo

zeru (ϕ). Barindwi bonyine bahwanye na 20.6% ni bo bashoboye gutahura isesengura nyaryo ry'ijambo “zê”.

ii) Bâacu

Ikinyazina ngenera ngenga cyo muri ngenga ya mbere y'ubwinshi, indangakinyazina -tu ihinduka -cu kandi igicumbi k'ikinyazina ngenga kikaburizwamo.

Imb 13: Isesengura ry'ibisubizo by'abanyeshuri ku isesengura ry'ijambo bacu

Bâacu	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
ba-â- ϕ -cu a→ ϕ /- J	10	29.4	29.4
ba-â-cu- ϕ a→ ϕ /- J	2	5.9	35.3
ba-cu	22	64.7	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Dushingiye ku byavuzwe hejuru, abanyeshuri babiri bahwanye na 5.9% ni bo bonyine bashoboye gutahura imisesengurire inoze ba-a-cu- ϕ a→ ϕ /- J y'ijambo bacu ribarizwa mu bwoko bw'ikinyazina ngenera ngenga. Nk'uko Bizimana (1998), Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015), REB (2017) n'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2019) babivuga, indangakinyazina “cu” isimbura “tu” ku buryo ubusanze byari kuba batwe bisesengurwa ba-a-tu-e u→w/- J na a→ ϕ /- J. Abanyeshuri icumi banyuranyije n'ibivugwa mu bitabo bahitamo imisesengurire itari yo ba-a- ϕ -cu a→ ϕ /- J. Berekanye ko igicumbi k'ikinyazina ngenga ari -cu kandi sibyo. Abandi makumyabiri na babiri bo bahisemo ba-cu imisesenguriye itabaho kuko intêgo y'ikinazina ngenera ngenga igomba kugaragaza uturemajambo tune.

C) Abaândi bakoôbwa bagira isuku ariko uwaânyu yâraanyôbeye.

i) Abaândi

Imb 14: Isesengura ry'ibisubizo by'abanyeshuri ku intego ry'ijambo abaândi

Abaândi	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
a-ba-: ndi $a \rightarrow \phi / -J$	6	17.6	17.6
a-ba-ndi $a \rightarrow \phi / -J$	19	55.9	73.5
a-ba-andi	9	26.5	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe iri hejuru, abanyeshuri batandatu bahwanye na 17.6% n'abandi ikenda bangana na 26.5% ni bo bonyine babashije kuvumbura imisesengurire y'ijambo "abandi". Nta munyeshuri n'umwe washoboye kuvumbura ko byombi ari ibisubizo by'ukuri. Abandi cumi n'ikenda bahwanye na 55.9% bo bahisemo isesengura rifite igicumbi k'ikinyazina ndafutura kigufi. Dushingiye kuri uru rugero, biragaragara ko abanyeshuri benshi badasobanukiwe isesengura ry'ijambo abaândi.

ii) Uwaânyu

Ikinyazina ngenera ngenga cyo muri ngenga ya kabiri y'ubwinshi, indangakinyazina -mu ihinduka -nyu kandi igicumbi k'ikinyazina ngenga kikaburizwamo.

Imb 15: Ibisubizo abanyeshuri batanze ku isesengura ry'ijambo uwanyu

Uwaânyu	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
u-u-â-ϕ-nyu u→w/-J	18	52.9	52.9
u-u-â-nyu-ϕ u→w/-J	8	23.5	76.5
u-wâ-nyu	8	23.5	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Dushingiye ku mibare igaragara mu mbonerahamwe, abanyeshuri umunani bahwanye na 23.5% ni bo bonyine bashoboye gutahura imisesengurire inoze y'ijambo “uwaânyu” (u-u-â-nyu-ϕ u→w/-J) ribarizwa mu bwoko bw'ikinyazina ngenera ngenga. Abanyeshuri cumi n'umunani bangana na 52.9% banyuranyije n'ibivugwa mu bitabo bahitamo imisesengurire itari yo u-u-â-ϕ-nyu u→w/-J kuko berekanye ko igicumbi k'ikinyazina ngenga ari -nyu kandi sibyo. Abandi umunani bo bahisemo (u-wâ-nyu) imisesenguriye itabaho kuko intêgo y'ikinazina ngenera ngenga igomba kugaragaza uturemajambo tune ari two: indangakinyazina n'igicumbi by'ikinyazina ngenera n'indangangenga n'igicumbi by'ikinyazina ngenga.

D) Tweebwê dutegereje undî mwana uzazana ayaândi mabuye ku mutwe wê.

i) **Tweebwê**

Kugira ngo umuntu ashobore kumenya uko iri jambo risesengurwa, ni uko agomba kubanza gutahura ubwoko bwaryo. Iri jambo ni ikinyazina ngenga cyo muri ngenga ya mbere y'ubwinshi cyongeweho umusuma “bwê”. Abashakashatsi Bizimana (1998:156), Mugengano (2019) bagaragaje ko hasesengurwa ikinyazina ngenga ndetse n'umusuma (tu-e-bu-ê). Abemeza iyi misesengurire bayisobanuye

muri aya magambo: “Uretse ikinyazina cyo muri ngenga ya kabiri gihorana imiterere isubiwemo, ikinyazina cyo muri ngenga ebyiri za mbere z’ubwinshi n’icyo muri ngenga ya mbere y’ubumwe bigira ibicumbi bibiri, bikagira inyito itsindagiriza. Muri iyo miterere, indangangenga n’ibicumbi birahinduka. Mu gice cya kabiri k’ikinyazina gitsindagiriza, indangangenga iba bu- muri ngenga ebyiri za mbere z’ubwinshi. Igicumbi gihora ari – ê. Hagati y’ibice byombi haba uburebure bw’inyajwi”.

Ingero:

Geewê ndahînga wowê uteerê. gi-e-u-ê na u-o-u-ê

Tweebwê turûtoonda mweebwê mugakûbagana. u-e-bu-ê na mu-e-bu-ê

Ibi si ko abandi bashakashatsi babyemera. Urugero : Twilingiyimana na Nsanzabiga (2015 : 52), Inteko Nyarwanda y’Umuko n’Ururimi (2019 : 81) na REB (2017) kimwe n’ibindi bitabo mfashanyigisho bikoreshwa mu mashuri. Bo bemeza ko umusuma udasesengurwa bityo bikwiye gusesengurwa muri ubu buryo : tu-e-bwê u→w/-J.

Imb 16 : Ibisubizo abanyeshuri batanze ku isesengura ry’ijambo twebwê

Tweebwê	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
tu-e-bu-ê u→w/-J	19	55.9	55.9
tu-e-bwê u→w/-J	15	44.1	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Nk’uko bigaragara kuri iyi mbonerahamwe, abanyeshuri cumi na batanu bahwanye na 44.1% ni bo bonyine bashoboye guhitamo imisesengurire iboneye y’ijambo “twebwê” naho cumi n’ikenda bangana na 55.9% bahisemo imisesengurire itari yo. Biragaragara ko umubare munini w’abanyeshuri

batashoboye gutahura ko ririya jambo risesengurwa hagaragazwa indangakinyazina n'igicumbi by'ikinyazina ngenga n'umusuma utajya usesengurwa bityo tukagira intêgo iteye itya: tu-e-bwê $u \rightarrow w/-J$.

ii) Undî

Ikinyazina ndafutura kigufi kigira igicumbi -ndi. Iki kinyazina kigira indangakinyazina n'igicumbi gusa. Nta butinde kigira ari na ho gitandukanira n'ikinyazina ndafutura kirekire.

Imb 17: Ibisubizo abanyeshuri batanze ku isesengura ry'ijambo undi

Undî	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
u-ndi	30	88.2	88.2
u-: ndi	4	11.8	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Abanyeshuri mirongo itatu banagana na 88.2% bashoboye gutahura imisesengurire iboneye y'ijambo “undî” abandi bane bonyine ni bo batabashije gutahura uko ikinyazina ndafutura gifite igicumbi -ndi kigufi gisesengurwa kuko bakitiranyije n'ikirekire.

iii) Ayaândi

Ikinyazina ndafutura kirekire kigira igicumbi -: ndi. Ijambo ayandi rishobora gusesengurwa mu buryo bubiri ari bwo: a-a-: ndi $a \rightarrow \phi/-J$ cyangwa a-a-andi $a \rightarrow \phi/-J$. Hari abashaka kwiyorohereza isesengura bagashyiramo inyerera “y” cyangwa impagike ariko ubutinde bakabwirengegiza kandi ni ngombwa kugira ngo gitandukane n'ikinyazina ndafutura kigufi.

Imb 18: Isesengura ry'ibisubizo by'abanyeshuri ku intego y'ijambo ayandi

Ayaândi	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
a-a-: ndi a→y/-J	10	29.4	29.4
a-a-andi a→y/-J	14	41.2	70.6
a-ya-ndi	10	29.4	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe iri hejuru, abanyeshuri icumi bahwanye na 29.4% n'abandi cumi na bane bangana na 41.2% ni bo bonyine babashije kuvumbura imisesengurire y'ijambo "ayaândi". Nta munyeshuri n'umwe washoboye kuvumbura ko byombi ari ibisubizo by'ukuri. Abandi icumi bangana na 29.4% bo bahisemo isesengura rifite igicumbi k'ikinyazina ndafutura kigufi. Ushingiye kuri uru rugero, biragaragara ko n'ubwo abanyeshuri makumyabiri na bane bangana na 70.6 babishoboye ariko byagaragaye ko hari undi mubare utari muto w'abanyeshuri badasobanukiwe isesengura ry'ijambo ayaândi.

iv) Wê

Ijambo wê rikubiyemo ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga, bityo ni ikinyazina ngenera ngenga. Mu buryo busanzwe byari kuba [wa wê]. Ubundi ikinyazina ngenera iyo gikurikiwe n'ikinyazina ngenga byandikwa mu ijambo rimwe ariko hari igihe amashusho y'ibinyazina byombi atigaragaza. Nk'uko twabivuze kuri zê, bikunze guteza abanyeshuri urujijo kuko baba batabibona neza. Icyo gihe igicumbi k'ikinyazina ngenera n'indangangenga y'ikinyazina ngenga biburizwamo bigasimbuzwa akaremajambo zero (ϕ).

Imb 19: Isesengura ry'ibisubizo by'abanyeshuri ku intego y'ijambo we

Wê	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
u-ê u→w/- J	26	76.5	76.5
u- φ-φ-ê u→w/- J	8	23.5	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Abanyeshuri makumyabiri na batandatu bangana na 76.5% bahisemo isesengura ry'ijambo “wê” nk'aho ari ikinyazina ngenga (u-ê u→w/- J) kuko kigira uturemajambo tubiri. Iki ni ikinyazina ngenera ngenga kigomba kugaragaza uturemajambo tune harimo tubiri tw'ikinyazina ngenera na tuburi tw'ikinyazina ngenga. Aba kandi ntibakuriye irengayobora ry'uko hari igihe amashusho y'ibinyazina byombi atigaragaza icyo gihe igicumbi k'ikinyazina ngenera n'indangangenga by'ikinyazina ngenga bikagaragazwa n'akaremajambo zero (φ). Umunani bonyine bahwanye na 23.5% ni bo bashoboye gutahura isesengura nyaryo ry'ijambo “wê”.

E) Karekezi yambereye uwuûndiwûundi kandi iyiûndi mirima yarahinzwe na ya nka imbera indîyîndi.

i) Uwuûndiwûundi

Ikinyazina ndafutura kirekire kisubiyemo kiragaragaza uturemajambo tw'ikinyazina ndafutura kirekire ari two: D-RKzn –C maze tukisubiramo. Ubwo turabona imiterere iteye itya: D-RKzn-C-D-RKzn-C.

Imb 20: Uko abanyeshuri bahisemo uturemajambo tw'ijambo uwunduwindi

Uwuûndiwûundi	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
u-u-: ndi- ϕ -u-: ndi $u \rightarrow w/-J$	17	50.0	50.0
u-u-ndi- ϕ -wu-ndi $u \rightarrow \phi/-J$	11	32.4	82.4
u-wu- ndi-wu-ndi	6	17.6	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Abanyeshuri cumi na barindwi bangana na 50% ni bo bashoboye gutahura intêgo nyayo y'ijambo uwuûndiwûundi. Cumi n'umwe n'abandi batandatu bahwanye na 50% bo bahisemo isesengura rifite igicumbi k'ikinyazina ndafutura kigufi. Ibi byagaragaje ko hari abanyeshuri batazi gutandukanya isesengura ry'ikinyazina ndafutura kigufi n'ikirekire.

ii) Iyiîndi

Ikinyazina ndafutura kirekire kigira igicumbi -: ndi. Ijambo iyiîndi rishobora gusesengurwa mu buryo butatu ari bwo: i-i-: ndi $i \rightarrow y/-J$, i-i-indi $i \rightarrow y/-J$ cyangwa i-yi-: ndi $i \rightarrow y/-J$. Hari abashaka kwiyorohereza isesengura bagashyiramo inyerera “y” cyangwa impagike bityo bagasesengura batya: i-yi-ndi $i \rightarrow y/-J$. Ubu buryo ni bwo bworoshye ariko ntibuhwitse kuko ubutinde bugomba kugaragazwa kugira ngo gitandukane n'ikinyazina ndafutura kigufi.

Imb 21: Uko abanyeshuri bahisemo intego y'ijambo iyindi

Iyiîndi	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
i-i-: ndi $i \rightarrow y/-J$	20	58.8	58.8
i-yi-: ndi $i \rightarrow y/-J$	5	14.7	73.5
i-yi-ndi	9	26.5	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe iri hejuru, abanyeshuri makumyabiri bahwanye na 58.8% babashije kuvumbura imisesengurire y’ijambo “iyindi”. Abandi batanu bangana na 14.7% na bo bahisemo intêgo yemewe. Hari abanyeshuri ikenda bangana na 26.5% bahisemo rya sesengura ridahwitse kuko rifite igicumbi k’ikinyazina ndafutura kigufi. Ubutinde bugomba kugaragara ku gicumbi k’ikinyazina ndafutura kirekire.

iii) Indîyîindi

Mu ijambo “indîyîindi” turabonamo ukwiyunga kw’ikinyazina ndafutura kigufi n’ikirekire. Aha rero isesengura ry’iri jambo rigomba kugaragaza uturemajambo tw’ikinyazina ndafutura kigufi ari two: RKzn –C ndetse n’intêgo y’ikirekire D-RKzn-C.

Imb 22: Ibisubizo abanyeshuri batanze ku isesengura ry’ijambo indiyindi

Indîyîindi	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
i-ndi- ϕ -yi-ndi	8	23.5	23.5
i-ndi- ϕ -i-: ndi $i \rightarrow y/-J$	16	47.1	70.6
i- ndi-yi-ndi	3	8.8	79.4
i-ndi- ϕ -i-indi $i \rightarrow y/-J$	7	20.6	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe, abanyeshuri cumi na batandatu bangana na 47.1% n’abandi barindwi bahwanye na 20.6% ni bo bashoboye gutahura intêgo nyayo ijambo “indîyîindi”. Abanyeshuri umunani bahwanye na 23.5% n’abandi batatu banagana na 8.8% ni bo bahisemo isesengura rifite igicumbi k’ikinyazina

ndafutura kigufi. Ibi byagaragaje ko abanyeshuri bake ari bo batazi gutandukanya isesengura ry'ikinyazina ndafutura kigufi n'ikirekire.

4. 2. 3. Uko ikiciro cya gatatu k'ibibazo cyasubijwe

Ikiciro cya gatatu k'ibibazo, cyari gikubiyemo ibibazo bisaba abanyeshuri gusubiza yego cyangwa oya maze bagasobanura igisubizo cyabo. Basabwaga kandi gusobanura ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura. Ibi bibazo byateguwe hagamijwe gusuzuma ubumenyi abanyeshuri bafite ku kinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura.

Ikibazo cya mbere cyari kigamije kugaragaza ingorane abanyeshuri bafite mu myigire y'ikinyazina ngenera ngenga. Twabajije ikibazo kigira kiti: “Ni izihe ngorane mufite mu myigire y'ikinyazina ngenera ngenga”? Mu mbonerahamwe ikurikira, abanyeshuri bavuze ingorane bahura na zo mu myigire y'ikinyazina ngenera ngenga bigatuma badasobanukirwa neza imiterere n'intêgo byacyo.

Imb 23: Ingorane abanyeshuri bafite mu myigire y'ikinyazina ngenera ngenga

Ingorane abanyeshuri bafite mu myigire y'ikinyazina ngenera ngenga	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
Amagambo akigize arahindagurika.	1	8.3	8.3
Biragorana cyane gusobanukirwa imiterere yacyo isobetse (kugenera no kugenga) ikintu icyarimwe.	1	8.3	16.6

• Bitera urujijo bityo aho kuvuga ikinyazina ngenera ngenga tukabyitiranya n'ikinyazina ngenera cyangwa ngenga.	1	8.3	24.9
• Hari igihe kiba kimeze nka ngenera gusa kandi tuziko kiba ari ngenera yiyunze na ngenga. Urg: inka yê.	1	8.3	33.2
• Imyigire mibi (hari abarimu batagisobanukiwe neza bakakitwigisha nabi).	1	8.3	41.5
• Ingorane zo kutamenya gutandukanya ikinyazina k'inyunze n'ikinyazina ngenera.	1	8.3	49.8
• Isesengura rigaragaramo amarengayobora ateye urujijo.	1	8.3	58.1
• Kubifata birangoye.	1	8.3	66.4
• Kumenya gutandukanya ngenera ngenga na ngenga mu nteruro biragoye.	1	8.3	74.7
• Ibitabo bihagije kandi bivuguruzanya.	1	8.3	83.0
• Kutabisobanukirwa neza.	1	8.3	91.7
• Hari ingorane cyane mu gusesengura iki kinyazina k'inyunze.	1	8.3	100.0
Igiteranyo	12	100.0	

Abanyeshuri bagaragaje ingorane zikubiye mu bintu bitatu by'ingenzi. Icyamba mbere, ni ukubyiga nabi bigatuma imiterere isobetse y'ikinyazina ngenera ngenga itumvikana neza. Bagaragaje ko ukwiyunga kw'ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga bitera urujijo haba mu gutahura ubwoko bwacyo cyangwa kugisesengura kuko hari n'igihe amashusho y'ibinyazina byombi atigaragaza bityo bikagorana gutandukanya ikinyazina ngenera, ngenga n'ikinyazina ngenra ngenga. Hari n'igihe ikinyazina ngenga cyongerwaho umusuma umuntu akakitiranya n'ikinyazina ngenera ngenga. Icyakabiri bagaragaje ni uko kubona aho wakura amakuru ku kinyazina ngenera ngenga ari ikibazo gikomeye batanga urugero ko kitagaragara mu ikoranabuhanga ku bubyo wajya kuri interineti ukabonaho ibyo ukeneye harimo n'isesengura ryacyo. Icyagatatu bagaragaje ni ibitato bidahagije kandi n'ibihari bikavuguruzanya ndetse bigatanga n'amakuru adahagije.

Ikibazo gikurikira cyabazaga abanyeshuri kuvuga ibyo batekereza ko bigira uruhare runini mu gutuma badasobanukirwa neza ikinyazina ngenera ngenga iyo bakiga. Ibitekerezo bigaragara mu imb 24 ni ibigaragaza igituma badasobanukirwa neza iki kinyazina.

Imb 24: Ibitera ingorane abanyeshuri bafite mu myigire y'ikinyazina k'inyunge

Ibitera ingorane zigaragara mu myigire y'ikinyazina ngenera ngenga	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisharyose hamwe
➤ Ziterwa no kubyiga nabi.	1	8.3	8.3
➤ Nta makuru ahagije ibitabo by'Ikinyarwanda bitanga ku ngingo yo gusesengura.	1	8.3	16.6
➤ Biterwa no kutabisobanukirwa neza kubera kudakora imyitozo myinshi.	1	8.3	24.9
➤ Byarananiye ariko nzagerageza mbimenye.	1	8.3	33.2
➤ Kutabasha kuvumbura ihura ry'ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga.	1	8.3	41.5
➤ Kutabona igihe gihagije cyo kubisubiramo.	1	8.3	49.8
➤ Ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ngenera byenda gusa.	1	8.3	58.1
➤ Nta muhate cg umuco wo gukunda gusoma uhari ikindi nta bumenyi buhagije mu gukoresha ikoranabuhanga mu myigire.	1	8.3	66.4
➤ Ubumenyi buke, kutabisobanukirwa no kutabisubiramo buri muni.	1	8.3	74.7
➤ Amategako n'imyandikire yacyo ntibinoze.	1	8.3	83.0
➤ Birahindagurika mu myandikire ugasanga ibyo usomye sibyo wanditse.	1	8.3	91.7
➤ Ziterwa no kudakora ubushakashatsi ngo tumenye aho gitandukaniye n'ibindi binyazina.	1	8.3	100.0
Igiteranyo	12	100.0	

Nk’uko byavuzwe ku ngorane abanyeshuri bagira, ibizitera na byo biri mu byiciro bitatu. Icyamba mbere, ni ukubya nabi biterwa no kubura umwanya uhagije wo gusubiramo, wo gukora ubushakashatsi basoma ibitabo bitandukanye bitanga amakuru kuri icyo kinyazina, kwitiranya imiterere y’ikinyazina ngenera, ngenga n’ikinyazina k’inyunge no kugira imiterere ihindagurika. Icyamba kabiri bagaragaje ko ingorane bagira ziterwa n’uko ibitabo bihari bidatanga amakuru ahagije cyane cyane ku isesengura ry’ikinyazina ngenera ngenga n’ayabonetse ugasanga avuguruzanya. Icyamba gatatu, abanyeshuri bagaragaje ni uko ingorane bahura na zo ziterwa ahanini no kuba ikoranabuhanga ritatere imbere ngo ribafashe kubya neza kandi igihe cyose babonye umwanya. Ntibashobora gushaka amakuru ku intêgo y’ikinyazina ngenera ngenga kuri interineta ngo bayabone. Ibitera abanyeshuri ingorane byakemurwa no kwigira mu muryango. Imikoranire hagati y’abantu batandukanye, kwigira ku bandi no kubareberaho ni intwari yo gukuraho izo ngorane.

Ikibazo cya kabiri cyari kigamije kugaragaza ingorane abanyeshuri bafite mu myigire y’ikinyazina ndafuturako. Twabajije ikibazo kigira kiti: “Ni izihe ngorane mufite mu myigire y’ikinyazina ndafuturako”? Mu mbonerahamwe ikurikira, abanyeshuri bavuze ingorane bahura na zo mu myigire y’ikinyazina ndafuturako bigatuma badasobanukirwa neza imiterere n’intêgo byacyo.

Imb 25: Ingorane abanyeshuri bafite mu myigire y'ikinyazina ndafutura

Ingorane abanyeshuri bafite mu myigire y'ikinyazina ndafutura	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
Kutabasha gutandukanya intêgo y'ikinyazina ndafutura kigufi n'ikirekire no kukitiranya n'ubundi bwoko bw'amagambo.	2	40.0	40.0
Kutamenya gutandukanya ikinyazina ndafutura n'ikinyazina mbanziriza.	1	20.0	60.0
Ikoreshwa ry'utudomo tubiri ku gicumbi -: ndi rigaragara mu bitabo bimwe ibindi ntiribemo bitera urujijo.	1	20.0	80.0
Ubumenyi buke, kubura umwanya wo kubisubiramo no kutabisobanukirwa.	1	20.0	100.0
Igiteranyo	5	100.0	

Abanyeshuri bagaragaje ko ingorane bafite ari kutabasha gutandukanya ikinyazina ndafutura kigufi n'ikirekire, kutabasha kugitandukanya n'ubundi bwoko bw'amagambo, kubura umwanya wo kubisubiramo ndetse no kuba ibitabo bakoresha bimwe bikoresha utudomo tubiri mu kugaragaza igicumbi k'ikinyazina ndafutura kirekire ibindi ntibidukoreshe maze bikabatera urujijo. Ingorane abanyeshuri bafite zakurwaho no kwigira mu muryango. Imikoranire hagati y'abantu batandukanye, kwigira ku bandi no kubareberaho ni intwari yo gukuraho izo ingorane.

Ikibazo gikurikira cyabazaga abanyeshuri kuvuga ibyo batekereza ko bigira uruhare runini mu gutuma badasobanukirwa neza ikinyazina ndafutura iyo bakiga. Ibitekerezo bigaragara mu imb 26 ni ibigaragaza igituma badasobanukirwa neza icyo kinyazina.

Imb 26: Ibitera ingorane abanyeshuri bafite mu myigire y'ikinyazina ndafutura

Ibitera ingorane zigaragara mu myigire y'ikinyazina ndafutura	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
➤ Abarimu bamwe na bo ntibabisobanukiwe neza.	2	40.0	40.0
➤ Kudasobanukirwa byimbitse itandukaniro riri hagati y'ikinyazina ndafutura n'ibindi binyazina.	1	20.0	60.0
➤ Ubumenyi buke, kubura umwanya wo kubisubiramo no kutabisobanukirwa.	2	40.0	100.0
Igiteranyo	5	100.0	

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, abanyeshuri benshi bagaragaje ko ingorane bagira mu myigire y'ikinyazina ndafutura ziterwa n'uko abarimu babigisha na bo batabisobanukiwe neza ndetse n'ubumenyi buke abanyeshuri babifiteho. Abandi bavuze biterwa no kutabasha gutandukanya ikinyazina ndafutura n'ibindi binyazina ndetse no kubura umwanya wo kubisubiramo. Ibi byose umuti wabyo ni ukubahiriza ihange ryo kwigira mu muryango n'amahame yo kwitegereza, kwigana no kurebera ku bandi.

Ikibazo cya gatatu cyari kigamije gutanga ibitekerezo ku byakorwa kugira ngo abanyeshuri bige neza kandi basobanukirwe imiterere y'ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura n'intêgo zabyo.

Imb 27: Ibyakorwa kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe neza imiterere y'ikinyazina k'inyunge n'isesengura ryacyo

Ibyakorwa mu kunoza inyigire y'ikinyazina ngenera ngenga	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
Abarimu bagomba gutanga imyitozo myinshi kandi bagasobanurira abanyeshuri ibyo badasobanukiwe.	1	2.9	2.9
Abarimu bagomba kugira uruhare rufatika mu gufasha abanyeshuri kubisobanukirwa neza bakoresha ingero zifatika.	2	5.8	8.7
Abarimu basubira inyuma bagasobanura neza ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga n'uko bisesengurwa kuko bidasobanutse.	3	8.7	17.4
Gukurikira neza mwarimu igihe yigisha.	1	2.9	20.3
Hagaragazwa neza uturemajambo twacyo mu bitabo bikoreshwa.	1	2.9	23.2

• Hakenewe abarimu b'inzobere/intitî, baâhuguuwe ku myigishirize y'Ikinyarwanda by'umwihariko ikinyazina k'inyunge kandi bashoboye gufasha abanyeshuri.	3	8.7	31.9
• Hacurwa andi magambo asobanura neza ikinyazina k'inyunge n'aho gitandukanira n'ikinyazina ngenera.	2	5.8	37.7
• Hakorwa imfashanyigisho z'ibi binyazina zikamanikwa mu ishuri.	1	2.9	40.6
• Hakorwa ubushakashatsi bwimbitse ku mfashanyigisho z'Ikinyarwanda kandi tugasoma n'ibitabo.	4	11.6	52.2
• Hashyirwaho uburyo bunoze ku buryo ibisomwa bihura neza n'ibyandikwa bigakuraho urujijo.	1	2.9	55.1
• Ikinyazina ngenera ngenga cyashyirwa mu ikoranabuhanga tukajya tukiga dukoresheje ikoranabuhanga.	1	2.9	58.0
• Kumenya imikoreshereze y'ikinyazina k'inyunge n'uturemajambo twacyo.	1	2.9	60.9
• Kwiga dushyizeho umwete	1	2.9	63.8

• Kwigisha abanyeshuri iri somo ujyanisha n'imyitwarire yabo kandi ukaritindaho.	2	5.8	69.6
• Kubisubiramo inshuro nyinshi ukoresheje ingero n'imyitozo myinshi kandi aho umuntu adasobanukiwe akabaza.	8	24.6	94.2
• Guha abanyeshuri amahirwe yo gukorera mu matsinda.	2	5.8	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe neza imiterere y'ikinyazina ngenera ngenga n'isesengura ryacyo, twifashishije ihange ryayoboye ubu bushakashatsi ryo kwigira mu muryango. icyagarutsweho cyane cyafashe 24.6% ni gukora isubiramo ry'ibyzwe inshuro nyishi, gukora imyitozo myinshi kandi ibyo umuntu adasobanukiwe akabaza. Ikindi cyagarutsweho ku kigero cya 11.6% ni ugukora ubushakashatsi bwimbitse ku mfashanyigisho z'ikinyarwanda kandi abantu bakagira umuco wo gusoma ibitabo. Batanze ibindi bitekerezo by'ingenzi nko guhugura abarimu, gukoresha uburyo bw'amatsinda bigisha no gushyiraho itsinda ry'impuguke mu Kinyarwanda bakaboneza ibitanoze.

Imb 28: Ibyakorwa kugira ngo abanyeshuri basobanukirwe neza imiterere y'ikinyazina ndafutura n'isesengura ryacyo

Ibyakorwa kugira ngo abanyeshuri bige neza ikinyazina ndafutura n'intego zacyo	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
✓ Abarimu bagoomba gutanga imyitozo myinshi kandi bagasobanurira abanyeshuri ibyo badasobanukiwe.	1	2.9	2.9
✓ Abarimu bagomba kugira uruhare rufatika mu gufasha abanyeshuri kubisobanukirwa neza bakoresha ingero zifatika.	2	5.8	8.7
✓ Abarimu basubira inyuma bagasobanura neza ikinyazina ndafutura n'uko bisesengurwa kuko bidasobanutse.	3	8.7	17.4
✓ Gukurikira neza mwarimu igihe yigisha.	1	2.9	20.3
✓ Hagaragazwa neza uturemajambo twacyo mu bitabo bikoreshe.	1	2.9	23.2
✓ Hakenewe abarimu b'inzobere/intiti, baahuguuwe ku myigishirize y'Ikinyarwanda by'umwihariko ikinyazina ndafutura kandi bashoboye gufasha abanyeshuri.	3	8.7	31.9
✓ Haacurwa andi magambo asobanura neza ikinyazina ndafutura n'aho gitandukanira n'ubundi bwoko bw'amagambo.	2	5.8	37.7
✓ Hakorwa imfashanyigisho z'iki kinyazina zikamanikwa mu ishuri.	1	2.9	40.6

✓ Hakorwa ubushakashatsi bwimbitse ku mfashanyigisho z'Ikinyarwanda kandi tugasoma n'ibitabo.	4	11.6	52.2
✓ Hashyirwaho uburyo bunoze ku buryo ibisomwa bihura neza n'ibyandikwa bigakuraho urujijo.	1	2.9	55.1
✓ Ikinyazina ndafutura cyashyirwa mu ikoranabuhanga tukajya tukiga dukoresheje ikoranabuhanga.	1	2.9	58.0
✓ Kwigira dushyizeho umwete	2	5.8	63.8
✓ Kwigisha abanyeshuri iri somo ujyanisha n'imyitwarire yabo kandi ukaritindaho.	2	5.8	69.6
✓ Kubisubiramo inshuro nyinshi ukoresheje ingero n'imyitozo myinshi kandi aho umuntu adasobanukiwe akabaza.	8	24.6	94.2
✓ Guha abanyeshuri amahirwe yo gukorera mu matsinda.	2	5.8	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Nk'uko babikoze ku kinyazina ngenera ngenga, abanyeshuri batanze ibitekerezo byabafasha gusobanukirwa neza imiterere y'ikinyazina ndafutura n'isesengura ryacyo. Twifashishije ihange ryayoboye ubu bushakashatsi ryo kwigira mu muryango, icyagarutsweho cyane ni aho abanyeshuri 8 bangana na 24.6% bagarutse ku gukora isubiramo ry'ibyizwe inshuro nyinshi, gukora imyitozo myinshi kandi ibyo umuntu adasobanukiwe akabaza. Ikindi cyagarutsweho ku kigero cya 8.7.6% ni ugukora ubushakashatsi bwimbitse ku mfashanyigisho z'Ikinyarwanda kandi abantu bakagira umuco wo gusoma ibitabo. Batanze ibindi

bitekerezo by'ingenzi nko guhugura abarimu, gukoresha uburyo bw'amatsinda bigisha no gushyiraho itsinda ry'impuguke mu Kinyarwanda bakaboneza ibitanoze. Bavuze ko hakenewe uruhare rw'abarimu, urw'abanyeshuri, urw'abanditsi, urwa Leta n'ikoranabuhanga.

Imb 29: Urwego ikoranabuhanga ryafashaho abanyeshuri kwiga ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura

Urwego	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
Hejuru	27	79.4	79.4
Hagati	7	20.6	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

N'kuko bigaragara mu mbonerahamwe, abanyeshuri makumyabiri na barindwi bahwanye na 79.4% babona isesengura ry'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura bishyizwe mu ikoranabuhanga byabafasha kubyiga neza no kubisobanukirwa ku rwego rwo hejuru. Ibi biragaragaza ko bafite inyota yo gukoresha ikoranabuhanga mu myigire yabo ya buri munsu bikabafasha kunguka ubumenyi. Barindwi nabo babona byabagirira akamaro ku rwego rwo hagati.

Ikibazo cya gatanu cyari kigamiye kugaragaza urwego ibitabo bikoreshwa mu mashuri byafashaho abanyeshuri gusobanukirwa ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura.

Imb 30: Urwego ibitabo mfashanyigisho bifashaho abanyeshuri gusobanukirwa ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura

Urwego	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
Urwego rwo hejuru cyane	6	17.6	17.6
Urwego rwo hejuru	12	35.3	52.9
Urwego ruringaniye	16	47.1	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

N'kuko bigaragara mu mbonerahamwe, abanyeshuri cumi na batandatu bahwanye na 47.1% babona ibitabo bikorehwa bibafasha gusobanukirwa ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura ku rwego ruringaniye. Ibi biragaragaza ko hari icyo banenga ibitabo bikorehwa kuko batandatu gusa bangana na 17.6% ni bo bavuze ko bibafasha ku rwego rwo hejuru cyane naho cumi na babiri bahwanye na 35.3% bavuga ko bibafasha ku rwego rwo hejuru.

Ikibazo cya gatandatu cyari kigamiye kugaragaza ubwoko bw'ibitabo abarimu bakoresha mu mashuri bigisha ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura.

Imb 31: Ibitabo abarimu bifashisha bigisha ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura

Ibitabo byifashishwa mu kwigisha ibinyazina mu mashuri yisumbuye	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
✓ Bizimana, S. (1998). Imiterere y'Ikinyarwanda. Amajwi, Amagambo n'Interuro.	3	8.8	8.8
Editions Bakame (2010, 2013). Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye.	11	32.5	41.3
✓ Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2019). Ikibonezamvugo cy'Ikinyarwanda mu Rwanda.	3	8.8	50.1
✓ Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015). Umusogongero ku Iyigantego ry'Ikinyarwanda.	1	2.9	53
✓ REB (2017). Ikinyarwanda-Amashuri yisumbuye umwaka wa 3,4,5 cg 6.	16	47.0	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Imibare igaragaza ko ibitabo bikoreshwa cyane mu myigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura ari ibitabo mfashanyigisho byo mu myaka itandukanye mu mashuri yisumbuye byateguwe n'Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi bw'Ibanze. Ibyo bitabo byagaragajwe n'abanyeshuri cumi na batandatu bangana na 47%. Abanyeshuri cumi n'umwe bangana na 32.5% bavuze ko igitabo gikurikiraho ari Ikibonezamvugo cy'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye cyanditswe na Editions Bakame. Iyi mibare iragaragaza ko ingorane bafite mu myigire y'ibi binyazina zifite ishingiro kuko ibi

bitabo abarimu bakoresha ntibisesengura ibi binyazina mu buryo bwimbitse, bitanga ingero nke kandi bikavuguruzanya. Igitabo cya Nsanzabiga na Twilingiyimana byagaragaye ko gikoreshwa ku kigero cya 2.9% mu mashuri kandi ari cyo gikubiyemo isesengura ry'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura mu buryo busobanutse.

Ikibazo cya karindwi cyari kigamije kugaragaza ubundi bwoko bw'ibitabo abarimu bakoresha mu mashuri bigisha ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura bitavuzwe hejuru.

Imb 32: Ibindi bitabo bikoreshwa byiyongera ku byavuzwe

Ibindi bitabo by'Ikinyarwanda bikoreshwa mu mashuri	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
✓ MK Publisher (2017). Ikinyarwanda, amashuri yisumbuye umwaka wa 4, 5 n'uwa 6.	1	2.8	100.0
✓ Nta bindi	33	97.2	
Igiteranyo	34	100.0	

Abanyeshuri mirongo itatu na batatu bahwanye na 97.2% bemeza ko nta bindi bitabo bikoreshwa byiyongera ku byatanzwe, naho undi umwe wenyine ni we wagaragaje ikindi gitabo kitari mu byatanzwe ari cyo "MK Publisher (2017). Ikinyarwanda, amashuri yisumbuye, umwaka wa 4, uwa 5 n'uwa 6.

Ikibazo cya munani cyari kigamiye gusobanura ikinyazina ngenera ngenga icyo ari cyo.

Imb 33: Inshoza y'ikinyazina ngenera ngenga

Inshoza y'ikinyazina ngenera ngenga	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
▪ Ni ikinyazina kigaragaza nyir'ikintu n'icyo atunze ku buryo bugaragara.	11	32.5	32.5
▪ Ni ikinyazina kigaragaza uwugenerwa n'ibyo agenerwa.	8	23.5	56
▪ Ni ikinyazina kigena nyakuvuga, nyakubwirwa na nyakivugwa (ikivugwaho).	5	14.7	70.7
▪ Ni ikinyazina ngenera kihuza n'ikinyazina ngenga kikavuga nyiri ikintu n'uwo kigenewe. Kigira uturemajambo tune (4) indangakinyazina, igicumbi, indangakinyazina n'igicumbi	8	23.5	94.2
▪ Simbyibuka	2	5.8	100,0
Igiteranyo	34	100.0	

Mu gusesengura ibitekerezo abanyeshuri batanze ku inshoza y'ikinyazina ngenera ngenga cyangwa ikinyazina k'inyunge, abanyeshuri umunani bangana na 23.5% niba baturije ku ngingo ivuga ko ari ikinyazina ngenera kiyunga n'ikinyazina ngenga. Abanyeshuri cumi n'umwe bangana na 32.5% n'abandi 8 bangana na 23.5% bongeyeho ikindi gitekerezo bavuga ko gihuriza hamwe igitunzwe n'ikigitunze. Harimo abanyeshuri babiri bangana na 5.8% bavuze ko batabyibuka. Hari kandi batanu bangana 14.7% basubije ibihabanye. Muri make twavugaga ko ikinyazina ngenera ngenga ari ukwihuza kw'ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga kandi kiba gifite inyito yo kwerekanira icyarimwe igitunzwe n'ikigitunze.

Dushingiye ku nshoza abanyeshuri batanze hejuru, bigaragara ko bazi icyo ikinyazina k'inyunge ari cyo.

Ikibazo cya munani cyari kigamiye gusobanura ikinyazina k'inyunge icyo ari cyo.

Imb 34: Ibitekerezo abanyeshuri batanze ku inshoza y'ikinyazina ndafutura

Inshoza y'ikinyazina ndafutura	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
❖ Ni ijambo ridasobanura neza ikivugwa.	12	35.3	35.3
❖ Ni ijambo ridasobanura neza ikivugwa. Rigira igicumbi - ndi. Rigizwe: D-RKzn-C cg RKzn-C.	6	17.7	53.0
❖ Ni ijambo rigaragaza abantu cg ibintu bidahari. Rigira umusozo ndi, rifutura igikorwa k'inshinga, kerekana ibintu biri ukwabyo, kerekana ingano y'ibintu kandi byisubiramo.	13	38.3	91.3
❖ Abataragisubije	1	2.9	94.2
❖ Abavuze ko batabyibuka	2	5.8	100.0
Igiteranyo	34	100.0	

Abanyeshuri cumi na babiri bangana na 35.3% bahuriye ku ngingo ivuga ko ikinyazina ndafutura cyangwa ndasigura ari ijambo ridasobanura neza ikivugwa. Abandi batandatu bangana na 17.7% bongeyeho ko kigira igicumbi -ndi ariko ntibasobanuye ko habaho igicumbi “-: ndi” gitinda n'igicumbi “- ndi” kibanguka ari byo bibyara ikinyazina ndafutura kirekire n'ikigufi. Abanyeshuri cumi na batatu banagana na 38.3% batanze inshoza idafite aho ihuriye n'iy'ikinyazina ndafutura, naho abandi babiri bangana na 5.8% bavuze ko batabyibuka n'undi umwe ungana na 2.9% utaragize icyo asubizaho. Dushingiye ku nshoza

abanyeshuri batanze, biragaragara ko ikinyazina ndafutura bakitiranya n'ibindi binyazina kandi ntibagisobanukiwe neza.


4. 3. Uko abarimu basubije

Mbere y'ikicro cya mbere k'ibibazo habanza imyirondoro y'abakeshwamakuru. Ikicro cya mbere k'ibibazo, abarimu basabwaga kuvuga ubwoko bw'amagambo yatanze mu nteruro. Ayo magambo harimo ikinyazina ngenga, ngenera ngenga, ndafutura n'andi abarizwa mu mpushabwoko. Ikicro cya kabiri, basabwaga guhitamo ikinyazina gisesenguye neza mu bindi byatanze n'amategako y'igenamajwi akwiye gukoreshwa. Ikicro cya gatatu k'ibibazo, cyari gikubiyemo ibibazo bisaba abarimu gusubiza batanga ibitekerezo byabo. Basabwaga kandi gusobanura ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura. Ibi bibazo byateguwe hagamijwe kureba uko abarimu basobanukiwe ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura n'ibitabo bakoresha bigisha ibyo binyazina.

Muri iri sesengura, turareba inshuro n'ijanisha by'uko buri kibazo cyasubijwe hanyuma tugire icyo tubivugaho tunifashishije ibyo abandi bashakashatsi bavuze bishyigikira igitekerezo cyacu n'ihange ryayoboye ubu bushakashatsi. Turibanda kandi ku gusobanura impamvu umubare w'abarimu runaka watanze igisubizo runaka aho gutanga ikindi. Ku bisubizo abarimu batanze ibitekerezo byabo bwite, kubera ubwinshi bwabyo, turabisobanura mu nshamake twifashishije amagambo fatizo bagiye baturiraho.


Kubera ko hari umwarimu utarakoresheje ikoranabuhanga ashobora gutuma ijaniha tubona ku gishushanyo rihinduka bityo turagenda tugaragaza icyo yavuze kuri buri kibazo ku ruhande kuko ntitwakwirengagiza ibitekerezo bye kandi ari ingenzi.

1. Igishushanyo kigaragaza abarimu b'igitsina gore n'ab'igitsina gabo basubije ibibazo by'ubu bushakashatsi




Muri ubu bushakashatsi, twakoranye n'abarimu b'igitsina gabo umunani bahwanye na 53.3% kongeraho undi umwe wasubirije ku rupapuro kuko atari afite terefone cyangwa mudasobwa ngo asubize yifashishije ikoranabuhanga nk'abandi. Twakoranye kandi n'abarimu b'igitsina gore barindwi.

2. Igishushanyo kigaragaza umwaka w'amashuri buri mwarimu yigishamo




Iki gishushanyo kiragaragaza umwaka w'amashuri buri mwarimu yigishamo. Kubera ko umwarimu umwe ashobora kwigisha mu mashuri arenze rimwe, turabona umubare wabo urenga cumi na batanu basubije ariko ikigaragara ni uko twifashishije abarimu b'ingeri zitandukanye bigisha Ikinyarwanda ma mashuri yisumbuye.

3. Igishushanyo kigaragaza uburambe abarimu bafite mu kwigisha Ikinyarwanda




Iki kibazo twacyongeyemo nyuma yo kuva mu mahugurwa y'ubushakashatsi yabereye ku Gisozi yateguwe na Kaminuza y'u Rwanda. Byatewe n'uko twasanze ari ngombwa kumenya uburambe abarimu bafite mu kwigisha Ikinyarwanda kuko bizadufasha mu mwanzuro w'uyu murimo. Mu barimu batatu, harimo babiri bafite uburambe buri hagati y'umwaka 1-3 n'umwe ufite uburambe bw'imyaka icumi no hejuru. Byabaye ngombwa ko duhamagara abasubije mbere y'izi mpindika, dusanga abarimu batandatu bari mu kiciro k'imyaka icumi no hejuru, abandi barindwi bari hagati y'imyaka 4-6.

4. Igishushanyo kigaragaza irangamimerere ry'abarimu bagize uruhare muri ubu bushakashatsi




Nk'uko bigaragara, abarimu cumi n'umwe bangana na 73.3% barubutse, bane bagaragajwe n'ibara ry'ubururu bangana na 26.7% ni ingaragu, naho umwe wasubije adakoresheje ikoranabuhanga yatandukanye n'uwo bashakanye.

5. Igishushanyo kigaragaza impamyabushobozi z'abarimu bagize uruhare muri ubu bushakashatsi



Abarimu twifashishije bagaragaye mu byiciro bibiri. Abarimu cumi n'umwe bangana na 73.3% kongeraho umwe wasubije adakoresheje ikoranabuhanga bafite Impamyabumenyi y'Ikicro cya kabiri cya Kaminuza, naho bane bangana na 26.7% bafite Impamyabumenyi y'Ikicro cya mbere cya Kaminuza.

6. Igishushanyo kigaragaza ikigero k'imyaka abarimu bagize uruhare muri ubu bushakashatsi babarizwamo.



Nk'uko bigaragara, abarimu cumi n'umwe bangana na 73.3% bari mu kigero k'imyaka hagati ya 25-35 bagaragajwe hifashishijwe ibara ry'umutuku, abandi bane bagaragajwe mu ibara rya orange bangana na 26.7% bari hagati y'imyaka 35-45, naho umwe wasubije adakoresheje ikoranabuhanga ari mu kigero cyo hagati y'imyaka 45-55. Imyaka y'umwarimu ishobora kugira icyo ihindura ku myigishirize.


4. 3. 1. Uko abarimu basubije ikicro cya mbere k'ibibazo.

Ikibazo cya mbere cyabazaga kuvuga ubwoko bw'amagambo yatanze mu nteruro, cyari kibajije mu buryo bukurikira: "*Vuga ubwoko bw'amagambo yakoreshejwe mu nteruro.*" Iki kicro k'ibibazo gifite ibibazo byagaragajwe n'inyuguti ya A, B na C kandi buri nyuguti nayo ikaba ifite utundi tubazo twagaragajwe n'imibare y'Ikiromani.

A) Ngeewê nkuunda abanyêeshuûri baange kurusha undî muuntu wêese. Ijambo ngeewê ni ngenga ya mbere y'ubumwe "nge" yongeweho umusuma "we". Nta we rigenera ahubwo rigenga nyiri gukora igikorwa. Abashakashatsi Bizimana (1998), Twilingiyimana na Nsanzabiga (2015), RALC (2019), REB (2017) n'ibindi bitabo mfashanyigisho bikoreshejwe mu mashuri, byemeranywa n'iki gitekerezo.

i) Ngeewê

7. Uko abarimu bagaragaje ubwoko bw'ijambo nge




Abarimu cumi na batatu bangana na 86.7% basubije ko ari ikinyazina ngenga, naho babiri bangana na 13.3% bemeza ko ari ikinyazina ngenera ngenga. Iri jambo ni ikinyazina ngenga "nge" cyongeweho umusuma "we" kandi abarimu benshi barabisobanukiwe nk'uko bigaragazwa n'ibisubizo batanze. Ku barimu

cumi na batatu bavuze ko ari ikinyazina ngenga twongeyeho umwe wasubirije ku rupapuro yahawe mu ntoki bigahita bigera kuri 87.5%.

ii) Baange

8. Uko abarimu bagaragaje ubwoko bw'ijambo baange



Baange ni ijambo rigizwe n'ubwoko bubiri bw'amagambo ari yo "ba" y'ikinyazina ngenera na "nge" y'ikinyazina ngenga. Iyo miterere itanga ubundi bwoko bushya bw'amagambo bwitwa ikinyazina ngenera ngenga buvuka igihe ikinyazina ngenera cyahuye n'ikinyazina ngenga bikarema icyo Bizimana (1998) yise inyumane nyabyo. Abarimu bose uko ari cumi na batanu kongeraho umwe wasubirije ku rupapuro bagaragaje ko basobanukiwe ubwoko bw'ijambo "baange" bemeza ko ari ikinyazina ngenera ngenga.

iii) Undi

9. Iki gishushanyo kirerekana uko abarimu bagaragaje ubwoko bw'ijambo undi




Nk'uko abashakashatsi batandukanye babigaragaje, ijambo "undi" rifite igicumbi - ndi kandi ntirisobanura neza ikivugwa. Abarimu bose uko ari cumi na batanu

kongeraho umwe wasubirije ku rupapuro bagaragaje ko basobanukiwe ubwoko bw'ijambo “undi” bemeza ko ari ikinyazina ndafutura.

B) Bamwê bageendê abaândi basigâre.

i) **Bamwê**


10. Igishushanyo kigaragaza uko abarimu bagaragaje ubwoko bw'ijambo bamwe



Ku ijambo “bamwê”, abarimu ikenda bangana na 60% bavuze ko ari impushabwoko, naho abanda batandatu bangana na 40% twongeyeho umwe wasubirije ku rupapuro bavuze ko ari ikinyazina nyamubaro. Mu kuvuga ubwoko bw'iri jambo, bigaragara ko atari abarimu bose babashije gutahura ko ari impushabwoko, kubera ikibazo cyo kwitiranya ubwoko bw'amagambo.

ii) **Abaândi**

11. Uko abarimu bagaragaje ubwoko bw'ijambo abandi




Mu kuvuga ubwoko bw'ijambo “abaândi”, abarimu cumi na bane bahwanye na 93.3% kongeraho umwe wasubirije ku rupapuro bigaragara ko basobanukiwe ko ari ikinyazina ndafutura, naho umwe wenyine yasubije ko ari impushabwoko.

Ubuûndi mbona tûtoorôhewe, arîko Imâana iri kumwê naâtwe.

i) **Ubuûndi**


12. Uko abarimu bagaragaje ubwoko bw'ijambo ubundi



N'ubwo ikinyazina ndafutura kigira igicumbi - ndi, bitewe n'imikoreshereze yacyo mu nteruro gishobora guhindura ubwoko. Nk'uko bigaragara mu gitabo cya Bizimana (1998) aho twakuye uru rugero, avuga ko iri jambo ari inege cg impushabwoko. Abarimu icumi bangana na 66.7% babashije gutahura ko ijambo “ubundi” ari impushabwoko naho batanu bahwanye na 33.3% kongeraho umwe wasubiriye ku rupapuro bigaragara ko batabisobanukiwe kuko bavuze ko ari ikinyazina ndafutura.

ii) **Kumwê**

13. Igishushanyo kigargaza uko abarimu bagaragaje ubwoko bw'ijambo kumwe



Ijambo "kumwe" ni ijambo riteye urujijo kuko abantu bashobora kuryibeshyaho bashingiye ku ngingo y'igicumbi -mwe bakaryitiranya n'ikinyazina nyamubaro.

Ikinyazina nyamubaro, kigaragaza umubare w'ibivugwa cg urukurikirane rwabyo. Urg: umuntu umwe, babiri, batatu, uwa mbere, uwa kabiri n'ibindi naho kumwe ntirisobanura umubare kereka iyo tuvuze nk'ukuguru kumwe. Dushingiye ku byo Bizimana (1998) avuga, iri jambo ni impushabwoko.

Mu kuvuga ubwoko bw'iri jambo, bigaragara ko abarimu batabashije gutahura ko ari impushabwoko, kubera ikibazo cyo kwitiranya ubwoko bw'amagambo. Abarimu umunani bangana na 53.3% ni bo bashoboye gutahura ko ari impushabwoko naho barindwi bangana na 46.7% twongeye umwe wasubiriye ku rupapuro baryise ikinyazina nyamubaro. Uyu mubare w'abarimu umunani ni munini ku buryo usobanuye ikintu kinini ku ntego z'ubu bushakashatsi. Ibi biragaragaza ko hari abarimu badasobanukiwe neza ubwoko bw'amagambo amwe n'amwe kandi bigira ingaruka ku myigire y'abanyeshuri.

4. 3. 2. Uko ikiciro cya kabiri k'ibibazo cyasubijwe

Nk'uko byavuzwe hejuru, Ikiciro cya kabiri k'ibibazo gitandukanye n'icya mbere, kuko cyo kitabasabaga abarimu kuvuga ubwoko bw'amagambo, ahubwo cyabasabaga guhitamo intêgo (uturemajambo) n'itegeko cyangwa amategeko y'igenamajwi by'ukuri ku ijambo bahawe. Ikiciro cya kabiri k'ibibazo cyabazaga guhitamo intêgo n'amategeko y'igenamajwi by'ukuri by'amagambo aciyeho umurongo. Iki kiciro k'ibibazo gifite ibibazo byagaragajwe n'inyuguti ya A, B, C, D na E kandi buri nyuguti nayo ikaba ifite utundi tubazo twagaragajwe n'imibare y'Ikiromani.

A) Wowê ukuunda abâana baange.

i) **Wowê**

Kugira ngo umuntu ashobore kumenya uko iri jambo risesengurwa, ni uko agomba kubanza gutahura ubwoko bwaryo. Iri jambo ni ikinyazina ngenga cyo muri ngenga ya kabiri y'ubumwe cyongeweho umusuma “we”. Umushakashatsi Bizimana (1998) yagaragaje ko hasesengurwa ikinyazina ngenga ndetse n'umusuma (u-o-u-e). Abemeza iyi misesengurire bayisobanuye muri aya magambo: “Uretse ikinyazina cyo muri ngenga ya kabiri gihorana imiterere isubiwemo, ikinyazina cyo muri ngenga ebyiri za mbere z'ubwinshi n'icyo muri ngenga ya mbere y'ubumwe bigira ibicumbi bibiri, bikagira inyito itsindagiriza. Muri iyo miterere, indangangenga iba -bu- muri ngenga ebyiri za mbere z'ubwinshi. Igicumbi gihora ari -ê. Hagati y'ibice byombi haba uburebure bw'inyajwi”.


Ingero:

Geewê ndahîinga wowê uteerê. gi-e-u-ê na u-o-u-ê

Tweebwê turîitoonda mweebwê mugakûbagana. u-e-bu-ê na mu-e-bu-ê

Ibi si ko abandi bashakashatsi babyemera. Urugero : Twilingiyimana na Nsanzabiga (2015: 52), Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2019:81) na REB (2017:94) kimwe n'ibindi bitabo mfashanyigisho bikoresheye mu mashuri. Bo bemeza ko umuûsumâ udasesengurwa bityo bikwiye gusesengurwa muri ubu buryo kandi nange nemeranywa na bo: u-o-wê u→w/-J.


14. Uko abarimu bahisemo uturemajambo tw'ijambo wowe



Ibara ry'ubururu n'iry'icyatsi ahagarariye abarimu umunani bangana na 53.4% bagaragaje ijambo “wowê” ko risesengurwa u-o-u-e u→w/- J, abandi batanu barangwa n'ibara ry'umutuku n'iry'idoma bangana na 33.3% ni bo bonyine bashoboye gutahura uko risesengurwa u-o-we u→w/- J. Abarimu babiri bagaragajwe mu ibara rya orange bangana na 13.3% bavuze ko nta gisubizo cy'ukuri kirimo. Ibi biragaragara ko abarimu batashoboye gutahura ko ririya jambo risesengurwa hagaragazwa indangakinyazina n'igicumbi by'ikinyazina ngenga n'umusuma utajya usesengurwa bityo tukagira intêgo iteye itya: u-o-we u→w/- J.

ii) Baange

15. Iki gishushanyo kiragaragaza uko abarimu bahisemo intêgo y'ijambo bange




Isesengura ribanzirizwa no gutahura ubwoko bw'ijambo risesengurwa. Ijambo baange ni ikinyazina ngenera ngenga. Nk'uko abashakashatsi Bizimana (1998), RALC (2019), Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015) na REB (2017) babigaragaje, ijambo baange rigomba gusesengurwa gutya: ba-a-n-gi-e a→ϕ/-J na i→ϕ/-J. Nk'uko bigaragara ku gishushanyo kiri hejuru, abarimu cumi na babiri bagaragazwa n'ibara ry'umutuku n'iry'icyatsi bahwanye na 80% twongeyeho umwe wasubije adakoresheje ikoranabuhanga bashoboye gutahura igisubizo nyacyo. Abarimu batatu bahwanye na 20% bagaragajwe mu ibara ry'ubururu n'idoma bahisemo ba-a-ngi-e a→ϕ/-J na i→ϕ/-J. Aba ntibibutse ko nta ndangakinyazina “ngi” ibaho mu kinyazina ngenga. Iri jambo abarimu basobanukiwe uko risesengurwa kuko bazi ko rigomba kugaragaza indangakinyazina n'igicumbi by'ikinyazina ngenera n'indangakinyazina n'igicumbi by'ikinyazina ngenga.

B) Inkâ zê ziragirwa n'âabâana bâacu.

i) Zê

16. Igishushanyo kigaragaza uko abarimu bahisemo intêgo y'ijambo ze




Ibara ry'ubururu n'iry'icyatsi aragaragaza abarimu ikenda bangana na 60% bagaragaje ijambo “ze” ko risesengurwa zi-e i→ϕ/- J, abandi babiri bahwanye na 13.3% bagaragajwe mu ibara ry'idoma bahisemo zi-a-ϕ-e i→ϕ/- J a→ϕ/- J, naho

bane bonyine bangana na 26.7% bagaragajwe mu ibara rya orange n'ubururu butijimye ni bo bashoboye gutahura ko risesengurwa muri ubu buryo zi- ϕ - ϕ -e. Ibi biragaragaza ko abarimu badasobanukiwe isesengura ry'ikinyazina ngenera ngenga kitagaragaza amashusho y'ibinyazina byombi.

ii) Baâcu

17. Igishushanyo kigaragaza uko abarimu bahisemo isesengura ry'ijambo bacu




Abarimu barindwi bangana na 46.7% bagaragajwe n'ibara ry'ubururu n'iry'icyatsi bahwanye kongeraho umwe wasubije adakoresheje ikoranabuhanga, bagaragaje ko ijambo baâcu nta ndangakinyazina y'ikinyazina ngenga rigira (ba-a- ϕ -cu). Abandi barindwi bangana na 46.6% bagaragajwe mu ibara ry'umutuku n'iry'idoma ni bo bashoboye gutahura imisesengurire iboneye ari yo ba-a-cu- ϕ a $\rightarrow$ ϕ /- J, nk'uko byagaragajwe na Bizima (1998) na Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015). Undi umwe yahisemo ba-cu. Ibi biragaragaza ko hari umubare munini w'abarimu badasobanukiwe isesengura ry'iri jambo kandi bigira ingaruka ku banyeshuri nk'uko byagaragaye mu bisubizo batanze kuri iki kibazo.

C) Abaândi bakoôbwa bagira isuku arîko uwaânyu yâraanyôbeye.

i) Abaândi


18. Uko abarimu bahisemo isesengura ry'ijambo abandi



Nk'uko bigaragara hejuru, abarimu batanu n'abandi bane bangana na 60% bashoboye gutahura ko ijambo abaândi risesengurwa mu buryo bukurikira a-ba:ndi a→φ/- J. Abarimu batandatu bangana na 40% bahisemo imisesengurire idahwitse ari yo a-ba-ndi. Ikinyazina ndafutura kirekire kigira igicumbi —: ndi kibanzirizwa n'ubutinde. Hari isesengura batahisemo kandi naryo ari ryo a-ba-andi a→φ/- J. Biragaragaza ko ikinyazina ndafutura kirekire hari abarimu batarasobanukirwa uko gisesengurwa kuko bamwe bakitiranya igicumbi k'ikirekire n'ik'ikigufi. Kwiga hazamo gushungura umuntu agamije kumenya ikiri cyo n'ikitari cyo bishobora no gukorwa arebera ku bandi nk'uko ihange ryayoboye ubu bushakashatsi ribisobanura.

ii) Uwaânyu

19. Uko abarimu bahisemo isesengura ry'ijambo uwanyu




Ikinyazina ngenera ngenga cyo muri ngenga ya kabiri y'ubwinshi, indangakinyazina -tu ihinduka -cu kandi igicumbi k'ikinyazina ngenga kikaburizwamo. Bizimana (1998) na Nzanzabiga na Twilingiyimana (2015). Ibara ry'ubururu n'iry'idoma ahagarariye abarimu batanu bangana na 33.3% twongeyeho umwe wasubirije ku rupapuro, bagaragaje ijambo “uwanyu” ko risesengurwa u-u-a- ϕ-nyu. Undi umwe ugaragazwa n'ibara rya orange we yahisemo u-wa-nyu, naho abandi ikenda bagaragajwe mu ibara ry'umutuku n'iry'icyatsi bangana na 60% ni bo bashoboye gutahura imisesengurure iboneye y'ijambo “uwanyu” (u-u-a-nyu-ϕ u→w/-J). Ibi biragaragaza ko hari umubare munini w'abarimu badasobanukiwe isesengura ry'iri jambo.

D) Tweebwê dutegereje undî mwâana uzâazana ayaândi mabuye ku mutwê wê.

i) Tweebwê

20. Uko abarimu bagaragaje intêgo nyayo y'ijambo twebwe




Kugira ngo umuntu ashobore kumenya uko iri jambo risesengurwa, ni uko agomba kubanza gutahura ubwoko bwaryo. Iri jambo ni ikinyazina ngenga cyo muri ngenga ya mbere y’ubwinshi cyongeweho umusuma “bwe”. Umushakashatsi Bizimana (1998) na Mugengano (2019) bagaragaje ko hasesengurwa ikinyazina ngenga ndetse n’umusuma (tu-e-bu-e). Ibi si ko Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015: 52), RALC (2019:81), REB (2017) n’ibindi bitabo mfashanyigisho bikoreshe mu mashuri babyemera. Bo bemeza ko umusuma udasesengurwa bityo bikwiye gusesengurwa muri ubu buryo: tu-e-bwe $u \rightarrow w/-J$.

Nk’uko bigaragara rero, ibara ry’ubururu n’iry’icyatsi ahagarariye abarimu bane bangana na 26.7% bagaragaje ko ijambo twebwê risesengurwa muri ubu buryo tu-e-bu-e $u \rightarrow w/-J$, $u \rightarrow w/-J$. Ibara ry’umutuku n’irya orange ahagarariye abarimu cumi n’umwe bangana na 73.4% twongeyeho umwe wasubiriye ku rupapuro ari na bo bashoboye gutahura ko ijambo twebwê risesengurwa mu buryo bukurikira tu-e-bwe $u \rightarrow w/-J$. Ibi bigaragaza ko abenshi basobanukiwe uko iri jambo risesengurwa.

ii) Undi

21. Uko abarimu bagaragaje intêgo nyayo y’ijambo undi




Nk’uko bigaragara ku gishushanyo, ibara ry’ubururu rihagarariye abarimu cumi na babiri bahwanye na 80% twongeyeho umwe wasubiriye ku rupapuro

basobanukiwe imisesengurire y'ikinyazina ndafutura kigufi “undi” ko ari u-ndi. Abandi batatu bari mu ibara ry'umutuku n'irya orange bangana na 20% barakitiranya igicumbi k'ikinyazina ndafutura kirekire n'ik'ikigufi ari yo mpamvu bahisemo u-: ndi.

iii) Ayaândi


22. Uko abarimu bagaragaje intêgo ikwiye y'ijambo ayandi



Nk'uko bigaragara hejuru, abarimu batatu n'abandi batandatu bahwanye na 60% bashoboye gutahura ko ijambo ayaândi risesengurwa mu buryo bukurikira a-a::ndi a→y/- J. Abarimu barindwi bahisemo imisesengurire idahwitse ari yo a-ya-ndi. Ikinyazina ndafutura kirekire kigira igicumbi -: ndi kibanzirizwa n'ubutinde. Umwarimu umwe wakoreye ku rupapuro we yahisemo irindi sesengura ry'ukuri abandi batigeze bamenya ko ari ryo “a-a-andi a→ϕ/- J”. Biragaragaza ko ikinyazina ndafutura kirekire hari abarimu batarasobanukirwa uko gisesengurwa kuko bamwe bakitiranya igicumbi k'ikirekire n'ik'ikigufi kandi bikagira ingaruka ku banyeshuri bigisha.

iv) Wê

23. Uko abarimu bagaragaje intêgo ikwiye y'ijambo we




Ibara ry'ubururu n'iry'idoma aragaragaza abarimu batandatu bangana na 40% twongeye umwe wasubiriye ku rupapuro, bagaragaje ko ijambo “wê” risesengurwa u-e u→w/- J. Abarimu umunani barangwa n'ibara ry'umutuku n'iry'icyatsi bahwanye na 53.4% ni bo bashoboye gutahura imisesengurure iboneye y'ijambo “wê” ari yo “u- φ- φ-e u→w/- J”. Umwe wenyine wagaragajwe mu ibara rya orange we yahisemo u- φ-e- φ u→w/- J. Kuba umubare w'abasobanukiwe neza iri jambo ribarizwa mu bwoko bw'ikinyazina ngenera ngenga ungana n'uw'abatabisonukiwe, hari impungenge ko ibi byagira ingaruka ku myigire y'abanyeshuri.

E) Karekezi yâambeereye uwuûndiwûundi kaândi iyiûndi mirimâ yarâhûnzwe na ya nkâ imbeera indîyîndi.

i) Uwuûndiwûundi


24. Uko abarimu bagaragaje intêgo nyayo y'ijambo uwunduwundi



Ibara ry'ubururu n'iry'icyatsi arerekana abarimu batandatu bangana na 40% bashoboye gutahura ko ijambo “uwuûndiwûundi” risesengurwa mu buryo bukurikira u-u-: ndi- ϕ -u-: ndi $u \rightarrow w/-$ J, $u \rightarrow w/-$ J. Undi mwarimu umwe wagaragajwe mu ibara ry'idoma uhwanyeye na 6.7% we yahisemo u-u-ndi- ϕ -wu-ndi $u \rightarrow w/-$ J, naho abandi umunani bangana na 53.3% bagaragajwe mu ibara rya orange twongeyeho umwe wasubirije ku rupapuro bahisemo isesengura rifite igicumbi k'ikinyazina ndafutura kigufi kandi bahawe ikirekire kisubiyemo. Kuba umubare w'abadasonukiwe imisesengurire y'iri jambo ribarizwa mu bwoko bw'ikinyazina ndafutura kirekire kisubiyemo usumba uw'ababisonukiwe, ibi bifite ingaruka zikomeye ku myigire y'abanyeshuri.

ii) Iyiîndi


25. Uko abarimu bagaragaje intêgo ikwiye y'ijambo iyindi



Ibara ry'ubururu n'iry'idoma araranga abarimu batandatu bahwanyeye na 40% babashije gutahura ko ijambo “iyiîndi” risesengurwa gutya “i-i-: ndi” $i \rightarrow y/-$ J. Abandi bari umubare batatu bagaragajwe mu ibara ibara ry'icyatsi bahwanyeye na 20% na bo bahisemo ubundi buryo bwemewe ari bwo i-yi-: ndi $i \rightarrow y/-$ J nubwo haba hagarutsemo inyerera “y” itari ngombwa cyane ariko ubutinde bwagaragayemo. Abarimu batandatu bangana na 40% kongeraho umwe wasubirije ku rupapuro bahisemo isesengura rifite igicumbi k'ikinyazina ndafutura kigufi kandi bahawe ikirekire. Uyu mubare w'abarimu badasobanukiwe isesengura ry'ijambo “iyiîndi” uteye impungenge kuko ugira ingaruka ku myigire y'abanyeshuri.

iii) Indiyindi

26. Uko abarimu bagaragaje intêgo nyayo y'ijambo indiyindi




Abarimu bane n'abandi babiri bangana na 40% ni bo bashoboye guhitamo ibisubizo by'ukuri by'intêgo y'ijambo indiyindi ari byo "i-ndi-phi-i-ndi i->y/- J na i-ndi-phi-i-ndi i->y/- J". Abarimu batanu bangana na 33.3% bahisemo i-ndi-yi-ndi kandi indomo iraburamo ku ijambo rya kabiri kuko rigomba kuba iyindi. Abarimu batatu bangana na 20% kongeraho umwe wasubirije ku rupapuro bo bahisemo i-ndi-phi-i-ndi i->y/- J. Igicumbi -ndi kidafite ubutinde kiboneka gusa igihe ikinyazina ndafutura ari kigufi. Kuba umubare w'abasobanukiwe neza iri jambo ari abarimu umunari ungana n'uw'abatarisonukiwe, hari impungenge ko ibi byagira ingaruka ku myigire y'abanyeshuri.

4. 3 3. Ibisubizo ku kiciro cya gatatu k'ibibazo

Iki kiciro cyari kigamije kugaragaza umubare w'abarimu bemera ko bafite ingorane mu kwigisha ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura, ingorane bafite izo ari zo, ibizitera ndetse n'icyakorwa kugira ngo basobanukirwa neza imiterere n'intêgo byabyo.

27. Igishushanyo kigaragaza abarimu bafite ingorane mu kwigisha ikinyazina



Abarimu bafite ingorane ni batandatu bangana na 40% naho abandi ikenda bangana na 60% kongeraho umwe wasubiriye ku rupapuro bemeje ko nta ngorane bafite. Umuntu yakwibaza impamvu hari ibibazo byabananiye haba ku bwoko n'isesengura by'ikinyazina k'inyunge kandi abenshi bemeza ko nta ngorane bafite. Ingorane abarimu bagaragaje zasesenguwe hifashishijwe uburyo bw'isesenguramiterere nk'uko twabisobanuwe mu mutwe wa gatatu.

Ikibazo gikurikira cyabazaga abarimu kuvuga ingorane bahura nazo mu myigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazin ndafutura. Mu gika gikurikira twasesenguye ibisubizo abarimu batanze kuri iki kibazo tugaragaza izo ngorane nk'uko bazivuze.

Zimwe mu ngorane abarimu bagaragaje ko bafite mu kwigisha ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura harimo ko imfashanyigisho zateguwe kwifashishwa mu kwigisha zidahuza amakuru atangwa ku kinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura, uturemajambo twabyo ntidusobanutse kuko usanga bitumvikana neza ahubwo higanjemo amarengayobora ateye urujijo cyanecyane ikinyazina ngenera ngenga cyo muri ngenga ya gatatu inteko ya mbere gikomera abanyeshuri kuko batabasha kugitandukanya n'ikinyazina ngenga cyo mu nteko ya mbere ndetse n'ibicumbi by'ikinyazina ndafutura kirekire n'ikigufi.

Ibi byose umuti wabyo ni ukubahiriza ihange ryo kwigira mu muryango n'amahame yo kwitegereza, kwigana no kurebera ku bandi.

Ikinyazina k'inyunge cyo muri ngenga ya gatatu inteko ya mbere aho kugira ngo ribe ijambo rirerire ahubwo riba rigufi. Urugero: umwana wa wê = umwana wê. Abarimu bavuga ko iyi miterere ibatera urujijo bakagira ngo ni ikinyazina ngenga bityo ntibashobore gutahura utundi turemajambo tudasanzwe tuba twiyongereyemo tugatuma kiba ikinyazina k'inyunge. Bavuze kandi ko bagira ingorane zo gusobanurira abanyeshuri impindurantego zacyo n'aho zituruka nk'urugero "cu" na "nyu" mu mwanya wa "twe" na "mwe". Abarimu bagaruka ku kibazo cy'urujijo rugaragara mu kinyazina ndafutura cyanecyane ibicumbi byacyo n'imiterere yacyo. Ibi bitekerezo abarimu batanze biragaragaza koko ko hari ibitanoze ku kinyazina ngenga n'ikinyazina ndafutura.

Isesengura ry'amakuru yatanze ku kibazo gikurikira ryari rigamiye kumenya ibitera ingorane zavuzwe hejuru. Amakuru kuri iki kibazo yadufashije kumenye inkomoko y'ibibazo bigaragara mu myigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenga n'ikinyazina ndafutura.

Abarimu bagaragaje muri rusange ko ingorane zihari, ziterwa no kuvuguruzana kw'imfashanyigisho, ibitabo bihari ntibibisobanura neza n'ingero zitangwa ntizihagije haba mu bitabo by'abanyeshuri cyangwa iby'abarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo bitanoze kandi bidahamye ndetse n'ubumenyi buke ku kinyazina ngenga n'ikinyazina ndafutura.


Ikibazo gikurikira kumenya ingorane abarimu bafite mu myigishirize y'ikinyazina ngenga n'ikinyazina ndafutura ni icyakorwa kugira ngo izo ngorane ziveho. Iki kibazo twakibajije tugamiye ko abarimu batugaragariza ibyakorwa

kugira ngo basobanukirwe neza imiterere y'ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura n'isesengurwa ryabyo.

Kugira ngo abarimu basobanukiwe neza imiterere y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura batanze ibitekerezo ku cyakorwa. Harimo kubongerera ubushobozi, gushyiraho itsinda ry'inzobere rinonosora kandi rigafutura ibidafututse ndetse hagahuzwa imfashanyigisho zikoreshwa mu mashuri. Abashakashatsi bacukumbura byimbitse hakaboneka igitabo kihariye kigaragaza imikoreshereze n'imisesengurire by'ibi binyazina. Ibi bitekerezo byose byatanzwe biragaruka ku ihange ryo kwigira mu muryango. Imikoranire n'abandi, kurebera ku bandi no kwigana ibyakozwe, gushungura ibizima n'ibitari bizima umuntu yibaza ikigomba gukurikizwa ni cyo gisubizo.

Ikibazo cya kane cyari kigamije kugaragaza urwego byafashaho abarimu n'abanyeshuri haramutse habayeho ikoranabuhanga ryifashishwa mu kwiga no kwigisha intêgo z'ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura.


28. Igishushanyo kigaragaza urwego ikoranabuhanga ryafashaho abarimu n'abanyeshuri mu myigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura



Nk'uko bigaragara ku gishushanyo, abarimu cumi na babiri kongeraho umwe wasubije adakoresheje ikoranabuhanga bavuze ko isesengura ry' ibi binyazina rishyizwe mu ikoranabuhanga byabafasha abarimu n'abanyeshuri ku rwego rwo hejuru. Abarimu babiri bo bavuze ko byabafasha ku rwego rwo hagati, naho undi umwe we yavuze ko byabafasha ku rwego rwo hasi. Ibi biragaragaza ko banyotewe n'ikoresha ry'ikoranabuhanga mu myigire n'imyigishirize.

Ikibazo cy'a gatanu cyari kigamije kugaragaza urwego ibitabo bikoreshwa mu mashuri byafashaho abarimu gusobanukirwa ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafuturwa.

29. Igishushanyo kigaragaza urwego ibitabo byafashaho abarimu gusobanukirwa ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafuturwa



Urwego rwagarutseho kenshi ni urwego rwo hagati. Abarimu batandatu bangana na 40% ni bo baruhisemo ariko runganya n'urwego rwo hejuru rwemejwe n'abarimu batanu bangana na 33.3% twongeyeho umwarimu umwe wasubije adakoresheje ikoranabuhanga. Ibi biragaragaza ko ibitabo bikoreshwa bihabwa agaciro n'ubwo bikenewe kunozwa kugira ngo birusheho kubafasha neza mu myigishirize yabo.

Ikibazo cy'a gatandatu cyari kigamije kugaragaza ubwoko bw'ibitabo abarimu bakoreshe mu mashuri bigisha ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafuturako.

Imb 35: Ibitabo abarimu bagaragaje ko bifashisha bigisha ikinyazina ngenze ngenda n'ikinyazina ndafuturako

Ibitabo byifashishwa mu kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye	Ubwisubire	Ijanisha	Ijanisha ryose hamwe
✓ Bizimana, S. (1998). Imiterere y'Ikinyarwanda. Amajwi, Amagambo n'Interuro.	6	27.3	27.3
✓ Editions Bakame (2010, 2013). Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye.	5	22.8	50.1
✓ Oveldulve, C.M (1988) Précis de Grammaire Kinyarwanda.	1	4.5	54.6
✓ Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (2019). Ikibonezamvugo cy'Ikinyarwanda mu Rwanda.	1	4.5	59.1
✓ Nsanzabiga na Twilingiyimana (2015). Umusogongero ku Iyigantego ry'Ikinyarwanda.	1	4.5	63.6
✓ REB (2017). Ikinyarwanda-Amashuri yisumbuye umwaka wa 3,4,5 na 6.	8	36.4	100.0
Igiteranyo	22	100.0	

Igitabo cyagarutsweho inshuro nyinshi ni Ikinyarwanda-Amashuri yisumbuye imyaka ya 4, 5 na 6 cya REB (2017). Bigaragara ko ari cyo gikoreshwa cyane kuko abarimu umunani bangana na 36.4% bagikoresha, ariko hakaba n'ibindi bicyunganira nk' Imiterere y'Ikinyarwanda cya Bizimana (1998) gikoreshwa n'abarimu batandatu bangana na 27.3% na Editions Bakame (2010, 2013) bikoresheye ku kigero cya 22.8%. Ibi bitabo ntibisesengura ibi binyazina mu buryo bwimbitse, bitanga ingero nke kandi bikavuguruzanya ni yo mpamvu twasanze abarimu badasobanukiwe ku kigero kingana. Igiteranyo kirarenga abarimu cumi na batandatu basubije ibindi bibazo kuko umwarimu yashoboraga guhitamo ibitabo birenze kimwe yifashisha n'abandi gutyo.

Uretse ibitabo byatanzwe, abarimu bongeyeho ibindi bibiri bifashisha ari byo: "Twumve, tuvuge, dusome, twandike, duhange mu Kinyarwanda" (igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu) n' "Ikinyarwanda- umwaka wa mbere w'Amashuri Nderabarezi (TTC) igitabo cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu".

Ikibazo cya karindwi cyari kigamije gutanga inshoza y'ikinyazina ngenera ngenga. Dore uko abarimu bagisobanuye.

Mu gusesengura ibitekerezo abarimu batanze ku inshoza y'ikinyazina ngenera ngenga cyangwa ikinyazina k'inyunge, twabishyize mu byiciro dushingiye ku magambo y'ingenzi bahuriyeho. Abarimu benshi bahuriye ku ngingo ivuga ko ari ikinyazina ngenera kiyunga n'ikinyazina ngenga. Abandi bongeyeho ikindi gitekerezo bavuga ko gihuriza hamwe igitunzwe n'ikigitunze. Muri make twavugaga ko ikinyazina ngenera ngenga ari ukwihuza kw'ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga kandi kiba gifite inyito yo kwerekanira icyarimwe igitunzwe n'ikigitunze.

Ikibazo cya munani cyari kigamije gutanga inshoza y'ikinyazina ndafutura. Dore uko abarimu bagisobanuye.

Kubera ubwinshi bw'ibisubizo byatanzwe kuri iki kibazo, mu gusesengura twabishyize mu byiciro dushingiye ku magambo y'ingenzi bahuriyeho maze tubivuga mu magambo make. Abarimu benshi bahuriye ku ngingo ivuga ko ikinyazina ndafutura ari ijambo ribanziriza, riherekeza cyangwa risimbura izina ariko ntirisobanure neza ikivugwa. Bongeyeho kandi ko kigira igicumbi -ndi ariko ntibasobanuye ko habaho igicumbi “-: ndi” gitinda n'igicumbi “- ndi” kibanguka ari byo bibyara ikinyazina ndafutura kirekire n'ikigufi. Undi mwarimu umwe we yasubije ko atagisobanukiwe nk'uko bigaragara hejuru ukaba wakwibaza icyo abwira abanyeshuri iyo ageze kuri iri somo.

4. 4. Umusozo

Ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura ni ibinyazina bikunze kugorana cyanecyane mu isesengura ryabyo. Si uko bikomeye kurusha ibindi binyazina, ahubwo ni uko ababyanditseho batabisobanura kimwe bityo bigatera urujijo. Amakuru yasesenguwe yagaragaje ko haba ku banyeshuri cyangwa abarimu bakeneye inzobere zabafasha kunoza ibi binyazina no gutanga umurongo rusange kuri ubu bumenyi bishimangirwa n'ihange ryo kwigira mu muryango ryayoboye ubu bushakashatsi. Ijwi ryacu muri uyu mutwe, rizabafasha cyane inzego zibishinzwe nizibigiramo uruhare ubu bushakashatsi bukagezwa kubabukeneye.

UMUTWE WA V: UMWANZURO RUSANGE N'IBYIFUZO

5. 1. Umwanzuro Rusange

Umwanzuro w'ubu bushakashatsi uribanda ku kuvuga muri make ibyakozwe n'uburyo byakozwemo n'icyo ubushakashatsi bwagaragaje ku myigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura tubihuza n'intego z'ubushakashatsi n'ihange twifashishije.

Muri ubu bushakashatsi twabanje kuvuga muri make ku bwoko bw'amagambo buzwi nk'ibinyazina. Twavuze ku kinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga kuko ari byo bihuzwa bikabyara ikinyazina k'inyunge kandi twagaragaje uko intego z'ubushakashatsi zagezweho.

Ubu bushakashatsi bufite insanganyamatsiko igira iti: "Imyigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura mu mashuri yisumbuye". Imwe mu ntego z'ubu bushakashatsi ni ugusuzuma ikigero abarimu n'abanyeshuri basobanukiweho isesengura ry'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura. Iyi ntego yagezweho kuko imbonwa zagagaragaje ko abarimu babisobanukiwe ku kigero cyo hagati naho abanyeshuri bo ni ku kigero cyo hasi cyane. Ubushakashatsi bwagaragaje ko ihange ryo kwigira mu muryango ari umuti urambye mu kuzamura ikigero cy'abarimu n'abanyeshuri ku bumenyi bw'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura.

Intego ya kabiri yari ukugaragaza icyuho kigaragara mu myigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura. Imbonwa zagagaragaje ko icyuho gihari kigaragara mu isesengura ry'ibi binyazina cyanecyane ikinyazina k'inyunge muri ngenga ya gatatu inteko ya mbere, kumenya gutandukanya isesengura ry'ikinyazina ndafutura kirekire n'ikigufi no kumenya gutandukanya

ibi binyazina n'ubundi bwoko bw'amagambo. Icyo cyuho giterwa n'ibitabo by'ikibonezamvugo bidahagije kandi bivuguruzanya n'ubumenyi buke kuri ibyo binyazina.

Intego ya gatatu ni ugusesengura byimbitse ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura no gutanga inama z'uho inyigishirize y'ibi binyazina yanzwa. Ubu bushakashatsi bwasesenguye amagambo y'ikinyazina ngenera ngenga n'ay'ikinyazina ndafutura akunze kugaragara nk'ayakomerera abantu kandi twatanze inama z'uho imyigishirize y'ibi binyazina yanzwa twibanda cyanecyane ku myigishirize igamije gufashanya, gusesengura no gushungura umuntu akuramo iby'ingenzi byamufasha, kurebera ku bandi, kwitegereza no kwigana, gusubiramo kenshi hakorwa imyitozo no kwigira mu matsinda bishingiye ku ihange ryo kwigira mu muryango.

Mu guhitamo itsinda nkeshwamakuru twakoresheje uburyo bwa tombora yoroheje ku banyeshuri. Twahisemo itsinda nkeshwamakuru ry'abanyeshuri mirongo itatu na bane kubera impamvu y'ubushobozi n'umwanya bidahagije kugira ngo tugere kuri benshi. Imbonwa zakusanyijwe hifashishijwe uburyo bw'urutonde rw'ibibazo abanyeshuri basubije. Mu guhitamo itsinda nkeshwamakuru ry'abarimu cumi na batandatu twifashijwe uburyo bwo guhitamo bushingiye ku mpamvu. Twifashishije kandi imbumbabutumwa iriho urutonde rw'ibibazo mu gukusanya amakuru ku barimu bigisha Ikinyarwanda.

Imbonwa z'ubu bushakashatsi zagaragaje ko abanyeshuri hari ibyo bazi n'ibyo badasobanukiwe ku bwoko bw'ibinyazina muri rusange. Byagaragaye ko abanyeshuri bageraheje gutahura ubwoko bw'amagambo abarizwa mu kinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura kuko mu magambo arindwi bahawe atanu

bayasubije neza ku bwiganze bwo hejuru. Ku rundi ruhande ubushakashatsi bwagaragaje ko badasobanukiwe uko ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura bisesengurwa kuko mu magambo cuni n'atatu yatanzwe asesenguye atatu yonyine ni yo abanyeshuri babashije guhitamo ko asesenguye neza.

Amakuru yagaragaje ko andi magambo icumi abarizwa mu bwoko bw'amagambo y'ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura batazi intêgo zayo. Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko abanyeshuri bafite ingorane mu myigire y'ibi binyazina ziterwa ahanini no kubyigishwa nabi no kubura umwanya wo kubikoraho ubushakashatsi, kuba nta bitabo bihagije na bike bihari bikaba bivuguruzanya bityo bikabagora kumenya iby'ukuri ndetse no kuba ikoranabuhanga ritaratera imbere ku buryo baja baryifashisha mu gushaka intêgo z'ibinyazina.

Ku barimu imbonwa z'ubu bushakashatsi zagagaragaje ko hari ibyo bazi n'ibyo batazi ku bwoko bw'ibinyazina muri rusange. Nk'uko twabibonye ku banyeshuri, abarimu na bo amakuru yakusanyijwe yagaragaje ko bagerageje gutahura ubwoko bw'amagambo abarizwa mu kinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura, kuko mu magambo arindwi bahawe abiri yonyine ari yo batashoboye gutahura ubwoko bwayo ku bwiganze bwo hejuru. Ku rundi ruhande ubushakashatsi bwagaragaje kandi ko abarimu benshi basobanukiwe uko ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura bisesengurwa kuko mu magambo cumi n'atatu yatanzwe asesenguye arindwi ni yo babashije gutahura ku bwisubire bwinshi intêgo zayo. N'ubwo arindwi bayashoboye, imbonwa zagagaragaje ko hari andi magambo atandatu batazi intêgo zayo. Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko hari abarimu bafite ingorane mu myigishirize y'ibi binyazina ziterwa ahanini no kutagira ibitabo by'ikibonezamvugo gihanye, ivuguruzanya ry'imfashanyigisho abarimu

bakoresha, imikoreshereze y'ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura itaranozwa n'imiterere yacyo isobetse kandi iteye urujijo n'ubumenyi buke kuri byo.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko abarimu n'abanyeshuri basobanukiwe inshoza y'ikinyazina ngenera ngenga nk'uko babisobanuye bagira bati: "Ikinyazina ngenera ngenga ni ikinyazina ngenera kiyunga n'ikinyazina ngenga kikerekanira icyarimwe igitunzwe n'ikigitunze". Bwagaragaje kandi ko basobanukiwe n'inshoza y'ikinyazina ndafutura nk'uko babisobanuye muri aya magambo: "Ikinyazina ndafutura cyangwa ndasigura ni ijambo ribanziriza, riherekeza cyangwa risimbura izina ariko ntirisobanure neza ikivugwa kandi kigira igicumbi -: ndi gitinda n'igicumbi – ndi kibanguka. N'ubwo abenshi bazi izi nshoza ariko hari undi mubare utari muto w'abatazisobanukiwe tutakwirengagiza kuko bigira ingaruka ku myigire n'imyigishirize y'ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura.

Mu isesengura ryakozwe twasanze abarimu bafite uburambe buri hejuru y'imyaka irindwi ari bo batashoboye gusubiza neza ibibazo babajijwe ku kinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura. Ibibazo byabazaga ubwoko bw'amagambo yakorejwe mu nteruro aciyeho akarongo babisubije neza ariko ibyerekeye intêgo z'amagambo byarabananiye. Ibisubizo bahisemo ni isesengura rigaragara mu bitabo bya kera byumvikana ko badasoma ibyanditswe vuba ngo bamenye icyo ubushakashatsi bwa vuba bwagiye bwongera mu bumemyi busanzwe.

Muri make imbonwa z'ubu bushakashatsi zagaragaje ko abanyeshuri basobanukiwe n'ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura ku kigero cyo hasi cyane, naho abarimu babisobanukiwe ku kigero cyo hagati. Gusoma neza no

gusobanukirwa n'ibikubiye muri uyu mwanzuro bifasha umusomyi gusobanukirwa ibyagaragajwe n'ubu bushakashatsi ku myigire n'imyigishirize y'ikinyazina k'inyunge n'ikinyazina ndafutura bihuzwa n'intego zabwo n'ihange ryo kwigira mu muryango ryayoboye ubu bushakashatsi.

5. 2. Ibyifuzo

Ubushakashatsi buvumbura ubumenyi, ubumenyi bukigishwa. Hakenewe imikoranire ya hafi kandi inoze ya za Kaminuza, ibigo bya Leta, inzego z'abikorera kugira ngo ubu bushakashatsi bugezwe ku bo bwagenewe bityo butange umusaruro. Nk'uko byagaragaye mu makuru yakusanyijwe, imyigire n'imyigishirize by'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura iracyafite ikibazo giterwa n'ubumenyi buke abarimu babyigisha bafite, ibitabo bivuguruzanya kandi bidahagije n'ikoranabuhanga ridakungahaye ku kibonezamvugo k'Ikinyarwanda.

Kugira ngo abarimu basobanukirwe neza imiterere y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura hari ibyakorwa. Abarimu bakeneye amahugurwa yo kubongerera ubushobozi kuri ubu bumenyi, bagomba gusoma n'izindi nyandiko z'ikibonezamvugo ziri mu zindi ndimi kugira ngo biyungure ubumenyi, gushyiraho ihuriro ry'abarimu bigisha Ikinyarwanda rihoraho nibura bagahura rimwe mu gihembwe bakungurana ibitekerezo, abarimu bagomba kugira umuco wo gusoma no gukora ubushakashatsi ku ngingo badasobanukiwe.

Ku banyeshuri hakenewe gushyira umwete ku byo biga aho badasobanukiwe bakabaza. Kugira umuco wo gusubiramo ibyo bize, wo gukora imyitozo myinshi, gusoma no gukora ubushakashatsi. Abarimu bagomba guha abanyeshuri imyitozo myinshi kandi bakabasobanurira ibyo badasobanukiwe.

Abategura integanyanyigisho bagomba kwitonda igihe bategura integanyanyigisho bakabanza gukusanya ubumenyi bwinshi bushoboka ku nteganyanyigisho bagiye gukora bashingiye ku bumenyi buri mu nyandiko zitandukanye. Bagomba gushyiraho itsinda ry'inzobere rinonosora kandi rigafutura ibidafututse ndetse bakaba banahuzwa imfashanyigisho zikoreshwa mu mashuri zose kugira ngo bakureho urujijo. Bagomba gukora ubushakashatsi bacukumbura byimbitse hakaboneka igitabo kihariye kigaragaza imikoreshereze n'imisesengurire by'ibi binyazina ndetse n'ibindi tutavuzeho. Gukorana n'abahanga mu inkoranabuhanga bagakora inkoranabuhanga zakwifashishwa kwiga no kwigisha Ikinyarwanda. Ikifuzo cyacu ni uko ababishyinzwe babishyiraho umutima n'umwete bafatiye no kuri ubu bushakashatsi bagira icyo bakora bakabunoza neza ubu bushakashatsi kandi havamo umurimo mwiza.

INDANGASOKO

Abdulaziz, Y. L. (1993). The language situation in Africa today. *Nordic Journal of African Studies*, 2(1), 79- 86.

Arthur, H. (1952). *The elements of Runyarwanda for English-speaking students*. Institut de Recherche Scientifique et Technologique (IRST).

Ahmed, E. N. (2016). *Masomo ya Kiswahili Sanifu, Kidato cha 2. Kitabu cha Mwanafunzi*. © Moran (E. A.) Publishers Ltd., – michoro. Nairobi, Kenya.

Bagaragaza, J. P. (2021). Uruhare rw'Ikinyarwanda, Ingobyi y'Umuco n'iterambere rirambye. *Umurage*: Kigali-Rwanda.

Bizimana, S. (1998). *Imiterere y'Ikinyarwanda. Igitabo cya I. Amajwi n'amagambo*. Butare: IRST

Bizimana, S. (1998). *Imiterere y'Ikinyarwanda. Igitabo cya II. Ubumenyajambo, Iyiganyito n'ikoranyamaambo*. Butare: IRST

Bizimana, S. (2002). *Imiterere y'Ikinyarwanda. Amajwi, Amagambo n'Interuro. Igitabo cya II*. Butare: IRST.

Bizimana, S., Nibagwire, L., & Zorc, D. (2007). *Kinyarwanda and Kirundi Comparative Grammar*, Hyattsville (USA), Dunwoody Press.

Cohen, L., Manion, L., & Morrison, K. (2000). *Research methods in education (5th edition)*. New York: RoutledgeFalmer.

Coupez, A., Kamanzi, T., Bizimana, S., et all. (2005). *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu*

Kinyarwanda nó mu Gifaransa; Dictionnaire Rwanda-Rwanda et Rwanda-Français.

Butare : IRST, Rwanda.

Coupez, A. (1961). *Grammaire Rwanda simplifiée*. Butare : Institut de Recherche Scientifique et Technologique (IRST).

Coupez, A. (1980). *Abrégé de Grammaire Rwanda*, Tome 1, 2. Butare : Institut de Recherche Scientifique et Technologique (IRST). Edition provisoire

Editions Bakame. (2010). *Ikinyarwanda. Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye*. Kigali, Rwanda.

Editions Bakame. (2013). *Ikinyarwanda. Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye. Icapwa rya II*. Kigali, Rwanda.

Gasimba, F..X. (2004). *Inganzo y'Ubwanditsi*. Kigali: Kigali Institute of Education.

Guillebaud, H. (1938). *Runyarwanda grammar*, s. 1.

Hurel, E. (1911). *Manuel de la langue Kinyarwanda*. Berlin

Igiraneza, T. (1991). *Ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda: Iyigamajwi n'iyigamvugo*. Kigali MINEPRISEC.

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco. (2012). *Raporo y'Inama y'Itsinda ry'Impuguke Ku Ivugurura ry'Amabwiriza Agenga Imyandikire Yemewe y'Ikinyarwanda*. Kigali, 21-23 Kanama 2012. RALC : Kigali.

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco. (2019). *Ikibonezamvugo cy'Ikinyarwanda mu Rwanda*. Kigali-Rwanda.

Inteko Nyarwanda y'Umuco n'Ururimi. (2017). *Ikibonezamvugo*. Icapwa rya mbere, ALPHA MEDIA Ltd.

Inteko Nyarwanda y'Umuco n'Ururimi. (2019). *Ikibonezamvugo*. Icapwa rya kabiri, ALPHA MEDIA Ltd.

Jouannet, F. (1983). *Le Kinyarwanda, langue bantu du Rwanda (éd)*. Etude linguistiques. Paris: SELAF.

Kellstedt, P. M., & Whitten, G. D. (2013). *Fundamentals of political science research (2nd edition)*. Cambridge: Cambridge University Press.

Kimenyi, A. (1980). A relational grammar of Kinyarwanda. Berkeley: *University of California Press*.

Kimenyi, A. (2002). *A tonal grammar of Kinyarwanda: An autosegmental and metrical analysis*. Lewiston, N.Y: The Edwin Mellen Press.

Kombo, K. D., & Tromp, L. A. (2006). *Proposal and thesis writing. An introduction*. Nairobi: Paulines Publications Africa.

Kothari, C. R. (1990). *Research Methodology. Methods and Techniques (2nd revised edition)*. Ansari. Road, Daryaganj, New Delhi: New Age International (P) Ltd., Publishers

Kumar, R. (2005). *Research methodology: A step-by-step guide for beginners (2nd edition)*. London : Sage Publication.

Ministère de l'enseignement Primaire et secondaire. (1986, 1993). *Lexique francais – Kinyarwanda de la Linguistique et de la Literature. Par la C. N. L.*

- Mugengano, J. (2019). *Ikibonezamvugo n'iyigandimi byisumbuye*. UTAB.
- Mukama, E., & Nkusi, L. (2019). *Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu*. Cape Town, South Africa: African Minds.
- Mutake, T. (1990). *Ikibonezamvugo k'ikinyarwanda: Iyigamajwi n'iyigamvugo*. Kigali: Les Editions de la Régie de l'Imprimerie Scholaire.
- Ndayipfukamiye, L. (1994). *Code switching in Burundi primary class-rooms*. In C. M. Rubagumya, *Teaching and researching language in african classrooms* (pp. 79 – 95). Clevedon: Multilingual Matters.
- Ngoboka, J. P. (2016). *Locatives in Kinyarwanda*. University of KwaZulu-Natal PhD thesis, Durban.
- Ngoboka, J. P., & Zeller, J. (2017). Conoint /disjoint alternation in Kinyarwanda. *Bereitgestellt Von. De Gruyter / TCS Angemeldet Heruntergeladen*.
- Nikuze, E. (2021). Ikoranyamagambo no gukungahaza Ikinyarwanda. *Umurage*, 9-10.
- Nikuze, E. (2014). *Towards a Theoretically Motivated model for the Lexicographic Representation of Kinyarwanda Phrasemes in General Kinyarwanda Dictionaries*. Stellenbosch University.
- Niyomugabo, C. (2021). Inama Nyunguranabitekerezo mu kumurika *Igazeti Umurage*. MS Teams.
- Nkejabahizi, J. C. (2018). *Isesenguranyandiko n'Ijoranzazo mu Kinyarwanda*. Eds of University of Rwanda. Butare.
- Nkongoli, L. (1964). *Grammaire du Kinyarwanda*. Ikibonezamvugo. IRST

Nsanzabiga, E. (2012). From the "trapped language" to the hybridized language: An Educational dilemma in Teaching Kinyarwanda. *Rwandan Journal of Education*, Volume 1 Issue 1.

Nsanzabiga, E., & Twilingiyimana, C. (2015). *Umusogongerero ku Rurimi n'Iyigantego by'Ikinyarwanda*. Kigali, Rwanda.

Oveldulve, C. M. (1988). *Précis de Grammaire Kinyarwanda*. Butare. IRST

Razieh, T.N. (2011-2012). Bandura's Social Learning Theory & Social Cognitive Learning Theory. *ResearchGate*.

REB. (2019). *Ikinyarwanda amashuri yisumbuye umwaka wa 4, amashami yiga Ikinyarwanda nk'isomo rusange*. Igitabo cy'umunyeshuri. Kigali, Rwanda.

REB. (2019). *Ikinyarwanda amashuri yisumbuye umwaka wa 6, amashami yiga Ikinyarwanda nk'isomo rusange*. Igitabo cy'umunyeshuri. Kigali, Rwanda.

Schumacher, P. (1921-1922, 1923-1924, 1929, 1931). La phonétique du Kinyarwanda. *Anthropos*.

Shimamungu, E. M. (1991). *Systématique verbo-temporelle du Kinyarwanda*. Lille: Ecole Nationale. Des Arts et Métiers.

Terrell, S. R. (2016). *Writing a Proposal for your Dissertation. Guidelines and Examples*. New York. London: The Guilford Press.

Warsame, A. A. (2001). How a strong Government backed an African language: The lessons of Somalia *International Review of education*, 47(3 – 4), 341 – 360.

Zeller, J., & Ngoboka, J. P. (2015). *On Parametric Variation in Bantu, with particular reference to Kinyarwanda*. University of KwaZulu-Natal. Durban.

IMIGEREKA

Umugereka wa 1: Urutonde rw'amuga yakoreshejwe

lexicon

Amakuru yibanze:	primary data
Amakuru yunganira:	secondary data
Isobanurambonwa:	data discussion
Ibikoresho by'ikusanyamakuru:	data collection tools
Ihitamo rishingiye ku mpamvu:	purposive sampling
Ihitamo rishingiye ku dutsiko tw'ahantu:	cluster sampling
Ihitamo rya tombora:	probability sample
Ihitamo ry'itsinda nkeshwamakuru:	sampling technique
Ijanisha:	percent
Ijanisha ryose hamwe:	cumulative percent
Ikusanyamakuru:	data collection
Imbata y'ubushakashatsi:	research design
Imbogamizi:	limitations
Imbonwa/amakuru:	data
Imfatashusho:	variable

Imbumbabutumwa:	link
Ingazabugenge/inkoranabuhanga:	software
Inkeneragihamya/inkeko:	hypothesis
Inyandiko ngufi y'ubushakashatsi:	paper/article
Itsinda nkeshwamakuru:	sample population
Isesenguramiterere:	qualitative analysis
Isesengura nyamubaro:	quantitative analysis
Isesengura ry'imbonwa/isesenguramakuru:	data analysis
Iyoboranzira/iyoboramikorere:	research approach
Ububonere:	validity
Ubwisubire:	frequency
Ubwizerwe:	reliability
Urutonde rw'ibibazo:	questionnaire

Umugereka wa 2: Ibaruwa ya Kaminuza y'u Rwanda inyemerera gukusanya amakuru



UNIVERSITY of
RWANDA

COLLEGE OF EDUCATION

RESEARCH AND INNOVATION UNIT

Rukara, 4th February 2022

Réf: 03/DRI-CE/016/EN/gi/2022

The Mayor
Rwamagana District
Eastern Province
Rwanda

Re: Research recommendation letter for Mr. Jean Prospère Bagaragaza

On behalf of the University of Rwanda-College of Education (UR-CE), I introduce Mr. Jean Prospère Bagaragaza, a post-graduate student at the School of Education of UR-CE. Mr. Bagaragaza is writing his thesis on: *"Imyigire n'imyigishirize y'ibinyazina ngenera ngenga na ndafutura mu mashuri yisumbuye"* to complete his Master of Education in Kinyarwanda Education.

He wishes to analyze the methodology used when teaching and learning *"ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura"* at secondary schools. Thus, he is requesting permission to collect data from secondary schools of Rwamagana district. The research participants are students and Kinyarwanda teachers at both the advanced and ordinary levels of the selected secondary schools.

Mr. Bagaragaza's research project passed successfully through an internal collegial ethical process. Thus, the University of Rwanda-College of Education: Directorate of Research and Innovation confirms that this research adheres to ethical standards and principles. Therefore, we kindly request you to accord him your cooperation in this research.

If you need more clarification, please do not hesitate to contact us at wrcresearchin@gmail.com. We very much hope to get your usual cooperation in serving our nation.

Yours sincerely,



Digitally signed by
UR (Rukara, Directorate of Research &
Innovation)
Date: 2022.02.7
Time: 09:18:13 +2'00

Assoc. Prof. Eugene Ndabaga
Director of Research and Innovation
University of Rwanda-College of Education
E-mail: ndabagav@yahoo.ie
Mobile: +250788308862

Cc:

- Principal, UR-CE
- Postgraduate Program Coordinator, School of Education
- Dr. Jean Paul Ngoboka(Supervisor)

EMAIL: dri.ce@ur.ac.rw

P.O. Box: 55 Rwamagana

WEBSITE: www.ur.ac.rw

Umugereka wa 3: Ibaruwa y'akarere ka Rwamagana inyemerera gukusanya amakuru

REPUBLIC OF RWANDA



EASTERN PROVINCE
RWAMAGANA DISTRICT
P.O. BOX 24 RWAMAGANA

Rwamagana 18/02/2022
NO 211 / OF. 01

To BAGARAGAZA Jean Prospere
Rwamagana


Re: your response of permission for conducting research

Dear ,
Reference is made to your letter of date 18/02/2022 requesting for Permission to carry out research for the study entitled “IMYIGIRE N’IMYIGISHIRIZE Y’IKINYAZINA NGENERA NGENGA NA NDAFUTURA MU MASHURI YISUMBUYE”;

I hereby allow you to carry out your research in Rwamagana District for the above mentioned subject in 3 secondary schools (TTC Bicumbi in Nzige sector, GS Muyumbu in Muyumbu sector and GS Bihembe in Nyakaliro sector) as you requested, and therefore request you to share with us your research findings before publication.

I wish you all the best.

Yours faithfully,



MBONYUMUVUNYI Radjab
Mayor of Rwamagana District.

CC:
Head teachers of TTC Bicumbi, GS Muyumbu and GS Bihembe

Umugereka wa 4: konsenti fomu



UNIVERSITY of
RWANDA

COLLEGE OF EDUCATION

Itariki.....

Bwana/Madamu/Madamazera.....

Nitwa **BAGARAGAZA Jean Prospère** umunyeshuri muri Kaminuza y'u Rwanda Koreji y'Uburezi mu Kiciro cya Gatatu cya Kaminuza mu kwigisha Ikinyarwanda. Ndi gukora ubushakashatsi ku nsanganyamatsiko igira iti: "Imyigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura mu mashuri yisumbuye". Ubu bushakashatsi bugamije gutanga inama mu kunoza imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura mu mashuri yisumbuye.

Mwatoranyijwe nk'abantu tubona ko mwadufasha gutanga ibitekerezo ku bibazo byateguwe kuri ubu bushakashatsi. Ibitekerezo byanyu ni ingirakamaro kandi bizafasha kunoza imyigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura mu mashuri yisumbuye.

Ndabasaba kumfasha mugasubiza ibibazo nabajije ku nshoza, ubwoko, uturemajambo n'ikoranabuhanga ku kinyazina ngenera ngenga n'ikinyazina ndafutura. Igisubizo icyo ari cyo cyose kizakirwa. Musabwa gutanga ibitekerezo byanyu uko mubishaka. Ibisubizo mwatanze bizaguma ari ibanga, nta hantu na hamwe tuzagaragaza umwirondoro wanyu. Ibisubizo bizakoreshwa muri ubu bushakashatsi gusa. Nta nkurikizi ku bisubizo mwatanze.

Nimwuzuza iyi nyandiko, muraba mwemeye kugira uruhare muri ubu bushakashatsi. Mwemerewe kandi kwisubiraho igihe icyo ari cyo cyose mwumva bibaye ngombwa.

Mbashimiye ubufatanye bwanyu muri ubu bushakashatsi.

Murakoze.

II. Kwemera ku bushake

Ngewendemeza ko nahawe amakuru
n'umushakashatsi.....kuri ubu bushakashatsi
bwitwa....., nasomye kandi nsobanukirwa ubu
bushakashatsi, ndetse mpabwa umwanya uhagije wo kugira icyo mbaza kuri ubu

bushakashatsi. Nzi neza ko amakuru nzatanga muri ubu bushakashatsi azaguma ari ibanga, kandi ntazigera nkurikiranwa kubera natanze ayo makuru.

Nsobanukiwe kandi ko nshobora kwisubiraho igihe cyose numva bibaye ngombwa, kandi ko kwisubiraho kwange bitagira amahirwe bimbuza mu kazi ndetse n'ahandi hose ubu ndetse no mu gihe kizaza.

Ku bw'ibyo, nemeye nta gahato kugira uruhare muri ubu bushakashatsi.

Ishuri:

Itariki.....

Umukono.....

Umugereka wa 4: Ibaruwa n'urutonde rw'ibibazo bigenewe abanyeshuri

IBIBAZO BY'UBUSHAKASHATSI BIGENEWE ABANYESHURI BIGA MU MWAKA WA 4, 5 CYANGWA 6 W'AMASHURI YISUMBUYE ISHAMI RY'INDIMI N'UBUVANGANZO.

IBARUWA IGARAAZA IMPAMVU Y'IRI KUSANYAMAKURU.

Banyeshuri nshuti zange,

Nitwa BAGARAGAZA Jean Prospère, umunyeshuri mugenzi wawe wiga muri kaminuza y'u Rwanda, Koreji y'Uburezi mu kiciro cya gatatu cya kaminuza mu burezi no kwigisha Ikinyarwanda (Master of Education in Kinyarwanda Education). Ndi gukora ubushakashatsi ku myigire n'imyigishirize y'ikinyazina ngenera ngenga na ndafuturira mu mashuri yisumbuye. Nabahisemo nk'abanyeshuri biga Ikinyarwanda kuko mbona ko mwampa ibitekerezo kuri iyi nsanganyamatsiko. Ibisubizo muzatanga bizaba ari ibanga kandi nta handi bizakoreshwa uretse muri ubu bushakashatsi.

Mbashimiye ubufatanye bwanyu.

AMABWIRIZA

- A. Ntiwandike amazina yawe kuri uru rupapuro rw'ibibazo.
- B. Ibibazo byose biteguye mu Kinyarwanda
- C. Musome neza buri kibazo musubize mwitonze

A) IKICIRO CYA MBERE K'IBIBAZO.

UMWIRONDORO WAWU (urahitamo ukoresheje ☒)

1. Hitamo igitsina cyawe

Hungu ☐
Kobwa ☐

2. Umwaka wigamo

Umwaka wa 4 ☐
Umwaka wa 5 ☐
Umwaka wa 6 ☐

3. Ufite imyaka ingahe?

Hagati y'imyaka 15-20 ☐
Hagati y'imyaka 20-25 ☐
Hagati y'imyaka 25-30 ☐

B IKICIRO CYA KABIRI K'IBIBAZO

Muri iki kiciro cya kabiri k'ibibazo, murasabwa guhitamo ubwoko bw'ijambo mwageneye ijambo mwahawe mukoresheje ☒.

1) Vuga ubwoko bw'amagambo yakoreshejwe mu nteruro.

A) Ngewe nkunda abanyeshuri bange kurusha undi muntu wese.

i) Ngewe:

- a. Ikinyazina ngenera ☐
- b. Ikinyazina ngenga ☐
- c. Ikinyazina ngenera ngenga ☐

ii) Bange:

- a. Ikinyazina ngenera
- b. Ikinyazina ngenga
- c. Ikinyazinga ngenera ngenga

iii) Undi:

- a. Ikinyazina ngenera
- b. Ikinyazina ndafutura

B) **Bamwe** bagende **abandi** basigare.

i) Bamwe

- a. Ikinyazina ndafutura
- b. Impushabwoko
- c. Ikinyazina nyamubaro

ii) Abandi

- a. Ikinyazina ndafutura
- b. Impushabwoko

C) **Ubundi** mbona tutorohewe, ariko Imana iri **kumwe** natwe.

i) Ubundi:

- a. Ikinyazina ngenera ngenga
- b. Ikinyazina ndafutura
- c. Impushabwoko

ii) Kumwe:

- a. Impushabwoko
- b. Ikinyazina nyamubaro

B) IKICIRO CYA GATATU K'IBIBAZO.

Muri iki kiciro cya gatatu k'ibibazo, murasabwa guhitamo intêgo (uturemajambo)n'itegeko ry'igenamajwi by'ukuri ku kinyazina mwahawe ukoresheje ☑.

2) Hitamo intêgo nvayo ku ijambo ryatanzwe n'amategeko y'igenamajwi.

A) Wowe ukunda abana bange.

i) Wowe:

- a. u-o-u-e u→w/LJ
- b. u-o-we u→w/LJ
- c. Nta gisubizo kirimo

ii) Bange:

- a. ba-a-ngi-e a→φ/LJ na i→φ/LJ
- b. ba-a-n-gi-e a→φ/LJ na i→φ/LJ
- c. ba-φ-ngi-e i→φ/LJ

B) Inka ze ziragirwa n'abana bacu.

i) Ze:

- a. zi-e i→φ/LJ
- b. zi-a-φ-e i→φ/LJ na a→φ/LJ
- c. zi-φ-φ-e i→φ/LJ

ii) Bacu:

- a. ba-a-φ-cu a→φ/LJ
- b. ba-a-cu-φ a→φ/LJ
- c. ba-cu

C) Abandi bakobwa bagira isuku ariko uwanyu yaranyobeye.

i) Abandi:

- a. a-ba:-ndi a→φ/LJ
- b. a-ba-ndi
- c. a-ba-andi a→φ/LJ

ii) Uwanyu:

- a. u-u-a-φ-nyu u→w/LJ
- b. u-u-a-nyu-φ u→w/LJ
- c. u-wa-nyu

D. Twebwe dutegereje undi mwana uzazana ayandi mabuye ku mutwe we.

i) Twebwe:

- a. tu-e-bu-e u→w/LJ
- b. tu-e-bwe u→w/LJ

ii) Undi:

a. u-ndi

b. u-:ndi

iii) Ayandi:

a. a-a-:ndi

$a \rightarrow y/LJ$

b. a-a-andi

$a \rightarrow y/LJ$

c. a-ya-ndi

iv) We:

a. u-e

$u \rightarrow w/LJ$

b. u- ϕ - ϕ -e

$u \rightarrow w/LJ$

c. u- ϕ -e- ϕ

$u \rightarrow w/LJ$

E) Karekezi yambereye uwundiwundi kandi iyindi mirima yarahinzwe na ya nka imbera **indiyindi**.

i) Uwundiwundi:

a. u-u-:ndi- ϕ -u-:ndi

$u \rightarrow w/LJ$

b. u-u-ndi- ϕ -wu-ndi

$u \rightarrow \phi/LJ$

c. u-wu- ndi-wu-ndi

ii) Iyindi:

a. i-i-:ndi

$i \rightarrow y/LJ$

b. i-yi-:ndi

$i \rightarrow y/LJ$

C. i-yi-ndi

iii) Indiyindi:

a. i-ndi- ϕ -yi-ndi

b. i-ndi- ϕ -i-:ndi

$i \rightarrow y/LJ$

c. i- ndi-yi-ndi

d. i-ndi- ϕ -i-indi

$i \rightarrow y/LJ$

C) IKICIRO CYA KANE K'IBIBAZO.

Muri iki kiciro cya kane k'ibibazo, Hari aho musabwa guhitamo mukoresheje ☒ n'aho muri butange ibitekerezo byanyu bwite.

3.Hakorwa iki kugira ngo usobanukirwe neza imiterere y'ikinyazina ngenera ngenga n'isesengura ryacyo?

.....
.....
.....

4.Hakorwa iki kugira ngo usobanukirwe neza imiterere y'ikinyazina ndafutura n'isesengura ryacyo?

.....
.....
.....

5.Ese ubona isesengura ry'ibi binyazina rishyizwe mu ikoranabuhanga byafasha abanyeshuri ku ruhe rwego?

Abanyeshuri: hejuru hagati hasi ntacyo byabafasha

6. Ibitabo mukoresha bigufasha gusobanukirwa ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura ku ruhe rwego?

- a. Urwego rwo hejuru cyane
- b. Urwego rwo hejuru
- c. Urwego ruringaniye
- d. Urwego rwo hasi
- e. Hafi ya ntarwo

7. Ni ibihe bitabo muri ibi mwarimu wanyu yifashisha abigisha ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura?

- a. Imitere y'Ikinyarwanda. *Amajwi, Amagambo n'Interuro* (Bizimana Simoni, 1998)
- b. Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye (Edution Bakame, 2013).
- c. Précis de grammaire Kinyarwanda (Oveldulve , C.M, 1988).
- d. Abrégé de grammaire Rwanda (*André Coupez*, 1980).
- e. Umusogongero ku Rurimi n'Iyigandimi by'Ikinyarwanda (Nsanjabiga, E. na Twilingiyimana, C. 2013).
- f. Ikibonezamvugo cy'Ikinyarwanda mu Rwanda (Inteko Nyarwanda y'Umuco n'Ururimi, 2019).
- g. Ikibonezamvugo. Icapwa rya mbere (Inteko Nyarwanda y'Umuco n'Ururimi, 2017).
- h. Ikibonezamvugo. Icapwa rya kabiri (Inteko Nyarwanda y'Umuco n'Ururimi, 2019).
- i. Ikibonezamvugo cy'amashuri yo mu Rwanda (Nkongoli, L., 1946).
- j. *Ikinyarwanda-Amashuri yisumbuye umwaka wa 3,4,5 cg 6* (Murera, J. M. V na bagenzi be, 2017).
- k. Nta nakimwe

8. Niba hari ibindi yifashisha bitavuzwe hejuru bivuge

.....
.....
.....

9. Ese usobanukiwe isano n'itandukaniro by'ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura cyo mu Kinyarwanda n'icyo mu zindi ndimi? Nuhitamo yego urahita usubiza ikibazo cya 10 naho nusubiza oya urasimbuka icya 10 ukore ikibazo cya 11.

Yego ☐ Oya ☐

10. Niba ari yego ku kibazo cya 9, tanga urugero rw'ururimi rumwe unasobanure aho ikinyazina ngenera ngenga cyo muri urwo rurimi gihuriye cyangwa gitandukaniye n'ikinyazina ngenera ngenga cyo mu Kinyarwanda.

.....
.....
.....
.....

11. Mu magambo make sobanura ikinyazina ngenera ngenga.

.....
.....
.....
.....

12. Mu magambo make sobanura ikinyazina ndafutura.

.....

Umugereka wa 5: Ibaruwa n’urutonde rw’ibibazo bigenewe abarimu

Ibibazo by’ubushakashatsi bigenewe
abarimu bigisha Ikinyarwanda mu mashuri
yisumbuye.

Form description

IBARUWA IGARAGAZA IMPAMVU Y’IKUSANYAMAKURU

Bavandimwe musubiza,

Nitwa BAGARAGAZA Jean Prospere, umunyeshuri muri Kaminuza y’u Rwanda, Koreji y’Uburezi mu Kiciro cya Gatatu cya Kaminuza mu burezi no kwigisha Ikinyarwanda (Master of Education in Kinyarwanda Education). Ndi gukora ubushakashatsi ku myigire n’imyigishirize y’ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura mu mashuri yisumbuye. Nabahisemo nk’abarimu bigisha Ikinyarwanda kuko mbona ko mwamfasha kumpa ibitekerezo kuri iyi nsanganyamatsiko. Ibisubizo byanyu nta kindi bizakoresheya kinyuranye n’ubu bushakashatsi kandi mbazzeranyije ko amakuru muzatanga ari ibanga.

Mbashimiye ubufatanye bwanyu.

AMABWIRIZA

- A. Nta ho musabwa kwandika amazina yanyu kuri uru rupapuro rw’ibibazo
- B. Ibibazo byose biri mu rurimi rw’Ikinyarwanda
- C. Musome neza buri kibazo musubize mugendeye ku buryo cyabajijwe.

A) UMWIRONDORO WAWU.

1. Hitamo igitsina cyawe *

- ☐ Gabo
- ☐ Gore

...

2. Umwaka wigishamo *

- ☐ Umwaka wa 1
- ☐ Umwaka wa 2
- ☐ Umwaka wa 3
- ☐ Umwaka wa 4
- ☐ Umwaka wa 5
- ☐ Umwaka wa 6

Igihe umaze wigisha Ikinyarwanda *

- ☐ Hahati y'Imyaka 1-3
- ☐ Hahati y'Imyaka 4-6
- ☐ Hahati y'Imyaka 7-9
- ☐ Icumi no hejuru yayo

3. Irangamimerere ryawe *

- ☐ Ingaragu
- ☐ Ndubatse
- ☐ Natandukanye n'uwo twashakanye
- ☐ Narapfakaye

4. Amashuri wize *

- ☐ Amashuri yisumbuye (A2)
- ☐ Ikiciro cya mbere cya kaminuza (A1)
- ☐ Ikiciro cya kabiri cya kaminuza (A0)
- ☐ Ikiciro cya gatatu cya kaminuza (Masters)

5. Ufite imyaka ingahe? *

- ☐ Hagati y'imyaka 18-25
- ☐ Hagati y'imyaka 25-35
- ☐ Hagati y'imyaka 35-45
- ☐ Hagati y'imyaka 45-55
- ☐ Hagati y'imyaka 55-65

B) IKICIRO CYA KABIRI K'IBIBAZO.

Muri iki kiciro cya kabiri k'ibibazo, murasabwa guhitamo ubwoko bw'ijambo mwari

1) Vuga ubwoko bw'amagambo yakoreshejwe mu nteruro. A) Ngewe n bange kurusha undi muntu wese. i) Ngewe

- ☐ Ikinyazina ngenera
- ☐ Ikinyazina ngenga
- ☐ Ikinyazinga ngenera ngenga

ii) Bange: *

- ☐ Ikinyazina ngenera
- ☐ Ikinyazina ngenga
- ☐ Ikinyazinga ngenera ngenga

iii) Undi: *

- ☐ Ikinyazina ngenera
 - ☐ Ikinyazina ndafutura
-

B) Bamwe bagende abandi basigare. i) Bamwe *

- ☐ Ikinyazina ndafutura
 - ☐ Impushabwoko
 - ☐ Ikinyazina nyamubaro
-

ii) Abandi *

- ☐ Ikinyazina ndafutura
- ☐ Impushabwoko

C. Ubundi mbona tutorohewe, ariko Imana iri kumwe natwe. i) Ubundi: *

- ☐ Ikinyazina ngenera ngenga
 - ☐ Ikinyazina ndafutura
 - ☐ Impushabwoko
-

ii) Kumwe: *

- ☐ Impushabwoko
 - ☐ Ikinyazina nyamubaro
-

C) IKICIRO CYA GATATU K'IBIBAZO.

Muri iki kiciro cya gatatu k'ibibazo, murasabwa guhitamo intêgo (uturemajambo) n'itegeko ry'igenamajwi by'umwawawe.

2) Hitamo intêgo nyayo ku ijambo ryatanzwe n'amategeko y'igenamajwi. A) Wowê ukunda abana bange. i) Wowê:

- ☐ u-o-u-ê $u \rightarrow w / -J$
- ☐ u-o-wê $u \rightarrow w / -J$
- ☐ Nta gisubizo cy'ukuri kirimo

ii) Bange: *

- ☐ ba-a-ngi-e $a \rightarrow \phi / -J$ na $i \rightarrow \phi / -J$
- ☐ ba-a-n-gi-e $a \rightarrow \phi / -J$ na $i \rightarrow \phi / -J$
- ☐ ba- ϕ -ngi-e $i \rightarrow \phi / -J$

B) Inka zê ziragirwa n'abana bacu. i) Zê: *

- ☐ zi-ê $i \rightarrow \phi / -J$
- ☐ zi-a- ϕ -ê $i \rightarrow \phi / -J$ na $a \rightarrow \phi / -J$
- ☐ zi- ϕ - ϕ -ê $i \rightarrow \phi / -J$

ii) Bacu: *

- ☐ ba-a- ϕ -cu $a \rightarrow \phi / -J$
- ☐ ba-a-cu- ϕ $a \rightarrow \phi / -J$
- ☐ ba-cu

C) Abandi bakobwa bagira isuku ariko uwanyu yaranyobeye. i) Abandi: *

☐ a-ba:-ndi $a \rightarrow \phi / -J$

☐ a-ba- ndi

☐ a-ba-andi $a \rightarrow \phi / -J$

ii) Uwanyu: *

☐ u-u-a- ϕ -nyu $u \rightarrow w / -J$

☐ u-u-a-nyu- ϕ $u \rightarrow w / -J$

☐ u-wa-nyu

D.Twebwê dutegereje undi mwana uzazana ayandi mabuye ku mutwe wê. i)Twebwê: *

☐ tu-e-bu-ê $u \rightarrow w / -J$ na $u \rightarrow w / -J$

☐ tu-e-bwê $u \rightarrow w / -J$

ii)Undi: *

☐ u-ndi

☐ u:-ndi $u \rightarrow w / -J$

...

iii) Ayandi: *

☐ a-a:-ndi $a \rightarrow y / -J$

☐ a-a-andi $a \rightarrow y / -J$

☐ a-ya-ndi

iv) Wê: *

☐ u-ê $u \rightarrow w/-J$

☐ u- ϕ - ϕ -ê $u \rightarrow w/-J$

☐ u- ϕ -ê- ϕ $u \rightarrow w/-J$

E) Karekezi yambereye uwundiwundi kandi iyindi mirima yarahinzwe na ya nka imbera indiyindi. i) Uwundiwundi:

☐ u-u-: ndi- ϕ -u-: ndi $u \rightarrow w/-J$ $u \rightarrow w/-J$

☐ u-u-ndi- ϕ -wu-ndi $u \rightarrow \phi/-J$

☐ u-wu- ndi-wu-ndi

ii) Iyindi: *

☐ i-i - : ndi $i \rightarrow y/-J$

☐ i-yi - : indi $i \rightarrow y/-J$

☐ i-yi - ndi

iii) Indiyindi: *

☐ i-ndi- ϕ -yi- ndi

☐ i-ndi- ϕ -i-: ndi $i \rightarrow y/-J$

☐ i- ndi-yi- ndi

☐ i-ndi- ϕ -i- indi $i \rightarrow y/-J$

D) IKICIRO CYA KANE K'IBIBAZO.

Muri iki kiciro cya kane k'ibibazo, Hari aho musabwa guhitamo n'aho muri butange ibitekerezo byanyu bwite.

1. Hari ingorane ufite mu kwigisha ikinyazina ngenera ngenga? *

☐ Yego

☐ Oya

Tanga ibitekerezo byawe.

Description (optional)

3.Hakorwa iki kugira ngo usobanukirwe neza imiterere y'ikinyazina ngenera ngenga n'isesengura ryacyo?

Long answer text

4. Hakorwa iki kugira ngo usobanukirwe neza imiterere y'ikinyazina ndafutura n'isesengura ryacyo?

Long answer text

5. Ese ubona isesengura ry'ibi binyazina rishyizwe mu ikoranabuhanga byafasha abarimu n'abanyeshuri ku ruhe rwego? *

	hejuru	hagati	hasi	ntacyo byabafasha
Abarimu	☐	☐	☐	☐
Abanyeshuri	☐	☐	☐	☐

6.Ibitabo ukoresha bigufasha gusobanukirwa ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura ku ruhe rwego? *

	1	2	3	4	5	
hafi ya ntarwo	☐	☐	☐	☐	☐	rwo hejuru cyane

7. Ni ibihe bitabo wifashisha wigisha ikinyazina ngenera ngenga na ndafutura? *

- ☐ Imitere y'Ikinyarwanda. Amajwi, Amagambo n'Interuro (Bizimana Simoni, 1998)
- ☐ Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye (Edution Bakame, 2013).
- ☐ Précis de grammaire Kinyarwanda (Oveldulve , C.M, 1988).
- ☐ Abrégé de grammaire Rwanda (André Coupez, 1980).
- ☐ Umusogongerero ku Rurimi n'Iyigandimi by'Ikinyarwanda (Nsanjabiga, E. na Twilingiyimana, C. 2015).
- ☐ Ikibonezamvugo cy'Ikinyarwanda mu Rwanda (Inteko Nyarwanda y'Umuco n'Ururimi, 2019).
- ☐ Ikibonezamvugo. Icapwa rya mbere (Inteko Nyarwanda y'Umuco n'Ururimi, 2017).
- ☐ Ikibonezamvugo. Icapwa rya kabiri (Inteko Nyarwanda y'Umuco n'Ururimi, 2019).
- ☐ Ikibonezamvugo cy'amashuri yo mu Rwanda (Nkongoli, L., 1946).
- ☐ Ikinyarwanda-Amashuri yisumbuye umwaka wa 3,4,5 cg 6 (Murera, J. M. V na bagenzi be, 2017).
- ☐ Nta nakimwe

8. Niba hari ibindi wifashisha bitavuzwe hejuru bivuge *

Long answer text

9. Ese usobanukiwe isano n'itandukaniro by'ikinyazina ngenera ngenga cyo mu Kinyarwanda n'icyo mu zindi ndimi?

☐ Yego

☐ Oya

Tanga inshoza



Description (optional)

11. Mu magambo make sobanura ikinyazina ngenera ngenga. *

Long answer text

12. Mu magambo make sobanura ikinyazina ndafutura. *

Long answer text

Umugereka wa 6: Imbonerahamwe y'ibinyazina ngenera ngenga

Ngenga/Inteko		IBINYAZINA NGENERA NGENGA			
		Bidafite indomo		Bifite indomo	
		Ibinyazina	Intêgo n'amategeko y'igenamajwi	Ibinyazina	Intêgo n'amategeko y'igenamajwi
Ngenga ya:	1 Ub	wange	u-a-n-gi-e u → w /- J, i → ϕ /- J	uwange	u-u-a-n-gi-e u → w /- J, i → ϕ /- J
	1 Ubw	wacu	u-a-cu- ϕ u → w /- J	uwacu	u-u-a-cu- ϕ u → w /- J
	2 Ub	wawe	u-a-u-e u → w /- J, u → w /- J	uwawe	u-u-a-u-e u → w /- J, u → w /- J
	2 Ubw	wanyu	u-a-nyu- ϕ u → w /- J	uwanyu	u-u-a-nyu- ϕ u → w /- J
Inteko ya:	1	wê	u- ϕ- ϕ-ê u → w /- J	uwê	u-u- ϕ- ϕ-ê u → w /- J
	2	wabo	u-a-ba-o u → w /- J, a → ϕ /- J	uwabo	u-u-a-ba-o u → w /- J, a → ϕ /- J
	3	wawo	u-a-u-o u → w /- J, u → w /- J	uwawo	u-u-a-u-o u → w /- J, u → w /- J
	4	wayo	u-a-i-o u → w /- J, i → y /- J	uwayo	u-u-a-i-o u → w /- J, i → y /- J
	5	waryo	u-a-ri-o u → w /- J, i → y /- J	uwaryo	u-u-a-ri-o u → w /- J, i → y /- J
	6	wayo	u-a-i-o u → w /- J, i → y /- J	uwayo	u-u-a-i-o u → w /- J, i → y /- J

	7	wacyo	u-a-ki-o $u \rightarrow w /- J, i \rightarrow y /- J$	uwacyo	u-u-a-ki-o $u \rightarrow w /- J, i \rightarrow y /- J$
	8	wabyo	u-a-bi-o $u \rightarrow w /- J, i \rightarrow y /- J$	uwabyo	u-u-a-bi-o $u \rightarrow w /- J, i \rightarrow y /- J$
	9	wayo	u-a-i-o $u \rightarrow w /- J, i \rightarrow y /- J$	uwayo	u-u-a-i-o $u \rightarrow w /- J, i \rightarrow y /- J$
	10	wazo	u-a-zi-o $u \rightarrow w /- J, i \rightarrow \phi /- J$	uwazo	u-u-a-zi-o $u \rightarrow w /- J, i \rightarrow \phi /- J$
	11	warwo	u-a-ru-o $u \rightarrow w /- J, u \rightarrow w /- J$	uwarwo	u-u-a-ru-o $u \rightarrow w /- J, u \rightarrow w /- J$
	12	wako	u-a-ka-o $u \rightarrow w /- J, a \rightarrow \phi /- J$	uwako	u-u-a-ka-o $u \rightarrow w /- J, a \rightarrow \phi /- J$
	13	watwo	u-a-tu-o $u \rightarrow w /- J, u \rightarrow w /- J$	uwatwo	u-u-a-tu-o $u \rightarrow w /- J, u \rightarrow w /- J$
	14	wabwo	u-a-bu-o $u \rightarrow w /- J, u \rightarrow w /- J$	uwabwo	u-u-a-bu-o $u \rightarrow w /- J, u \rightarrow w /- J$
	15	wako	u-a-ka-o $u \rightarrow w /- J, a \rightarrow \phi /- J$	uwako	u-u-a-ka-o $u \rightarrow w /- J, a \rightarrow \phi /- J$
	16	waho	u-a-ha-o $u \rightarrow w /- J, a \rightarrow \phi /- J$	uwaho	u-u-a-ha-o $u \rightarrow w /- J, a \rightarrow \phi /- J$

Umugereka wa 7: Imbonerahamwe y'ibinyazina ndafutura

In te ko	IBINYAZINA NDAFUTURA CYANGWA NDASIGURA									
	Bigufi		Birebire bidafite indomo		Bigufi byiyunze n'ibirebire		Birebire bifite indomo		Birebire byisubiyemo	
	Ibinyazina	Intêgo	Ibinyazina	Intêgo	Ibinyazina	Intêgo	Ibinyazina	Intêgo	Ibinyazin a	Intêgo
1	undi	u-ndi	wundi	ϕ-u-: ndi	undiwundi	u-ndi- ϕ- u-: ndi	uwundi	u-u-: ndi	uwundiw undi	u-u-: ndi-ϕ- u-: ndi
2			bandi	ϕ-ba-: ndi			abandi	a-ba-: ndi	abandiba ndi	a-ba-: ndi-ϕ- ba-: ndi
3	undi	u-ndi	wundi	ϕ-u-: ndi	undiwundi	u-ndi- ϕ-	uwundi	u-u-:	uwundiw	u-u-: ndi-ϕ-

						u-: ndi		ndi	undi	u-: ndi
4	indi	i-ndi	yindi	ϕ-i-: ndi	indiyindi	i-ndi- ϕ- i-: ndi	iyindi	i-i-: ndi	iyindiyin di	i-i-: ndi-ϕ-i-: : ndi
5			rindi	ϕ-ri-: ndi			irindi	i-ri-: ndi	irindirind i	i-ri-: ndi-ϕ- ri-: ndi
6	andi	a-ndi	yandi	ϕ-a-: ndi	andiyandi	a-ndi- ϕ- a-: ndi	ayandi	a-a-: ndi	ayandiya ndi	a-a-: ndi-ϕ- a-: ndi
7			kindi	ϕ-ki-: ndi			ikindi	i-ki-: ndi	ikindikin di	i-ki-: ndi-ϕ- ki-: ndi

8			bindi	ϕ-bi-: ndi			ibindi	i-bi-: ndi	ibindibin di	i-bi-: ndi-ϕ- bi-: ndi
9	indi	i-ndi	yindi	ϕ-i-: ndi	indiyindi	i-ndi- ϕ- i-: ndi	iyindi	i-i-: ndi	iyindiyin di	i-i-: ndi-ϕ-i- : ndi
10			zindi	ϕ-zi-: ndi			izindi	i-zi-: ndi	izindizind i	i-zi-: ndi-ϕ- zi-: ndi
11			rundi	ϕ-ru-: ndi			urundi	u-ru-: ndi	urundirun di	u-ru-: ndi-ϕ- ru-: ndi
12			kandi	ϕ-ka-: ndi			akandi	a-ka-: ndi	akandika ndi	a-ka-: ndi-ϕ-

										ka-: ndi
13			tundi	ϕ-tu-: ndi			utundi	u-tu-: ndi	utunditun di	u-tu-: ndi-ϕ- tu-: ndi
14			bundi	ϕ-bu-: ndi			ubundi	u-bu-: ndi	ubundibu ndi	u-bu-: ndi-ϕ- bu-: ndi
15			kundi	ϕ-ku-: ndi			ukundi	u-ku-: ndi	ukundiku ndi	u-ku-: ndi-ϕ- ku-: ndi
16			handi	ϕ-ha-: ndi			ahandi	a-ha-: ndi	ahandiha ndi	a-ha-: ndi-ϕ- ha-: ndi